URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

RGB

Rwanda Governance Board

# Raporo y'umwaka y'Ibikorwa 2017 - 2018

## IMIHIGO | 2018 - 2019

Nzeli, 2018

www.rgb.rw

info@rgb.rw

@GovernanceRw

Rwanda Governance Board

6819 Kigali

**IJAMBO RY'IBANZE**

Mu izina ry'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) no mu izina ryanjye bwite nejejwe no kubagezaho Raporo y'Ibikorwa by'Umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2017-2018 n'incamake y'Ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019. Nk'uko biteganywa n'itegeko, RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko ishinga amategeko imitwe yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe.

Ni ku nshuro ya kabiri RGB itanze raporo y'ibikorwa kuva inshingano zayo zavugururwa ikaba urwego rwigenga, rufite ubwisanzure mu mikorere. Iyi raporo igaragaza uko Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyize mu bikorwa ibyari biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018. Iyi raporo kandi irerekana ibibazo bikeneye kwitabwaho mu nzego zitandukanye nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi n'igenzura bya RGB.

Ibikorwa byari biteganyijwe byashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 94.4%. Ingengo y'imari yari iteganyijwe yakoreshejwe ku kigero cya 93%. Ndashimira abayobozi n'abakozi ba RGB bakoranye umurava kugira ngo ibi bigerweho nkaba ntashidikanya ko bazakomeza kurangwa n'umuco w'ubudashyikirwa, ubunyangamugayo no gukorera hamwe nk'uko biri mu mahame ngenderwaho ya RGB.  Ibyagezweho kandi RGB ibikesha ubufatanye n'izindi nzego zaba iza Leta, iz'Abikorera, Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'itangazamakuru.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, ibikorwa bya RGB bizibanda ku kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego zose, gukora ubushakashatsi bushingirwaho hategurwa ingamba zo guteza imbere umuturage no gushimangira ubufatanye hagati y'inzego za Leta, iz'Abikorera, Imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere. Ubu bufatanye bwitezweho kongera ingufu mu mpinduka nziza mu mibereho y'abaturage. Mu bikorwa byose bya RGB tuzaharanira ko umuturage aza ku isonga bityo dutange umusanzu mu guha abaturage ibyo badutezeho.

Turashima Guverinoma y' u Rwanda yafashije RGB gushyira mu bikorwa ibyo yari yateganyije gukora mu mwaka wa 2017-2018 iyigenera ingengo y'imari binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi. Turashimira kandi abafatanyabikorwa ku nkunga bahaye RGB yaba iy'amafaranga na tekiniki byatumye ibasha gushyira mu bikorwa gahunda n'imishinga bitandukanye. Turabasaba kandi ko ubu bufatanye bwakomeza ndetse bukarushaho gutera imbere kugira ngo ibikorwa biteganyijwe bizarusheho guhindura ubuzima bw'abaturage.

**Prof. SHYAKA Anastase**
**Umukuru w'Urwego**

## Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda

| INKINGI YA 1: IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO | 84.59 |
|---|---|
| Ibipimo 5 | |
| Imikorere y'ubucamanza | 78.48 |
| Imikorere y'inteko ishinga amategeko | 85.31 |
| Imikorere y'ubushinjacyaha | 90.76 |
| Kubona ubutabera ku gihe | 77.00 |
| Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu butabera | 91.40 |

| INKINGI 2: UBWISANZURE MU BYA POLITIKE N'UBURENGANZIRA BW'ABATURAGE | 83.83 |
|---|---|
| Ibipimo 7 | |
| Demokarasi n'ubwisanzure | 84.30 |
| Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu gushyiraho politiki | 67.33 |
| Uburenganzira bw'itangazamakuru | 85.85 |
| Iyandikwa ry'amashyaka n'imikorere yayo | 76.87 |
| Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta | 84.86 |
| Kubahiriza uburenganzira bwa muntu | 87.61 |
| Amasezerano mpuzamahanga arebana n'uburenganzira bwa muntu | 100.00 |

| INKINGI YA 3: IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA | 76.79 |
|---|---|
| Ibipimo 5 | |
| Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 65.63 |
| Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage | 75.63 |
| Uruhare rwa sosiyete sivile | 72.45 |
| Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi | 83.24 |
| Gusaranganya ubutegetsi | 87.00 |

| INKINGI YA 4: UMUTEKANO | 94.97 |
|---|---|
| Ibipimo 4 | |
| Kubungabunga umutekano | 95.24 |
| Umutekano rusange w'Igihugu | 98.80 |
| Umutekano w'abantu n'ibintu | 91.87 |
| Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda | 93.95 |

| INKINGI YA 5: KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE | 75.55 |
|---|---|
| Ibipimo 4 | |
| Uburezi | 82.12 |
| Ubuzima | 82.87 |
| Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage | 63.79 |
| Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije | 73.43 |

| INKINGI YA 6: KURWANYA RUSWA NO GUKORERA MU MUCYO | 83.72 |
|---|---|
| Ibipimo 3 | |
| Ibyaha bijyanye na ruswa | 80.50 |
| Kurwanya ruswa | 81.96 |
| Gukorera mu mucyo | 88.70 |

| INKINGI YA 7: IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI | 74.25 |
|---|---|
| Ibipimo 4 | |
| Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze | 85.60 |
| Serivisi z'ubutabera | 74.30 |
| Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage | 70.62 |
| Serivisi z'ubukungu | 66.48 |

| INKINGI YA 8: IMIYOBORERE MU BUKUNGU N'UBUCURUZI | 78.04 |
|---|---|
| Ibipimo 5 | |
| Ibipimo by'ubukungu | 74.25 |
| Kuzamura umutungo w'Igihugu n'ibyoherezwa mu mahanga | 64.41 |
| Guteza imbere ubucuruzi | 84.53 |
| Guteza imbere ubucuruzi buciritse n'ubwambukiranya imipaka | 73.60 |
| Guteza imbere urwego rw'abikorera | 91.40 |

**Ishusho y' imiyoborere n'mitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze**

| Umwanya | Akarere | CRS2017 (%) | CRS2018 (%) | Impinduka (%) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Rwamagana | 75.6 | 76.7 | +1.1 |
| 2 | Kamonyi | 74.6 | 74.2 | -0.4 |
| 3 | Rulindo | 73.2 | 74.0 | +0.8 |
| 4 | Burera | 78.0 | 72.5 | -5.5 |
| 5 | Gicumbi | 75.4 | 72.5 | -2.9 |
| 6 | Rubavu | 71.3 | 72.2 | +0.9 |
| 7 | Bugesera | 72.5 | 71.3 | -1.2 |
| 8 | Nyarugenge | 65.5 | 71.2 | +5.7 |
| 9 | Gisagara | 65.7 | 71.0 | +5.3 |
| 10 | Ngoma | 77.5 | 70.6 | -6.9 |
| 11 | Nyanza | 74.0 | 70.5 | -3.5 |
| 12 | Gakenke | 76.0 | 70.4 | -5.6 |
| 13 | Gasabo | 67.2 | 70.3 | +3.1 |
| 14 | Nyabihu | 70.8 | 69.9 | -0.9 |
| 15 | Huye | 68.5 | 69.7 | +1.2 |

| Umwanya | Akarere | CRS2017 (%) | CRS2018 (%) | Impinduka (%) |
|---|---|---|---|---|
| 16 | Kirehe | 75.9 | 69.1 | -6.8 |
| 17 | Nyaruguru | 67.9 | 69.0 | +1.1 |
| 18 | Kayonza | 68.6 | 69.0 | 0.4 |
| 19 | Gatsibo | 76.7 | 68.9 | -7.8 |
| 20 | Musanze | 73.3 | 68.8 | -4.5 |
| 21 | Kicukiro | 64.4 | 68.3 | 3.9 |
| 22 | Nyamasheke | 67.6 | 68.1 | 0.5 |
| 23 | Ruhango | 67.3 | 66.5 | -0.8 |
| 24 | Rusizi | 69.1 | 66.4 | -2.7 |
| 25 | Rutsiro | 71.2 | 66.3 | -4.9 |
| 26 | Muhanga | 70.6 | 66.2 | -4.4 |
| 27 | Nyagatare | 69.3 | 66.2 | -3.1 |
| 28 | Karongi | 69.3 | 63.8 | -5.5 |
| 29 | Ngororero | 70.1 | 61.4 | -8.7 |
| 30 | Nyamagabe | 64.6 | 59.6 | -5.0 |

| Uturere abaturage bashima |
|---|
| Rwamagana (76.7%) |

| Uturere twazamutse cyane (> 5%) |
|---|
| Nyarugenge (5.7%) |
| Gisagara (5.3%) |

**CRC2018: UKO IBYICIRO BISHIMWA N'ABATURAGE**

| Umwanya | Icyiciro | CRC 2017 (%) | CRC 2018 (%) | Impinduka (%) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Umutekano | 91.3 | 87.98 | -3.32 |
| 2 | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere abaturage bafitiye inzego z'ubuyobozi | 88.9 | 87.50 | -1.40 |
| 3 | Ubutabera | 74.3 | 76.44 | +2.14 |
| 4 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 63.4 | 75.89 | +12.49 |
| 5 | Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze | 85.6 | 71.96 | -13.64 |
| 6 | Kurwanya amakimbirane yo mu miryango n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 85.9 | 71.89 | -14.01 |
| 7 | Ubuzima | 70.5 | 70.84 | +0.34 |
| 8 | Isuku n'isukura | 64.2 | 68.22 | +4.02 |
| 9 | Imibereho myiza y'abaturage | 63.5 | 68.21 | +4.71 |
| 10 | Serivisi mu nzego z'abikorera | 74.9 | 64.42 | -10.48 |
| 11 | Uburezi | 68.3 | 64.00 | -4.30 |
| 12 | Ubutaka n'ibidukijije | 66.0 | 63.41 | -2.59 |
| 13 | Ibikorwaremezo | 58.1 | 61.31 | +3.21 |
| 14 | Ubworozi | 56.0 | 57.75 | +1.75 |
| 15 | Ubuhinzi | 52.5 | 49.41 | -3.09 |
| | **Impuzandengo** | **70.9** | **69.3** | **1.6** |

**ICYICIRO CYAZAMUTSE KURUSHA IBINDI**

Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa (+12.49%)

**IBYICIRO BYAMANUTSE**

Gukemura amakimbirane yo mu miryango n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina (-14.01%)

Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze (-13.64%)

Serivisi z'abikorera (-10.48%)

## IBIRIMO


IJAMBO RY'IBANZE....3

IBIRIMO ....7

URUTONDE RW'AMASHUSHO .... 12

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE.... 14

URUTONDE RW'AMAKARITA.... 16

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE .... 17

INCAMAKE.... 20

INTANGIRIRO .... 25

IGICE CYA I: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2017-2018 .... 28

**1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere .... 28**

1.1.1. Ubushakashatsi bwihariye ku miyoborere (Applied Governance) .... 28

a. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda .... 28

b. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) .... 33

1.1.2. Ubushakashatsi ku buryo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo .... 36

a. Gushyiraho ibigenderwaho mu kwemeza uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo .... 37

b. Gukora ubushakashatsi kuri gahunda 2 z'umwimerere nyarwanda zo kwishamo ibisubizo .... 37

1.1.3. Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda n'ikoranabuhanga mu miyoborere. .... 42

a. Gushyiraho urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu Rwanda (Local Governance Profile Center, LGPC) .... 42

b. Kugaragaza ubushakashatsi bwa RGB hifashishijwe ikoranabuhanga .... 42

c. Gukora no gutangaza icyegeranyo cy'ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Review) .... 42

d. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere. .... 43

e. Gusesengura ubushakashatsi mpuzamahanga buvuga ku Rwanda .... 43

**1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ... 46**

1.2.1. Gukusanya amakuru ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ... 46

1.2.2. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere (HGS) ... 46

1.2.3. Kumenyekanisha no kubyaza umusaruro uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ... 47

**1.3. Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF) ... 48**

1.3.1. Imitangire ya serivisi ... 48

a. Kunoza politiki y'igihugu y'imitangire ya serivisi ... 48

b. Gushyiraho ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi no kugenzura uko serivisi zitangwa mu bigo bya Leta, iby'abikorera no mu miryango itari iya Leta ... 48

c. Imikoranire n'abafatanyabikorwa batandukanye mu bukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera" ... 59

d. Igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubwisungane mu kwivuza (CBHI) ... 60

1.3.2. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza ... 65

a. Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana ... 65

b.Gahunda y'ukwezi kw'imiyoborere (Nzeli 2017 na Werurwe 2018) ... 71

c. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa y'"Umurenge Kagame Cup 2018" ... 74

d. Inama zigamije kwimakaza imiyoborere iha umuturage ijambo ... 75

e. Kugenzura imiyoborere n'imicungire y'amakoperative ... 75

f.Guhuza ibikorwa bya Gahunda y'Ubujyanama (coaching) bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze ... 80

1.3.3.Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere JADF ... 80

**1.4. Imitwe ya Politike, Imiryango ishingiye ku myemerere n'itari iya Leta. ... 82**

1.4.1. Kwandika imiryango ... 82

1.4.2. Kugenzura imikorere y'Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere ... 83

1.4.3. Ibyemezo byafatiwe imiryango yagaragaweho imikorere inyuranyije n'amategeko ... 87

1.4.4. Kuzamura uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu .................. 89

a. Guha inkunga y'amafaranga imiryango itari iya Leta binyuze mu masezerano .. 90

b. Umusaruro wavuye mu nkunga zatanzwe n'impinduka byazanye ........................ 91

c. Kongera ubushobozi bw'imiryango yatewe inkunga mu micungire y'imari .......... 93

1.4.5. Inama nyunguranabitekerezo ku ruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu .................. 94

**1.4.6.** Ubufatanye hagati ya Guverinoma n'Imiryango itari iya Leta mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage .................. 95

**1.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru .................. 98**

1.5. 1. Uko urwego rw'itangazamakuru ruhagaze .................. 98

1.5.2. Ibyakozwe mu guteza imbere urwego rw'itangazamakuru .................. 99

a. Guhuza ibikorwa by'inzego zifite aho zihuriye n'iterambere ry'itangazamakuru ..... 99

b. Kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru ..................104

c. Umunsi Nyafurika w'itangazamakuru .................. 105

d. Gutanga ibihembo ku banyamakuru babaye ndashyikirwa (development journalism awards) .................. 106

e. Ubufatanye bugamije guteza imbere itangazamakuru .................. 108

**1.6. Ibiganiro bigamije ubuvugizi, ubujyanama no guhanahana ubumenyi .................. 110**

1.6.1. Ibiganiro by'ubuvugizi n'ubujyanama kuri politiki .................. 111

a. Ibiganiro ku byavuye mu igenzura ry'imitangire ya CBHI .................. 112

b. Inama n'ibiganiro RGB yagiranye n'imiryango ishingiye ku myemerere .............. 112

c. Inama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'itangazamakuru.................. 113

d. Inama nyunguranabitekerezo ku mahame remezo .................. 114

1.6.2. Politiki n'amategeko RGB yateguye .................. 114

1.6.3. Inama mpuzamahanga .................. 115

1.6.4. Ibiganiro n'abaturage .................. 118

1.6.5. Guhanahana ubumenyi n'ibihugu bitandukanye .................. 119

1.6.6.Ibiganiro n'ubuvugizi binyuze mu itangazamakuru .................. 120

**1.7. Ubuyobozi n'imirimo rusange (administrative and support services)......................... 126**

1.7.1. Kubaka ubushobozi bw'urwego......................................................................... 126

1.7.2. Gushyiraho Ihuriro ngishwanama ku miyoborere ................................................. 126

1.7.3. Kuzuza inzego z'imirimo n'imikoreshereze y'ingengo y'imari ................................ 126

1.7.4. Gukora raporo y'ibikorwa ya 2017-2018............................................................. 127

1.7.5. Gukoresha neza umutungo................................................................................ 127

**IGICE CYA II. IBIKENEYE KWITABWAHO ........................................................................ 129**

**2. IBIKENEYE KWITABWAHO.................................................................................... 129**

2.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi............................................................................ 129

2.2. Icyiciro cy'uburezi .............................................................................................. 130

2.3. Icyiciro cy'ubuzima.............................................................................................. 131

2.4. Isuku n'isukura.................................................................................................... 132

2.5. Ikibazo cya ruswa mu byiciro bitandukanye........................................................... 134

2.6. Amakimbirane yo mu miryango............................................................................. 135

2.7. Ibibazo bikwiye kwitabwaho mu miyoborere ......................................................... 136

2.8. Ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi .............................................................. 141

2.9. Ibigo bitubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza servisi bitanga ...............................141

2.10. Gutinda kwishyura ba rwiyemezamirimo.............................................................. 142

2.11. Ibibazo biri mu bwisungane mu kwivuza.............................................................. 142

2.12. Ibibazo byerekeye imiyoborere n'imibereho y'abaturage ...................................... 142

2.13. Gukurikirana ko imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere yubahiriz amategeko mu mikorere yayo ............................................................................................ 143

2.14. Ubufatanye bwa Leta n'Imiryango itari iya Leta .................................................. 143

2.15. Ubushakashatsi mpuzamahanga buvuga ku Rwanda ............................................. 143

2.16. Ibibazo byugarije urwego rw'itangazamakuru ...................................................... 143

IGICE CYA III. IMIHIGO YA 2018-2019 ............................................................................. 145

3.1. Ubushakashatsi ku miyoborere.............................................................................. 146

3.2 Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ................................. 146

3.3. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF) ................... 146

3.4. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta ........................................................................................................... 147

3.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru ............ 148

3.6. Ibiganiro n'ubuvugizi ku mpinduka zikenewe muri politiki ziriho mu gihugu ............ 148

3.7. Ubuyobozi n'imirimo rusange ............ 148

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho 1: Uko Inkingi, ibipimo n'udupimo bihagaze ........ 29

Ishusho 2: Ikigereranyo cya RGS ya 4 n'iya 5 ........ 30

Ishusho 3: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi ........ 31

Ishusho 4: Uko abaturage babona imikorere y'inzego mu rwego rw'umurimo ........ 36

Ishusho 5: Uko abaturage bishimiye umusaruro utangwa n'abunzi mu myaka itandukanye .. 37

Ishusho 6: Uko abaturage babona akamaro ka Komite z'Abunzi ........ 38

Ishusho 7: imbogamizi Komite z'Abunzi zihura nazo ........ 39

Ishusho 8: Uko imihigo ihuriweho n'inzego yashyizwe mu bikorwa ........ 41

Ishusho 9: uko abaturage babona ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ku nzego zitandukanye .... 41

Ishusho 10: uko ibipimo by'imitangire ya serivisi bihagaze mu nzego za Leta ........ 51

Ishusho 11: ibyiciro inzego zirimo mu mitangire ya serivisi ........ 52

Ishusho 12: Uko inzego zihagaze mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi ........ 53

Ishusho 13: Kwishyurira ku gihe ba rwiyemezamirimo ........ 53

Ishusho 14: kubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi zitangwa n'inzego (service charters) ........ 54

Ishusho 15: uko amavuriro yigenga ahagaze mu mitangire ya serivisi ........ 55

Ishusho 16: Ibyiciro by'ibigo byagenzuwe hagendewe ku manota ........ 56

Ishusho 17: Uko imiryango yagenzuwe ihagaze hakurikijwe ibyiciro by'amanota ........ 58

Ishusho 18: Gahunda ya GIRINKA ........ 67

Ishusho 19: Ibyo igenzura ryagaragaje ku cyiciro cy'imirimo y'amaboko (VUP public works) . 68

Ishusho 20: Umubare w'imiryango yanditswe ........ 83

Ishusho 21: Umubare wa CSOs na FBOs zagenzuwe n'uko zihagaze mu kubahiriza ibisabwa 84

Ishusho 22: Umusaruro w'inkunga yatanzwe mu mwaka wa 2017-2018 ........ 92

Ishusho 23: Imibare ya radiyo hakurikijwe ba nyirazo ........ 98

Ishusho 24: ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura mu myaka itandukanye ........ 101

Ishusho 25: umubare w'inama n'ibiganiro byabaye ........ 111

Ishusho 26: Ibyibanzweho mu guhana ubumenyi ........ 120

Ishusho 27: Ibiganiro byatanzwe binyuze mu itangazamakuru ........ 121

Ishusho 28: Ibiganiro byatanzwe hashingiwe ku nsanganyamatsiko zibanzweho ........ 121

Ishusho 29: Ibiganiro RGB yatanze kuri radiyo na televiziyo hakurikijwe insanganyamatsiko .. 123

Ishusho 30: Ubutumwa buhoraho (Spots) RGB yatanze kuri radiyo na televiziyo ........ 124

Ishusho 31: Igihe ubutumwa bwa Nk'uwikorera bwamaze kuri interineti ........ 124

Ishusho 32: RGB ku mbuga nkoranyambaga ........ 125

Ishusho 33: ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa RGB yari yateganyije mu mwaka wa 2017-2018 128

Ishusho 34: Uko abaturage babona ibirebana na serivisi zo kuhira imyaka, guhingisha imashini ndetse no guhunika umusaruro ........ 130

Ishusho 35: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuzima ........ 133

Ishusho 36: Uko abaturage babona serivisi yo mu masoko, mu ngo z'abaturage no ku mubiri ........ 134

Ishusho 37: Uko abaturage babona ruswa mu nzego zitandukanye ........ 135

Ishusho 38: Uko abaturage babona amakimbirane yo mu miryango ........ 137

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE


Imbonerahamwe 1: Ibipimo byagize amanota meza kurusha ibindi ........ 32

Imbonerahamwe 2: Ibipimo byagize amanota ari hasi ugereranyije n'ibindi (amanota ari munsi ya 70%) ........ 33

Imbonerahamwe 3: Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa ........ 35

Imbonerahamwe 4: Ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Uturere na za Minisiteri ........ 40

Imbonerahamwe 5: Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga mu Rwanda ........ 43

Imbonerahamwe 7: Uko u Rwanda ruhagaze mu bipimo bitandukanye by'ibyegeranyo mpuzamahanga ........ 44

Imbonerahamwe 8: ibirango bya HGS byemejwe ........ 47

Imbonerahamwe 9: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi ........ 49

Imbonerahamwe 10: Uko inzego za Leta zihagaze mu mitangiore ya serivisi ........ 50

Imbonerahamwe 11 : ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu mavuriro yigenga. .. 54

Imbonerahamwe 12: imitangire ya serivisi mu bigo bitwara abagenzi mu buryo bwa rusange ........ 55

Imbonerahamwe 13: uko abagenzi babona serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange ........ 56

Imbonerahamwe 14: Uko abasabye serivisi mu mavuriro yagenzuwe babibona ........ 57

Imbonerahamwe 15: Igihe bisaba kugira ngo usaba serivisi mu ivuriro ayibone ........ 57

Imbonerahamwe 16: ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta (CSOs) ........ 57

Imbonerahamwe 17: Uko abasaba serivisi muri CSOs bakirwa ........ 58

Imbonerahamwe 18: Uko CSOs zitabira gutanga raporo nkuko zibisabwa ........ 59

Imbonerahamwe 19: Uruhare rwa CSOs mu iterambere ry'uturere ........ 59

Imbonerahamwe 20: ibibazo biri muri serivisi za Ubwisungane mu kwivuza ........ 60

Imbonerahamwe 21: Imyanzuro yavuye mu biganiro kuri serivisi za Ubwisungane mu kwivuza ........ 63

Imbonerahamwe 22: Ingamba zo kunoza imitangire ya serivisi ........ 64

Imbonerahamwe 23: Uko intara zubahirije gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana ............ 66

Imbonerahamwe 24: Gahunda ya VUP/Serivisi y'inguzanyo ............ 67

Imbonerahamwe 25: ibyavuye mu igenzura rya PL/PR ku micungire y'imari ya Leta muri NBAs mu ntara y'iburasirazuba ............ 68

Imbonerahamwe 26: Umutekano w'umutungo wa NBAs 1.794 zagenzuwe ............ 69

Imbonerahamwe 27: Ibikorwaremezo by'ibanze mu mashuri 1054 yagenzuwe ............ 69

Imbonerahamwe 28: imiterere y'ahatangirwa serivisi muri NBAs 1794 zagenzuwe ............ 70

Imbonerahamwe 29: inama zatanzwe nyuma y'isuzuma rya PL-PR ............ 70

Imbonerahamwe 30: Ibirarane bijyanye n'ingurane byari birengeje imyaka itanu bitarishyurwa ............ 72

Imbonerahamwe 31: Ibirarane ibigo bya Leta n'ibyigenga bibereyemo abaturage ............ 72

Imbonerahamwe 32: Ibibazo byagaragaye mu makoperative ............ 77

Imbonerahamwe 33: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa 81

Imbonerahamwe 34: Imiryango yanditswe ............ 82

Imbonerahamwe 35: Ingengo y'imari yakoreshejwe na INGOs ............ 84

Imbonerahamwe 36: Imbonerahamwe igaragaza insengero zagenzuwe ............ 86

Imbonerahamwe 37: Ibyemezo byafatiwe imwe mu miryango itari iya Leta ............ 87

Imbonerahamwe 38: Ibyiciro imiryango yatewe inkunga ikoreramo ............ 90

Imbonerahamwe 39: Uko umubare w'ibitangazamakuru wagiye wiyongera ............ 98

Imbonerahamwe 40: ibipimo by'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda ............ 100

Imbonerahamwe 41: Ibibazo byakiriwe n'urwego rw'abanyamakuru bigenzura ............ 102

Imbonerahamwe 42: Uko Imihigo y'Impamyabigwi yashyizwe mu bikorwa ............ 103

Imbonerahamwe 43: Inzego zifatanyije na RGB mu gutanga ibihembo ............ 108

Imbonerahamwe 44: ibibazo biri mu itangazamakuru mu Rwanda n'ingamba zo kubikemura ............ 109

Imbonerahamwe 45: Inama zitandukanye RGB yateguye n'izo yibabiriye ............ 116

Imbonerahamwe 46: Uburyo bwo kumenyekanisha ibikorwa RGB yakoresheje ............ 125

Imbonerahamwe 47: Ibigo bikiri inyuma mu gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga. 142

Imbonerahamwe 48: Ibigo bitubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi bitanga .. 142

## URUTONDE RW'AMAKARITA

Ikarita 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2018 ................................................ 34

Ikarita 2: Uko abaturage bazi Komite z'Abunzi ..................................................................................... 38

Ikarita 3 : Uko abaturage babona isoko ry'umusaruro .................................................................... 130

Ikarita 4: Uko abaturage babona gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri ........................................................................................................................................................ 132

Ikarita 5: Uko abaturage babona isuku yo mu tubari n'amaresitora ........................................... 134

Ikarita 6: Uko abaturage babona amakimbirane yo mu miryango ............................................ 136

## IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

- ARJ: Ishyirahamwe nyarwanda ry'abanyamakuru
- BNR: Banki Nkuru y'u Rwanda
- CBHI: Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza
- CoK: Umujyi wa Kigali
- CRC: Ishusho y'Uko Abaturage babona imiyoborere imikorere n'imitangire ya Serivisi mu Nzego zibegereye
- CSO: Sosiyete sivile
- DJA: Ibihembo bihabwa abanyamakuru n'ibitangazamakuru by'indashyikirwa
- EDPRS II: Gahunda y'imbaturabukungu ya 2
- FARG: Ikigega cya Leta gishinzwe Gutera inkunga Abacitse ku icumu batishoboye
- FBOs : Imiryango ishingiye ku myemerere
- GMO: Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire
- HEC: Inama Nkuru y'Igihugu y'Uburezi
- HGS: Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
- ICK: Kaminuza gatolika ya Kabgayi
- INGOs : Imiryango mvamahanga itari iya Leta
- IPAR: Ikigo cy'ubushakashatsi n'ubusesenguzi bwa politiki mu Rwanda
- IRDP: Ikigo cy'ubushakashatsi n'ubusabane bugamije amahoro
- JADF: Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'uturere
- LGPC: urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu Rwanda
- LNGOs: Imiryango nyarwanda itari iya Leta
- LODA: Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze
- MHC: Inama Nkuru y'Itangazamakuru
- MIGEPROF: Minisiteri y'Iterambere ry'Umuryango n'Uburinganire
- MINAFFET: Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba
- MINAGRI: Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi
- MINALOC: Minisiteri y'Ubutegesti bw'igihugu
- MINECOFIN: Minisiteri y'Imari n'igenamigambi
- MINEDUC: Minisiteri y'Uburezi
- MINICAAF: Minisiteri Ishinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri

- MINICOM: Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda
- MINIFRA: Minisiteri y'Ibikorwaremezo
- MINIJUST: Minisiteri y'Ubutabera
- MINILAF: Ministeri y'Amashyamba
- MINIPRESREP:Minisiteri muri Perezidansi ya Repubulika
- MiTEC: Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo
- MoD: Minisiteri y'Ingabo z'igihugu
- MoE : Minisiteri y'Ibidukikije
- MOH: Minisiteri y'Ubuzima
- NAEB: Ikigo gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi
- NBAs: Inzego zitagenerwa ingengo y'imari ya Leta n'itegeko
- NCC: Komisiyo y'Igihugu y'Abana
- NCHR: Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa muntu
- NCPD: Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga
- NEC: Komisiyo y'Igihugu y'amatora
- NIDA: Ikigo cy'Igihugu cy'Indangamuntu
- NST: Guhunda ya guverinoma igamije kwihutisha iterambere
- NURC: Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge
- NWC: Inama y'Igihugu y'Abagore
- PL/PR: Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana
- PSC: Komisiyo y'abakozi ba Leta
- PSF: Urugaga rw'abikorera
- RAB: Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi
- RALGA: Ishyirahamwe ry'uturere n'Umujyi wa Kigali
- RBA: Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru
- RBC: Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima
- RBM: Imicungire igamije umusaruro
- RCA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amakoperative
- RCI: Ikigo gishinzwe kubyaza umusaruro uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
- RDB: Ikigo cy'igihugu cy'iterambere
- REAF: Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda
- REB: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe uburezi
- REG: Ikigo gishinzwe ingufu n'amashanyarazi
- REMA : Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije
- RFTC: Impuzamashyirahamwe y' amakoperative atwara abagenzi
- RGB: Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere

- RGS: Ubushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda
- RISA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ikoranabuhanga
- RLMUA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka
- RMB: Igipimo cy'iterambere ry'itangazamamakuru
- RRA: Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imisoro n'Amahoro
- RRP+: Urugaga nyarwanda rw'ababana na Virusi itera SIDA
- RSB: Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge
- RSSB: Ikigo cy'igihugu cy'ubwiteganyirize
- RTDA : Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere rya Transiporo
- RURA: Urwego Ngenzuramikorere y'imirimo imwe n'imwe ifitiye igihugu akamaro
- SACCO: Koperative zo kubitsa no kugurizanya
- UNDP: Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere
- UNESCO: Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku burezi, ubumenyi n'umuco
- WASAC: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya no gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura

## INCAMAKE

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rushinzwe kwimakaza amahame y'imiyoborere myiza, gusuzuma ku buryo buhoraho imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. RGB kandi ishinzwe kubungabunga no guteza imbere gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo (Home-Grown Solutions) hagamijwe kuzibyaza umusaruro ku buryo buhoraho.

Nk'uko biteganywa n'itegeko, buri mwaka, RGB igeza raporo kuri Perezida wa Repubulika no ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi iteranye. Kopi y'iyo raporo ihabwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Inzego zagenzuwe zigahabwa kopi y'igice cya raporo kizerekeye.

Iyi raporo iragaragaza mu buryo burambuye ibyagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018 n'incamake y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2018-2019.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro 7 bikurikira: (1)Ubushakashatsi ku miyoborere, (2)Gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, (3)Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (4)Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru (5)Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango itari iya Leta, (6)Ibiganiro bishimangira ubufatanye, imikorere inoze n'ubuvugizi n' (7) Ubuyobozi n'imirimo rusange.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, RGB yari yateganyije ibikorwa 54. Ibikorwa 51 bihwanye na 94.4% byarakozwe birarangira. Naho ibikorwa 3 bihwanye na 5.6% ntibyarangiye.

RGB yari yagenewe ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda angana na miliyari enye, miliyoni magana atanu mirongo itatu n'eshatu, ibihumbi magana atandatu na makumyabiri na bitandatu na magana atanu mirongo ine (Frw 4.533.626.540). Muri ayo mafaranga, 2.167.758.600 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 2.365.867.940 yatanzwe n'Abafatanyabikorwa binyuze mu mishanga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza. Muri rusange iyi ngengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 93% ni ukuvuga 91% by'imari ya Leta na 94% by'inkunga y'imishinga.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, ku nshuro ya 5, RGB yakoze inashyira ahagaragara ubushakashatsi bugaragaza uko ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda bihagaze (Rwanda Governance Scorecard 5$^{th}$ Edition). Muri ubu bushakashatsi, inkingi y'umutekano n'umudendezo rusange yakomeje kuza ku isonga igira amanota 94.97%. Habayeho kandi izamuka ry'amanota ku nkingi 7 arizo: Iyubahirizwa ry'amategeko, uburenganzira mu bya politiki n'ubwisanzure bw'abaturage, imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi

idaheza, umutekano, imibereho myiza y'abaturage, ireme ry'imitangire ya serivisi n' iterambere ry'ubukungu.

Inkingi y' Iyubahirizwa ry'amategeko (Rule of Law) niyo yazamutseho amanota menshi (4.91%) ugereranyije n'izindi nkingi naho iy'ireme ry'imitangire ya serivisi yakomeje kuza inyuma y'izindi nubwo yazamutse ikava kuri 72,93% mu mwaka wa 2016 ikagera kuri 74,25% muri 2017.

RGB yakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC). Impuzandego ya CRC 2018 ni 69,3%. Ugereranyije na CRC 2017, iki gipimo cyagabanutseho 1,6%. Urwego rw'umutekano rwakomeje kuza ku isonga rugira amanota 87,98%. Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa nirwo rwazamutse mu manota kurusha izindi ruva kuri 63,4% muri CRC 2017 rugera kuri 75,89%, bingana n'impinduka ya 12,49%. Urwego rw'ubuhinzi rwakomeje kuza inyuma y'izindi n'amanota yarwo aragabanuka ava kuri 52,5% muri CRC 2017 agera kuri 49,41%.

Nk'uko bikorwa buri mwaka, abaturage batanze amanota 10% y'imihigo y'uturere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018 binyuze muri CRC. Ubu bushakashatsi bumaze kuba isoko y'amakuru yizewe afasha Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere kugira inama Leta mu birebana no kwimakaza imiyoborere ishingiye ku muturage n'imitangire ya serivisi inoze.

RGB yakoze kandi isesengura ryimbitse (Sector Profiles) ku buhinzi n'ubworozi kugira ngo igaragarize inzego bireba ahakeneye kongerwamo ingufu.

RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda ebyiri z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo: *Imihigo* na *Komite z'Abunzi*. Ku birebana n'Abunzi, isesengura ryagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi batanga ku gipimo cya 96,4%, iki gipimo cyazamutseho 19,2% mu myaka itandatu ishize (2012-2018). Naho ku byerekeye *Imihigo*, isuzuma ryagaragaje ko abaturage bishimiye uruhare rwayo mu kwimakaza imiyoborere myiza, kuzamura ubukungu n'imibereho myiza yabo. Bagaragaje kandi ko uruhare rwabo rugenda ruzamuka mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo.

Mu rwego rwo gusigasira no kurinda gahunda z'umwimerere nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo, hakozwe ibirango bya gahunda 10, muri byo 4 byamaze kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha mu gihe ibindi 6 bikinozwa. Gahunda 4 arizo: *Abunzi, Imihigo, Gacaca n'Umushyikirano* zamaze kwandikishwa muri RDB ndetse hatangiye igikorwa cyo kuzandikisha ku rwego mpuzamahanga.

RGB yakoze igenzura ku mitangire ya serivisi mu bigo 60 harimo ibya Leta, iby'abikorera n'imiryango itari iya Leta. Igenzura ryagaragaje ko igipimo cy'imitangire ya serivisi mu nzego

za Leta kiri ku mpuzandengo ya 67,17% kivuye kuri 57,44% muri 2015 ni ukuvuga ko cyazamutseho 9,73%. Mu nzego z'abikorera, igipimo kiri ku mpuzandengo ya 64,93% naho mu miryango itari iya Leta kiri kuri 62,95%. RGB kandi yakomeje ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "**Nk'uwikorera**".

RGB yagenzuye serivisi zitangwa muri gahunda y'ubwisungane mu kwivuza mu turere 11. Igenzura ryakorewe mu bigonderabuzima 17 byakira abaturage 427,534 bakoresha ubwisungane mu kwivuza.

Iri genzura ryagaragaje ibibazo bikurikira: abaturage batanze umusanzu ariko ntibabasha kwivuza kuko amakarita yabo atari yarongerewe agaciro, ibigonderabuzima n'ibitaro byari bifitiwe ibirarane (ibya RSSB n'ibindi bya kera bitishyuwe ubwo ubwisungane mu kwivuza bwari bugicungwa na MINALOC na MINISANTE). Iri genzura ryatumye hafatwa ingamba zihamye zo kunoza imitangire ya serivisi mu bwisangane mu kwivuza ndetse no kuvugurura Itegeko rigenga ubwisungane mu kwivuza.

Buri mwaka RGB itegura gahunda y'ukwezi kw'imiyoborere mu rwego rwo kugaragariza abaturage ibibakorerwa no kuzamura uruhare rwabo mu kwikemurira ibibazo. Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, iyi gahunda yakozwe mu byiciro bibiri, hibandwa ku musaruro w'inteko z'abaturage. Ibibazo by'ingutu byagaragaye ni iby'ibirarane abaturage bafitiwe n'inzego zitandukanye biturutse ku kwimurwa ku bw'inyungu rusange. Icyagaragaye ni uko uburenganzira bwabo butubahirijwe nk'uko biteganywa n'itegeko kuko mu myaka itanu ishize, Leta yagiyemo abaturage ibirarane bingana n'amafaranga y'u Rwanda Frw 2.455.485.535.

RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana (Peer Learning and Peer Review) igamije kwimakaza ihame ryo gukorera mu mucyo, kunoza imitangire ya serivisi no gucunga neza umutungo w'ibigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies). Intara y'Amajyaruguru, iy'Iburasirazuba n'iy'Iburengerazuba nizo zashyize mu bikorwa iyi gahunda uko biteganywa. Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyepfo ntacyo byayikoze kuri iyi gahunda.

Mu ntara eshatu zashyize mu bikorwa iyi gahunda, igenzura ryagaragaje ko hari ibibazo mu mikorere n'imicungire y'ibigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko. Urugero ni muri gahunda ya VUP, aho muri izo ntara zagenzuwe hagaragaye amafaranga y' u Rwanda angana na miliyari 3 yari kuri konti z'imirenge SACCO atariyarakoreshejwe ibyo yagenewe, mu gihe imishinga igera kuri 37% ijyanye n'imirimo rusange muri VUP yari yaradindiye.

Mu birebana no guteza imbere urwego rw'itangazamakuru, hakozwe ubushakashatsi bugaragaza ibipimo by'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda mu mwaka wa 2018. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko igipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda kiri kuri 72,4% kivuye kuri 69,6% muri 2016.

Mu rwego rwo guteza imbere imikorere ya kinyamwuga n'ubudashyikirwa mu mwuga w'itangazamakuru, RGB yatanze ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa. Na none kandi mu rwego rwo kongerera ubushobozi itangazamakuru, RGB yahaye ibitangazamakuru 10 n'amashyirahamwe 3 inkunga ingana na miliyoni 115 z'amafaranga y'u Rwanda.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufite inshingano zo kwandika no kugenzura imikorere y'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere. Mu rwego rwo kunoza imikorere, RGB yashyizeho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kwandika iyo miryango (Online Registration system). Muri rusange handitswe imiryango itari iya Leta 298 n'ishingiye ku myemerere 84 hanagenzurwa imiryango 309 mu rwego rwo gusuzuma niba imikorere yayo yubahiriza amategeko ayigenga.

Mu rwego rwo gufasha imiryango itari iya Leta kuzamura uruhare mu iterambere ry'igihugu, RGB n'abafatanyabikorwa bayo bateye inkunga Imiryango itari iya Leta. Iyi nkunga ingana n'amafaranga y'u Rwanda 988.525.520 yatanzwe ku mishinga 43 yatoranyijwe binyuze mu ipiganwa.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwagiranye inama n'ibiganiro n'inzego ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye hagamijwe kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi n'igenzura, gutanga inama no gukora ubuvugizi ku bibazo byagaragajwe birebana n'imiyoborere n'imitangire ya serivisi.

Ibi biganiro byagize umusaruro ufatika haba mu kuvugurura politiki, amategeko n'amabwiriza, ndetse no kuzana impinduka ziganisha ku iterambere n'imibereho myiza y'abaturage. Ibitekerezo byavuyemo byifashishijwe mu gutegura politiki zitandukanye zirimo: Politiki y'imitangire ya serivisi, Politiki igenga Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo, Politiki y'itangazamakuru na Politiki igenga amakoperative.
Hateguwe kandi hanavugururwa amategeko akurikira: itegeko rishya rigenga imiryango ishingiye ku myemerere ryaratowe rinatangazwa mu igazeti ya Leta naho itegeko rigenga imiryango nyarwanda n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ryaravuguruwe ritegereje kwemezwa.

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hateguwe igenamigambi ry'imyaka 7 (2018-2024) rihuzwa n'inshingano z'urwego ndetse ryubakirwa ku cyerekezo cy'Igihugu.

Hateguwe kandi gahunda yo kwinjiza ihame ry'uburinganire mu bikorwa by'Urwego n'iby'abafatanyabikorwa barwo.

Muri iyi raporo, RGB iragaragaza kandi aho yasanze hari ibibazo bikeneye kwitabwaho by'umwihariko. Ibyinshi muri byo byiganje mu buhinzi n'ubworozi, uburezi, ubuzima, isuku n'isukura, umuryango, gukoresha ikoranabunga mu gutanga serivisi, ibibazo bijyanye na ruswa, imikorere y'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere, itangazamakuru ndetse no kwimakaza imiyoborere izana impinduka.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwateganyije ibikorwa 35 bizatwara ingengo y'imari ingana n'amafaranga y' u Rwanda 4.634.683.948; muri ayo 1.982.683.022 azava mu ngengo y'imari ya Leta naho 2.652.293.926 akazava mu mishinga y'abafatanyabikorwa mu miyoborere.

## INTANGIRIRO

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ni urwego rufite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu mikorere rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016.

RGB ifite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;

14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

**RGB ifite ububasha bukurikira:**

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta;
- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.

# IGICE CYA I: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2017-2018

## IGICE CYA I: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2017-2018

Ibikorwa byakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bikubiye muri gahunda ebyiri z'ibanze arizo: (1) Imiyoborere n'imitangire ya serivisi, (2) Ubuyobozi n'imirimo rusange.

Gahunda y'imiyoborere n'imitangire ya serivisi igizwe n'ibyiciro 6: (a) Ubushakashatsi ku miyoborere (b) Guteza imbere gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo(c) Kugenzura imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyoborere myiza no guteza imbere Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (d) Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru (f) Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango itari iya Leta (g) Ibiganiro bigamije ubuvugizi, ubujyanama no gusangira ubumenyi.

### 1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufite inshingano yo gukora ubushakashatsi buhoraho ku miyoborere mu Rwanda, kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, ku ishusho y'uko abaturage babona imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye no kubimenyekanisha. Ubu bushakashatsi bukorwa kugira ngo haboneke amakuru afasha mu gushyiraho no kugena politiki zitandukanye.

RGB ikora kandi isesengura ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, ndetse igatanga uburenganzira bw'ibanze ku banyamahanga no ku banyarwanda bwo gukora ubushakashatsi ku miyoborere no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo; ikanakurikirana uko ubwo bushakashatsi bukorwa.

#### 1.1.1. Ubushakashatsi bwihariye ku miyoborere (Applied Governance)

Ubushakashatsi bwihariye ku miyoborere bwibanda ku bikorwa bibiri by'ingenzi: (1) Kugaragaza igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS), (2) Kwerekana ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC).

#### a. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda

Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda kigaragaza uko imiyoborere ihagaze mu byiciro bitandukanye kigatanga amakuru nyayo agaragaza impinduka zabaye mu miyoborere mu Rwanda ndetse kikagaragaza ingamba zishingirwaho mu gushyiraho politiki zitandukanye.


Intego nyamukuru z'Ubushakashatsi ku bipimo by'imiyoborere mu Rwanda ni izi zikurikira:

- ✓ Gutanga amakuru nyayo ku miyoborere yifashishwa mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga;
- ✓ Gutanga umurongo ngenderwaho mu igenwa rya politiki zitandukanye zireba imiyoborere hagendewe ku byiciro bikeneye kwitabwaho by'umwihariko;
- ✓ Kugira uruhare mu kugaragaza umwihariko w'imiyoborere Abanyarwanda bahisemo.

**Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 5 (RGS 5th Edition)**


Mu gukora ubu bushakashatsi habayeho kuvugurura inyito z'ibipimo n'ibisuzumwa muri buri gipimo hagamijwe guhuza ibikubiye muri ubu bushakashatsi n'ibipimo mpuzamahanga, kuzamura ireme ryabwo no gufasha ababusoma kubusobanukirwa neza. Ubu bushakashatsi bwashingiye ku nkingi 8, zirimo ibipimo 37 nabyo bigizwe n'udupimo 157 tuvuye ku 150 muri RGS ya 4. Habayeho kugereranya ibyavuye muri ubu bushakashatsi n'ibyo mu myaka yabanje hagamijwe kureba impinduka zabaye kuri buri nkingi.

**Ishusho 1: Uko Inkingi, ibipimo n'udupimo bihagaze**




Mu nkingi umunani zakozweho ubushakashatsi, enye zingana na 50% zagize amanota kuva kuri 80% kuzamura, enye zisigaye zingana na 50% zagize amanota ari hagati ya 60% na 79,9%. Ku birebana n'ibipimo, 22 muri 37 byagize amanota kuva kuri 80% kujyana hejuru, naho 15 bisigaye byagize hagati ya 60% na 79,9%. Ku birebana n'udupimo, 92 ku 157 twagize amanota kuva kuri 80 kuzamura, 47 twagize amanota ari hagati ya 60% na 79,9% naho 18 dusigaye twagize amanota ari hagati ya 40 na 59,9%.

**Ishusho 2: Ikigereranyo cya RGS ya 4 n'iya 5**




Muri ubu bushakashatsi, inkingi y'umutekano yakomeje kuza ku isonga igira amanota 94,97%. Habayeho kandi izamuka ry'amanota ku nkingi 7 arizo: Iyubahirizwa ry'amategeko, uburenganzira mu bya politiki n'ubwisanzure bw'abaturage, imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi idaheza, umutekano, imibereho myiza y'abaturage, ireme ry'imitangire ya serivisi n' iterambere ry'ubukungu

Inkingi y'iyubahirizwa ry'amategeko niyo yazamutseho amanota menshi (4.91%) ugereranyije n'izindi. Impinduka zabayeho mu manota y'iyi nkingi zatewe ahanini n'izamuka rya 13,04% ku gipimo kijyanye n'amategeko ndetse n'ikirebana no gukoresha ikoranabuhanga mu rwego rw'ubutabera.

Inkingi y'ireme ry'imitangire ya serivisi yakomeje kuza inyuma y'izindi nubwo yazamutse ikava kuri 72,93% mu mwaka wa 2016 ikagera kuri 74,25% muri 2017. Bimwe mu byagize uruhare mu izamuka ry'amanota y'iyi nkingi ni ubukangurambaga n'ibikorwa byakozwe binyuze muri gahunda yo kunoza imitangire ya serivisi "Nk'Uwikorera" n'ibiganiro RGB yagiranye n'abafatanyabikorwa batandukanye (Abikorera, Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere) n'abaturage muri rusange.

**Ishusho 3: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi**




***Aho byavuye:*** *RGB-RGS 5th Edition, 2018*

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko ibipimo 6 kuri 37 byagize impinduka iri hejuru y'amanota 5%. Igipimo kirebana n'ibyoherezwa mu mahanga nicyo kiza imbere mu byazamutse cyane kuko cyazamutseho amanota 13,36%. Iri zamuka ryatewe n'impinduka yabaye mu bucuruzi bwambukiranya imipaka (butanditse mu bitabo) aho ibicuruzwa byaturutse mu Rwanda byasumbyeho 40% ibyinjiye.

Igipimo kirebana n'imikorere y'inteko ishinga amategeko cyazamutseho 13,04%. Iyi mpinduka yatewe ahanini n'uko abagize inteko ishinga amategeko barushijeho kwegera abaturage hagamijwe kumva ibibazo n'ibitekerezo byabo kuri gahunda za Leta. Igipimo cyo gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga serivisi mu nzego z'ibanze nacyo cyagize impinduka igaragara (11.3%) kiva kuri 74,3% muri 2016 kigera kuri 85,6% muri 2017.

Izamuka ry'amanota y'iki gipimo ryatewe n'uko abayobozi b'inzego z'ibanze barushijeho kwegera abaturage binyuze mu nteko z'abaturage zikorwa nibura rimwe mu cyumweru. Byagaragaye ko inteko z'abaturage ari urubuga abaturage bakemuriramo ibibazo byabo kandi bagatangiramo ibitekerezo ku igenamigambi.

**Imbonerahamwe 1: Ibipimo byagize amanota meza kurusha ibindi**

| | | **Ibipimo byagize amanota meza kurusha ibindi (hejuru ya 85%)** | |
|---|---|---|---|
| # | Inkingi | **Igipimo** | **Amanota (%)** |
| 1 | Inkingi 2 | Raporo ku iyubahirizwa ry'amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu | 100.00% |
| 2 | Inkingi 4 | Umutekano rusange | 98.80% |
| 3 | Inkingi 4 | Kubungabunga umutekano | 95.24% |
| 4 | Inkingi 4 | Ubumwe n'ubwiyunge n'imibanire y'Abanyarwanda | 93.95% |
| 5 | Inkingi 1 | Gukoresha ikoranabuhanga muri serivisi z'ubutabera | 92.83% |
| 6 | Inkingi 4 | Umutekano w'abantu n'ibintu | 91.87% |
| 7 | Inkingi 8 | Iterambere ry'ubukungu no kuzamura urwego rw'abikorera | 91.40% |
| 10 | Inkingi 1 | Imikorere y'ubushinjacyaha | 90.76% |
| 8 | Inkingi 6 | Gukorera mu mucyo | 88.70% |
| 9 | Inkingi 2 | Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu | 87.61% |
| 11 | Inkingi 3 | Gusaranganya ubutegetsi | 87.00% |
| 12 | Inkingi 2 | Ubwisanzure bw'itangazamakuru | 85.85% |
| 13 | Inkingi 7 | Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze | 85.60% |
| 14 | Inkingi 1 | Imikorere y'Inteko ishinga amategeko | 85.31% |

***Aho byavuye:*** *RGB-RGS 5th Edition, 2018*

*Inkingi 1: Iyubahirizwa ry'amategeko*

*Inkingi 2: Ubwisanzure mu bya politike n'uburenganzira bw'abaturage*

*Inkingi 3: imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi idaheza*

*Inkingi 4: Umutekano*

*Inkingi 5: kuzamura imibereho myiza y'abaturage*

*Inkingi 6: Kurwanya ruswa no gukorera mu mucyo*

*Inkingi 7: Ireme ry'imitangire ya serivisi*

*Inkingi 8: Iterambere ry'ubukungu*

Ibipimo 14 bya RGS ya 5 byagize amanota kuva kuri 85% kuzamura, 8 muri byo byagize amanota ari hejuru ya 90%, kandi 4 muri ibyo 8 biri mu nkingi y'umutekano.

**Imbonerahamwe 2: Ibipimo byagize amanota ari hasi ugereranyije n'ibindi (amanota ari munsi ya 70%)**

| | | Ibipimo byagize amanota ari hasi ugereranyije n'ibindi (amanota ari munsi ya 70%) | |
|---|---|---|---|
| # | Inkingi | Igipimo | Amanota (%) |
| 1 | Inkingi 1 | Uruhare rw'Imiryango itari iya Leta mu ishyirwaho rya politiki | 67.33% |
| 2 | Inkingi 7 | Imitangire ya serivisi mu rwego rw'ubukungu | 66.48% |
| 3 | Inkingi 8 | Kongera ingano y'ibyoherezwa mu mahanga | 66.41% |
| 4 | Inkingi 3 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 65.63% |
| 5 | Inkingi 5 | Imibereho myiza y'abaturage | 63.79% |

***Aho byavuye:*** *RGB-RGS 5th Edition, 2018*

Nubwo ibipimo bigaragara muri iyi mbonerahamwe byagize amanota ari hasi ugereranyije n'ibindi, byazamutseho gato mu manota ugereranyije n'uko byari bihagaze muri RGS ya 4. Haracyakenewe kongerwamo ingufu kugira ngo habe impinduka muri ibi bipimo kuko bifite akamaro kanini mu miyoborere izana impinduka.

**b. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)**

CRC ni ubushakashatsi ngarukamwaka bukorwa na RGB hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. CRC ni igipimo gishimangira ihame twahisemo nk'igihugu ryo guteza imbere imiyoborere ishingiye ku muturage kandi imuteza imbere.


CRC ni bumwe mu buryo bufasha mu gushyira ahabona ibyifuzo by'Abanyarwanda mu mitangire ya serivisi, imikorere no kwimakaza ihame ryo gukorera mu mucyo mu nzego zibegereye. Ubu bushakashatsi bufasha mu ishyirwaho rya politiki zitandukanye kandi igafasha abayobozi b'inzego z'ibanze n'abandi bafatanyabikorwa kunoza imikorere.

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere ishingiye ku muturage, umwiherero wa 11 w'Abayobozi bakuru b'Igihugu wanzuye ko 10% by'amanota y'imihigo y'uturere azajya atangwa n'abaturage binyuze muri CRC. Uyu mwanzuro watangiye gushyirwa mu bikorwa guhera mu mwaka wa 2014.

**Ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2018**

Ubushakashatsi bwa CRC 2018 bwibanze ku byiciro 15: Uburezi, Ubuhinzi, Ubworozi, Inzego z'Ibanze, Ubutabera, Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, Ubuzima, Isuku n'Isukura, Imibereho y'Abaturage, Ibikorwaremezo, Ubutaka, Umutekano, Umuryango n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa n'Urwego rw'abikorera.

**Ikarita 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2018**




***Aho byavuye**: RGB- CRC 2018*

Nk'uko bigaragara kuri iyi karita, akarere ka Rwamagana niko kaza ku isonga n'amanota 76,7%, naho aka Nyamagabe kaza ku mwanya wa nyuma n'amanota 59,6%. Uturere 12 twabonye hagati ya 70 – 74% naho 16 dusigaye tugira amanota ari hagati 60 – 69%.

**Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage**

Umutekano waje ku isonga n'amanota 87,98% naho ubuhinzi buza ku mwanya wa nyuma n'amanota yabwo aragabanuka ava kuri 52,5% muri CRC 2017 agera kuri 49,41%. Icyiciro cy'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa nicyo cyazamutse cyane mu manota ugereranyije n'ibindi kuko cyavuye ku manota 63,4% muri CRC 2017 kigera kuri 75,89% muri CRC 2018. Muri iki cyiciro kandi, uturere 18 twagize amanota ari hejuru ya 75% tuvuye kuri 6 twagize ayo manota muri CRC 2017.

**Imbonerahamwe 3: Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa**


| N° | Akarere | CRC 2017 | CRC 2018 |
|---|---|---|---|
| 1 | Kamonyi | 64.40% | 84.49% |
| 2 | Rwamagana | 64.00% | 83.81% |
| 3 | Rulindo | 64.70% | 83.11% |
| 4 | Bugesera | 74.40% | 83.08% |
| 5 | Kirehe | 80.80% | 81.47% |
| 6 | Gatsibo | 78.90% | 79.95% |
| 7 | Kayonza | 60.80% | 79.63% |
| 8 | Nyagatare | 66.70% | 78.59% |
| 9 | Gakenke | 63.60% | 78.19% |
| 10 | Nyaruguru | 58.80% | 77.77% |
| 11 | Rubavu | 60.10% | 77.71% |
| 12 | Ngoma | 80.70% | 77.25% |
| 13 | Musanze | 68.50% | 76.84% |
| 14 | Nyarugenge | 51.60% | 76.33% |
| 15 | Ruhango | 54.80% | 75.81% |
| 16 | Rutsiro | 62.00% | 75.77% |
| 17 | Kicukiro | 53.90% | 75.52% |
| 18 | Huye | 67.50% | 75.14% |
| 19 | Gisagara | 41.00% | 74.80% |
| 20 | Nyanza | 60.10% | 74.61% |
| 21 | Muhanga | 58.00% | 74.53% |
| 22 | Gicumbi | 81.60% | 73.69% |
| 23 | Burera | 68.00% | 73.37% |
| 24 | Gasabo | 54.50% | 72.97% |
| 25 | Karongi | 67.00% | 72.09% |
| 26 | Ngororero | 51.90% | 71.92% |
| 27 | Nyabihu | 75.20% | 71.88% |
| 28 | Nyamasheke | 62.20% | 70.66% |
| 29 | Rusizi | 59.20% | 66.43% |
| 30 | Nyamagabe | 45.90% | 60.05% |
| | **Impuzandengo** | 63.40% | 75.89% |

***Aho byavuye:*** *RGB-CRC 2018*

Nk'uko bigaragara, abaturage berekana ko uruhare rwabo mu bibakorerwa rwazamutse ugereranyije CRC 2018 n'iyayibanjirije. Ibi byatewe ahanini n'uko urwego rwa Njyanama

rwarushijeho kwegera abaturage no kumva ibibazo n'ibyifuzo byabo byatumye barushaho kugira uruhare mu igenamigambi no mu itegurwa ry'ingengo y'imari.

**Ishusho 4: Uko abaturage babona imikorere y'inzego mu rwego rw'umurimo**




***Aho byavuye:** RGB-CRC 2018*

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, abaturage bishimiye cyane kwibumbira mu mashyirahamwe n'amakoperative naho ibyo bakibonamo imbogamizi birimo guteza imbere umuco, guhanga umurimo, itangwa ry'akazi, guteza imbere urubyiruko, kora wigire no guteza imbere umuco.

RGB yakoze kandi isesengura ryimbitse (Sector Profiles) ku buhinzi n'ubworozi kugira ngo igaragarize inzego bireba ahakeneye kongerwamo ingufu.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano ijyanye no kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi, RGB yagaragaje ibyavuye muri CRC 2017 ku rwego rw'Intara zose, uturere 18 n'Umujyi wa Kigali. Inama zo kumenyekanisha ibyavuye muri ubu bushakashatsi zitabiriwe n'abagize Nyobozi na Njyanama z'uturere, Abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge, Abahagarariye inzego z'umutekano, Abikorera, Imiryango itari ya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere. Ibi byakozwe hagamijwe gufasha abayobozi mu nzego zishyiraho politiki n'izifata ibyemezo gufata ingamba zigamije kunoza serivisi zihabwa abaturage.

### 1.1.2. Ubushakashatsi ku buryo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo

Ubu bushakashatsi bugamije gusesengura akamaro ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo mu iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu by'igihugu. Gahunda zisesengurwa zishobora kuba ari izo Abanyarwanda bihangiye cyangwa zarakuwe ahandi zigahuzwa n'ubuzima bw'Igihugu. Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rukora kandi

isuzuma hagamijwe kwemeza niba gahunda iyi n'iyi yujuje ibisabwa kugira ngo yitwe uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo.

Muri iki cyiciro cy'ubushakashatsi RGB ikora ibikorwa bikurikira:

**a. Gushyiraho ibigenderwaho mu kwemeza uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo**

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwateguye ibigenderwaho mu kwemeza ko gahunda runaka yujuje ibisabwa kugira ngo yitwe umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo. Hateguwe inama yahuje RGB n'abafatanyabikorwa (REAF na RCI) hagamijwe kungurana ibitekerezo ku bundi buryo bushobora buhari bwafatwa nk'umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo.


***b.* Gukora ubushakashatsi kuri gahunda 2 z'umwimerere nyarwanda zo kwishamo ibisubizo**

RGB yakoze isuzuma rigamije kugaragaza umusaruro watanzwe na gahunda ebyiri arizo Komite z'Abunzi n'Imihigo. Iryo suzuma ryibanze ku kugaragaza uko abaturage babona akamaro n'umusaruro w'izo gahunda.

**Komite z'Abunzi**

Komite z'Abunzi ni urwego rushinzwe kunga abantu ku bibazo biri mu bubasha bwazo. Umurimo w'abagize Komite y'Abunzi ni umurimo w'ubukorerabushake. Ubushakashatsi bwakozwe kuri Komite z'Abunzi bwagaragaje ko abaturage bishimira serivisi z'abunzi ku rwego ruri hejuru nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.


**Ishusho 5: Uko abaturage bishimiye umusaruro utangwa n'abunzi mu myaka itandukanye**




***Aho byavuye: RGB-Abunzi impact assessment, 2018***

Ubushakashatsi bwakozwe kuri Komite z'Abunzi muri 2018 bugaragaza ko abaturage bishimiye serivisi z'abunzi ku gipimo cya 96,4%. Mu myaka itandatu ishize (2012-2018) iki gipimo cyazamutseho 19,2%.

**Ishusho 6: Uko abaturage babona akamaro ka Komite z'Abunzi**




***Aho byavuye: RGB-Abunzi impact assessment, 2018***

Abaturage bashima akamaro ka Komite z'Abunzi ku gipimo kiri hejuru ya 90%. Mu byo bashima harimo uruhare rwa Komite z'Abunzi mu kunga abafitanye amakimbirane, kugabanya umubare w'imanza zajyaga mu nkiko, kugabanya amafaranga yatangwaga mu nkiko zisanzwe, kugira uruhare mu kwikemurira ibibazo no kubanisha neza Abanyarwanda. Ubushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bazi Komite z'Abunzi n'imikorereze yazo nk'uko bigaragara ku ikarita ikurikira.

**Ikarita 2: Uko abaturage bazi Komite z'Abunzi**




***Aho byavuye: RGB-Abunzi impact assessment, 2018***

Nk'uko iyi karita ibigaragaza, mu gihugu hose abagera kuri 86,1% bazi neza Komite z'Abunzi n'imikorere yazo. Intara y'Iburengerazuba niyo iza ku isonga n'amanota 91,6%, naho Umujyi wa Kigali waje ku mwanya wa nyuma n'amanota 66,8%.

Ishusho ikurikira igaragaza zimwe mu mbogamizi Abunzi bahura nazo:


**Ishusho 7: imbogamizi Komite z'Abunzi zihura nazo**




Ubumenyi budahagije mu birebana n'amategeko



Kutagira ibikoresho bihagije n'ububiko



Kutagira aho gukorera

**Ibikwiye kwitabwaho n'inzego bireba:**

- MINIJUST, MINALOC, NEC, NURC, MIGEPROF n'abandi bafatanyabikorwa bakwiye kongerera Abunzi ubumenyi mu birebana n'amategeko
- MINIJUST na MINALOC bakwiye gushakira Abunzi aho bakorera n'ibikoresho kugira ngo barusheho kunoza imikorere no kubika amakuru y'ibyo bakora ku buryo bwizewe.

**Umusaruro watanzwe na gahunda y'Imihigo**

Imihigo ni imwe muri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo zagize uruhare rukomeye mu kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Imihigo yatumye habaho gukorera ku ntego, kunoza imitangire ya serivisi no gukorera mu mucyo. Isuzuma ryakozwe mu mwaka wa 2018 ryagaragaje ko abaturage bishimiye uruhare rw'Imihigo mu kuzamura ubukungu, imibereho myiza, imiyoborere izana impinduka n'uruhare rwabo mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo.

**Imbonerahamwe 4: Ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Uturere na za Minisiteri (2014-2018)**

| Urwego | 2013-2014 | 2014-2015 | 2015-2016 | 2016-2017 | 2017-2018 |
|---|---|---|---|---|---|
| Minisiteri | 66.5% | 74.8% | 56.6% | 67.8%) | 64.9% |
| Uturere | 73.5% | 74.3% | 75% | 78.02% | 68.8% |
| Imihigo ya Minisiteri | | | | | |
| Ubukungu | 64.9% | 73.3% | 65.56% | 65.9% | 63.6% |
| Imibereho myiza | 64.6% | 73.3% | 53.5% | 69.8% | 60.4% |
| Imiyoborere n'ubutabera | 68.4% | 76.9% | 50.63% | 70.3% | 73.5% |
| Imihigo y'uturere | | | | | |
| Ubukungu | 75.7%. | 81.4% | 66.4% | 77.2% | 60.6% |
| Imibereho myiza | 72% | 75.5% | 61.7% | 79% | 73.9% |
| Imiyoborere n'ubutabera | 73% | 66.2% | 58.9% | 79.3% | 84.5% |


***Aho byavuye: RGB-Imihigo impact assessment, 2018***

Impuzandengo y'amanota y'uturere mu mihigo yagabanutseho 4,7% ava kuri 73,5% muri 2013/2014 agera kuri 68,6% muri 2017/2018. Kuri minisiteri, habayeho izamuka rya 2,4% mu manota muri iriya myaka. Mu mwaka wa 2013-2014 icyiciro cy'imiyoborere n'ubutabera nicyo cyagize amanota menshi 68,4% ugereranyije n'ibindi mu mihigo ya minisiteri. Iki cyiciro cyaje ku isonga no mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018 n'amanota 73.5%. Mu mihigo y'uturere, icyiciro cyaje ku mwanya wa mbere mu mwaka wa 2013-2014 cyari icy'ubukungu ku manota 75,7% mu gihe mu mwaka wa 2017/2018 cyabaye icy'imiyoborere n'ubutabera n'amanota 84,5%.

**Imihigo ihuriweho n'inzego**

Iyi mihigo yibanda ahanini ku bikorwa by'ingenzi biri muri gahunda za Leta aribyo: ibyoherezwa mu mahanga, ubuhinzi, ingufu, guhanga umurimo, iterambere ry'imijyi no kunoza imiturire, imibereho myiza y'abaturarage n'imitangire ya serivisi. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza uko imihigo ihuriweho n'inzego yashyizwe mu bikorwa:

**Ishusho 8: Uko imihigo ihuriweho n'inzego yashyizwe mu bikorwa**





***Aho byavuye: RGB-Imihigo impact assessment, 2018***

Nk'uko bigaragara muri iyi shusho, urwego rw'ingufu nirwo rwitwaye neza mu gushyira mu bikorwa imihigo kuko rwagize amanota 89,9% mu gihe urwego rwaje inyuma ari urw'iterambere ry'imijyi n'imiturire rwagize amanota 43,2%.

Hifashishijwe ubushakashatsi bwa CRC 2018 abaturage bagaragaje uko babona ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ku nzego zitandukanye. Ku rwego rw'Akarere n'Umurenge igipimo kiri kuri 70% kuzamura, naho ku birebana n'imihigo y'ingo kiri kuri 69,5% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 9: uko abaturage babona ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ku nzego zitandukanye**




***Aho byavuye: RGB-Imihigo impact assessment, 2018***

Ubushakashatsi bwerekanye ko "*Imihigo*" yagize uruhare mu iyubakwa ry'ibikorwa remezo byoroheje urujya n'uruza rw'abantu, ibintu na serivisi. Imihigo kandi yagize uruhare mu kugabanya ubukene buva kuri 56.7% muri 2005 kugera 39.1% muri 2014.

**1.1.3. Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda n'ikoranabuhanga mu miyoborere.**

RGB ifite inshingano zo gusesengura ubushakashatsi n'ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, gukurikirana inyingo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere bwaba ubukorwa n'Abanyarwanda cyangwa Abanyamahanga.

Ibi bikorwa hagamijwe kugaragaza isura y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, gusesengura icyo ubwo bushakashatsi buvuga ku Rwanda no kubigereranya n'ibigaragazwa n'ubushakashatsi bw'imbere mu gihugu.

Ku bijyanye n'izi nshingano RGB yakoze ibikorwa bikurikira:

**a. Gushyiraho urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu Rwanda (Local Governance Profile Center, LGPC)**

LGPC ni uburyo bw'ikoranabuhanga bwashyizweho na RGB mu rwego rwo guhuriza hamwe amakuru arebana n'imiyoborere n'iterambere mu nzego z'ibanze kugira ngo bigendweho mu ifatwa ry'ibyemezo. Uru rubuga rwatangiye gushyirwaho amakuru, ari nako rugenda runozwa ngo ruhuzwe n'izindi mbuga zikoreshwa n'inzego zinyuranye.

**b. Kugaragaza ubushakashatsi bwa RGB hifashishijwe ikoranabuhanga**

RGB yashyizeho urubuga rw'ikoranabuhanga rumurikirwaho ibyavuye mu bushakashatsi bwayo. Amakuru ashyirwa kuri uru rubuga mu buryo bworohereza abayakeneye kuyabona no kuyakoresha mu buryo babyifuza (inyandiko, amashusho, imbonerahamwe)

**c. Gukora no gutangaza icyegeranyo cy'ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Review)**

Iki cyegeranyo gisohokamo inyandiko zivuga kuri gahunda zitandukanye z'imiyobore n'iterambere ry'igihugu. Inyandiko zisohoka muri iki cyegeranyo ziba zanonosowe n'inzobere, bityo zigatanga amakuru afasha mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki z'imiyoborere mu nzego zitandukanye.

Inyandiko enye nizo zasohotse mu cyegeranyo cya 2017-2018. Ebyiri muri zo zibanze ku Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) n'uruhare rwabo mu kwimakaza imiyoborere myiza, naho mu zindi ebyiri, imwe ivuga ku kwegereza abaturage serivisi z'ubuvuzi indi isesengura imbogamizi inzego z'ibanze zihura nazo mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi.

**d. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere.**

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano RGB yateguye ibigenderwaho mu gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bifuza gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda. Hakiriwe ubusabe 10, nyuma yo kubusuzuma 6 bwaremewe buhabwa uruhushya kuko bwari bwujuje ibisabwa. RGB yakurikiranye ikorwa ry'ubwo bushakashatsi kugira ngo irebe ko bwubahiriza ibisabwa. Bumwe muri bwo ni ubwakozwe na Kaminuza ya Princeton yo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, bwakozwe ku bijyanye no guhanga udushya tuzana impinduka mu mibereho y'abantu. Ubu bushakashatsi bwakorewe ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (Innovations for successful societies: building the Rwandan Revenue Authority (RRA), 2001-2017).

Bimwe mu by'ingenzi ubwo bushakashatsi bwagaragaje ni ibi bikurikira: hagati ya 1998-2018, uruhare rw'imisoro ku musaruro mbumbe w'igihugu rwavuye 10,8% rugera kuri 16,7%. Imisoro n'amahoro byinjijwe byikubye inshuro zirenga 10 bigera kuri miliyari 1.3 z'Amadorali y'Amerika. Hagati ya 2007 na 2017, umubare w'abasora wikubye inshuro 15 bava ku 26.526 bagera kuri 355.128. Mu mwaka wa 2017, 62% by'ingengo y'imari y'igihugu byaturutse imbere mu gihugu mu gihe mu mwaka wa 2000 byari kuri 39%.

**e. Gusesengura ubushakashatsi mpuzamahanga buvuga ku Rwanda**

RGB yasesenguye ibyegeranyo mpuzamahaanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu miyoborere hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga. Ibyegeranyo byasesenguwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 5: Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga mu Rwanda**

| Icyegeranyo | Urwego rugikora | Umwanya u Rwanda ruriho muri Afurika | Umwanya u Rwanda ruriho ku Isi | Amanota |
|---|---|---|---|---|
| **1. Global Competitiveness Index 2017-2018** | World Economic Forum | 2 | 58 | 4,35/10 |
| **2. World Bank Doing business report 2018** | World Bank | 2 | 41 | 73,40% |
| **3. Closing Gender Gap report 2017** | World Economic Forum | 1 | 4 | 82% |
| **4. Ibrahim Index of African Governance 2017** | Mo Ibrahim Foundation | 9 | - | 63,9/% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **5. Global Law and Order 2018 (Countries/Areas Most Likely to Feel Safe in 2017)** | Gallup | 1 | 5 | 88% |
| **6. Corruption perception index 2017** | Transparency International | 4 | 48 | 55% |
| **7. Open budget index 2017** | International Budget Partnership | 20 | 74 | 22% |
| **8. World Happiness Report 2018** | United Nations Sustainable Development Solutions Network. | 41 | 151 | 3,408/10 |
| **9. Legatum Prosperity index (2017)** | Legatum Institute | 6 (Munsi y'Ubutayu bwa Sahara) | 87 | 56,5% |
| **10. Global youth development index (2016)** | The Common Wealth | 19 | 148 | 49,1% |

*Aho byavuye: **RGB-Raporo y'ibikorwa, 2018.***

**Imbonerahamwe 6: Uko u Rwanda ruhagaze mu bipimo bitandukanye by'ibyegeranyo mpuzamahanga**

| Icyegeranyo | Igipimo | Umwanya muri Afurika | Umwanya ku isi | Amanota |
|---|---|---|---|---|
| Ibrahim Index of African Governance 2017 | Gukorera mu mucyo (Accountability) | 1 | N/A | 72,1% |
| World Bank Doing business report 2018 | Kurengera abacuruzi baciriritse (Protecting minority investors) | 2 | 16 | 73,33% |
| Closing Gender Gap report 2017 | Uburinganire bw'abagabo n'abagore muri politiki (Political empowerment) | 1 | 3 | 53,9% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Global Competitiveness Index 2017-2018 | Imikorere y'inzego (Efficient Institutions) | 1 | 16 | 77,14% |
| Global Law and Order **2018** **(**Countries/Areas Most Likely to Feel Safe in 2017) | Kumva utekanye mu gihe ugenda wenyine nijoro (Walking alone at night) | 1 | 5 | 88% |
| Corruption perception index 2017 | Ruswa (Corruption) | 4 | 48 | 55% |
| Ibrahim Index of African Governance 2017 | Umutekano n'iyubahirizwa ry'amategeko (Safety and Rule of law) | 12 | N/A | 64,1%` |

**Aho byavuye**: *RGB-Raporo y'Ibikorwa 2018*

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi byifashishwa mu gukora igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS). Ibi bifasha mu ishyirwaho ry'ingamba na politiki bigamije kunoza imiyoborere no guhindura imibereho y'umuturage.

### 1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

Mu myaka 20 ishize u Rwanda rwahisemo kwifashisha uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo mu rwego rwo guhangana n'ibibazo by'imibereho myiza y'abaturage n'iterambere ry'ubukungu. Ubu buryo bushingiye ku muco nyarwanda bwabyaye gahunda zatanze ibisubizo birambye ku bibazo byatewe n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

RGB ifite inshingano yo gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo. Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano RGB yakoze ibikorwa bikurikira:

#### 1.2.1. Gukusanya amakuru ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

RGB yakoze urubuga rw'amakuru yerekeye uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo (HGS digital platform). Uru rubuga rwatangiye gushyirwaho amakuru y'ingenzi mbere y'uko rushyirwa ku mugaragaro. Ayo makuru arimo amashusho, amajwi n'inyandiko bivuga ku buryo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo. Amakuru amaze gushyirwa kuri uru rubuga avuga kuri Girinka na Komite z' Abunzi. Uru rubuga ruzajya rufasha gusangiza Abanyarwanda n'abanyamahanga amakuru ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo n'umusaruro bwatanze.

#### 1.2.2. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere (HGS)

Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere bikorwa hagamijwe gukumira abashaka gukoresha ubu buryo batabifitiye uburenganzira. Ni muri urwo rwego habayeho (i) kwandikisha HGS ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga (ii) gutoranya inzobere zizajya zifasha gusangiza ubumenyi kuri ubu buryo.

Gahunda 10 arizo: Komite z'Abunzi, Gacaca, Girinka, Imihigo, Ubudehe, Umuganda, Umwiherero, Umushyikirano, Ndi Umunyarwanda n'Itorero zakorewe ibirango. Bine muri byo ni ukuvuga ibya Gacaca, Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano byamaze kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha mu gihe ibindi bitandatu (Girinka, Itorero, Ubudehe, Umuganda Umwiherero, Ndi Umunyarwanda) bigitegereje kwemezwa.

**Imbonerahamwe 7: ibirango bya HGS byemejwe**

| Nº | Gahunda | Ikirango |
|---|---|---|
| 1 | Gacaca | |
| 2 | Komite z'Abunzi | |
| 3 | Imihigo | |
| 4 | Umushyikirano | |

Izi gahunda kandi RGB yatangiye inzira yo kuzandikisha ku rwego mpuzamahanga. Binyuze muri RDB, hatangiye ibiganiro n'Umuryango mpuzamahanga wo kurengera uburenganzira ku mutungo bwite (World International Property Organization WIPO). Inyandiko za ngombwa zarujujwe ubu harakorwa ibijyanye no kwishyura.

Hagamijwe gusangiza abantu ubumenyi n' amakuru kuri HGS, RGB n'abafatanyabikorwa bemeje ibigenderwaho mu gutoranya inzobere zizakora uwo murimo. Hakozwe urutonde rw'agateganyo ruriho inzobere 10 rushyikirizwa inzego bireba kugira ngo zemezwe.

#### 1.2.3. Kumenyekanisha no kubyaza umusaruro uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

Ku bufatanye bwa RGB na MINECOFIN, MINAFFET, MoD na RDB hanogejwe uburyo bwo gushyiraho ikigo Rwanda Cooperation Initiative (RCI) kizajya cyakira abantu bose bashaka kwigira ku mwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo. Icyo kigo kandi kizashyiraho uburyo buhamye bwo kubyaza umusaruro izi gahunda. Iki kigo kizifashisha inzobere nyarwanda zatoranyijwe. RGB izakomeza umurimo wo gushaka gahunda nshya zishobora gushyirwa mu rwego rwa HGS.

### 1.3. Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF)

Kuri iki cyiciro RGB ifite inshingano zirimo: guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinona n'izindi nzego bireba, kugenzura ku buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta.

#### 1.3.1. Imitangire ya serivisi

**a. Kunoza politiki y'igihugu y'imitangire ya serivisi**

Politiki y'igihugu y'imitangire ya serivisi yaranogejwe, hanategurwa ingamba zo kuyishyira mu bikorwa bishyikirizwa inzego bireba kugira ngo byemezwe.

**b. Gushyiraho ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi no kugenzura uko serivisi zitangwa mu bigo bya Leta, iby'abikorera no mu miryango itari iya Leta**

Hashyizweho Ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi mu bigo by'abikorera no mu miryango itari iya Leta. Ibyo bipimo nibyo bikoreshwa mu kugenzura imitangire ya serivisi muri ibyo byiciro.

RGB yakoze igenzura ku mitangire ya serivisi mu bigo 60 birimo 41 bya Leta (Minisiteri 11, ibigo 25[1], Intara zose n'Umujyi wa Kigali). Mu rwego rw'abikorera, hagenzuwe ibigo 5 bikora mu byerekeye gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange[2] n'amavuriro[3] 5. Hagenzuwe kandi ibigo 5 by'Imiryango itari iya Leta[4] na 4 by'Imiryango ishingiye ku myemerere[5].

Igenzura ryagaragaje ko igipimo cy'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta gihagaze ku mpuzandengo ya 67,17%. Mu myaka ishize, icyo gipimo cyazamutseho 9,73% kuko cyavuye kuri 57,44% cyariho mu mwaka wa 2015. Bimwe mu byatumye habaho izamuka ry'igipimo cy'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta ni igenzura rihoraho n'ubukangurambaga binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera".

Mu nzego z'abikorera, igenzura ryagaragaje ko igipimo cy'imitangire ya serivisi kiri ku mpuzandengo ya 64,93% naho mu miryango itari iya Leta kiri kuri 62,95%.

---

[1] RRA, RSB, RDB, LODA, Urwego rw'Umuvunyi, NAEB, HEC, RBC,GMO,NCHR, RCA, RSSB, NIDA, RURA, PSC, REB,REMA, RLMUA, WASAC, NCPD, NCC,FARG, NWC.

[2] ROYAL EXPRESS, HORIZON EXPRESS, RFTC, VIRUNGA EXPRESS, RITCO.

[3] La Croix du Sud Hospital, Polyclinic La Medical, Baho Polyclinic, Polyclinic du Carrefour, Polyclinic du Plateau

[4] , PROFEMMES, RCSP, VCT, RYOF. WORLD VISION.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu bigo bya Leta, mu by'abikorera no mu miryango itari iya Leta.

**Imbonerahamwe 8: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi**

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **IBIGO BYA LETA** | | | | | **67,17** |
| **Ingingo 1** | | **Ingingo ya 2** | | **Ingingo ya 3** | |
| uko abasaba serivisi bakirwa | **75,10** | ikoranabuhanga mu gutanga serivisi | **44,11** | Serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru | **74,76** |
| **IBIGO BY'ABIKORERA** | | | | | **64,93** |
| **Serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'abikorera** | | | | | **61,69** |
| **Ingingo ya 1** | | **Ingingo ya 2** | | **Ingingo ya 3** | |
| uko abasaba serivisi bakirwa | **52,30** | Kubahiriza amabwiriza agenga serivisi z'ubuvuzi | **63,25** | Ubushobozi n'iby'ibanze bikenerwa mu gutanga serivisi | **67,95** |
| **SERIVISI ZO GUTWARA ABAGENZI MU BURYO BWA RUSANGE** | | | | | **68,16** |
| **Ingingo ya 1** | | **Ingingo ya 2** | | **Ingingo ya 3** | |
| uko abasaba serivisi bakirwa | **61,55** | Kubahiriza amabwiriza agenga ibyerekeye gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange | **91,27** | ikoranabuhanga mu gutanga serivisi | **50** |
| **IMIRYANGO ITARI IYA LETA** | | | | | **62,95** |
| **Ingingo ya 1** | | **Ingingo ya2** | | **Ingingo ya 3** | |
| uko abasaba serivisi bakirwa | **74,60** | Serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru | **60,81** | Ubufatanye n'Inzego za Leta zegereye abaturage | **59,26** |

***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Ibyavuye mu bugenzuzi ku mitangire ya serivisi byashyikirijwe abo bireba kugira ngo hafatwe ingamba zo kunoza ibitagenda neza.

**Imbonerahamwe 9: Uko inzego za Leta zihagaze mu mitangiore ya serivisi**


| Inzego | uko abasaba serivisi bakirwa (25%) | Ikoranabuhanga mu gutanga serivisi (25%) | Serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru % (50%) | Impuzandengo |
|---|---|---|---|---|
| RRA | 90.79% | 86.00% | 86.98% | 87.69% |
| RSB | 85.24% | 59.00% | 89.18% | 80.65% |
| CoK | 87.66% | 75.00% | 79.52% | 80.43% |
| MINICOM | 95.11% | 67.00% | 79.79% | 80.42% |
| MINECOFIN | 89.46% | 92.86% | 65.64% | 78.40% |
| RDB | 91.97% | 92.00% | 63.13% | 77.56% |
| LODA | 74.62% | 68.00% | 80.42% | 75.86% |
| Southern Province | 72.57% | N/A | 77.05% | 75.56% |
| MINAGRI | 79.40% | 66.00% | 77.44% | 75.07% |
| NAEB | 90.24% | 50.00% | 76.53% | 73.32% |
| OMBUDSMAN | 94.55% | 58.33% | 69.87% | 73.15% |
| Western Province | 69.70% | N/A | 74.83% | 73.12% |
| HEC | 68.60% | 67.00% | 78.11% | 72.96% |
| MINEDUC | 78.15% | 52.78% | 79.74% | 72.60% |
| MININFRA | 78.86% | 50.00% | 79.72% | 72.08% |
| MIFOTRA | 85.03% | 40.00% | 81.27% | 71.89% |
| RBC | 85.83% | 48.00% | 75.60% | 71.72% |
| MINALOC | 85.2% | 50.00% | 75.83% | 70.83% |
| GMO | 82.62% | 25.00% | 86.46% | 70.13% |
| NHRC | 74.91% | 43.00% | 80.21% | 69.58% |
| MINIJUST | 82.43% | 33.33% | 81.19% | 69.54% |
| EASTERN PROVINCE | 77.16% | N/A | 65.51% | 69.39% |
| NORTHERN PROVINCE | 61.36% | N/A | 71.12% | 67.87% |
| RSSB | 89.84% | 33.33% | 73.64% | 67.61% |
| NIDA | 60.85% | 57.50% | 74.46% | 66.82% |
| RCA | 72.18% | 57.00% | 68.78% | 66.69% |
| RURA | 85.61% | 26.00% | 72.69% | 64.25% |
| MINISPOC | 74.78% | 30.00% | 75.86% | 64.12% |
| PSC | 62.87% | 45.00% | 71.33% | 62.63% |
| RLMUA | 54.01% | 45.00% | 73.93% | 61.71% |
| MINISANTE | 65.86% | 40.00% | 69.96% | 61.45% |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| MINAFFET | 45.13% | 42.00% | 78.53% | 61.04% |
| REB | 75.97% | 27.00% | 59.75% | 55.62% |
| REMA | 76.30% | 0.00% | 73.02% | 55.58% |
| WASAC | 69.76% | 59.00% | 45.21% | 54.79% |
| RAB | 73.71% | 12.00% | 64.19% | 53.52% |
| NCDP | 64.73% | 25.00% | 62.11% | 53.49% |
| NCC | 55.97% | 0.00% | 77.20% | 52.59% |
| FARG | 65.57% | 0.00% | 71.64% | 52.21% |
| NYC | 60.78% | 0.00% | 72.00% | 51.19% |
| NWC | 48.81% | 10.00% | 71.84% | 50.62% |
| Impuzandengo | 75.10% | 44.11% | 74.76% | 67.17% |

***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, igipimo cy'uko abasaba serivisi bakirwa nicyo cyagize amanota menshi (75,1%), ku mwanya wa kabiri haza serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru n'amanota 74,76% naho ku mwanya wa nyuma haza ikoranabuhanga mu gutanga serivisi n'amanota 44,11%. Impuzandengo y'amanota y'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta iri ku gipimo 67,17% bigaragaza ko hagikenewe ingufu nyinshi mu kunoza imitangire ya serivisi kugira ngo intego igihugu kihaye zigerweho.

**Ishusho 10: uko ibipimo by'imitangire ya serivisi bihagaze mu nzego za Leta**





***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Iyi shusho igaragaza ko 36,5% by'inzego bwite za Leta zagenzuwe zagize amanota ari hagati ya 85,6% – 90,6% (Excellent) mu birebana n'uko abasaba serivisi bakirwa (customer care). Naho 10% ry'izo nzego zagize amanota ari munsi ya 60%.

Ku gipimo cy'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi 78,3% by'inzego zagenzuwe zabonye amanota ari munsi ya 60%. Ishusho ikurikira irashyira inzego mu byiciro bijyanye n'amanota zabonye.


**Ishusho 11: ibyiciro inzego zirimo mu mitangire ya serivisi**




***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Inzego enye arizo RRA, RSB, CoK na MINICOM zagize amanota ari hejuru ya 80%; inzego 9 zihwanye na 22% (REB, REMA, WASAC, RAB, NCDP, NCC, FARG, NYC na NWC) zagize amanota ari munsi ya 60%.


**Ishusho 12: Uko inzego zihagaze mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi**




***Aho byavuye:** RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza inzego 3 zingana na 7% (RRA, MINECOFIN na RDB) nizo zagize amanota ari hejuru ya 80% mu birebana n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi. Inzego 29 zingana na 71% (NAEB, OMBUDSMAN, MINEDUC, MININFRA, MIFOTRA, RBC, MINALOC, GMO, NHRC, MINIJUST, RSB, RSSB, NIDA, RCA, RURA, MINISPOC, PSC, RLMUA, MINISANTE, MINAFFET, REB, REMA, WASAC, RAB, NCDP, NCC, FARG, NYC na NWC) zagize amanota ari munsi ya 60%. Intara zagaragaje ko nta serivisi zitanga hakoreshejwe ikoranabuhanga.


**Ishusho 13: Kwishyurira ku gihe ba rwiyemezamirimo**




***Aho byavuye:** RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Iyi shusho igaragaza ko mu bigo byagenzuwe 21 bingana na 51% byishyura ku gihe ababihaye serivisi zitandukanye, naho 2 bingana na 5% biracyafite ibibazo bikomeye byo kutiushyura ku gihe ababihaye serivisi.

**Ishusho 14: kubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi zitangwa n'inzego (service charters)**




***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Ibigo 13 (32%) mu byagenzuwe nibyo byonyine byubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi bitanga naho 12 (29%) ntibibyubahiriza nk'uko bikwiye kuko byagize amanota ari munsi ya 60%.

**Urwego rw'Abikorera**


**Imbonerahamwe 10 : ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu mavuriro yigenga.**

| Amavuriro | Uko abasaba serivisi bakirwa (25%) | Kubahiriza ibipimo fatizo (50%) | Ibikenerwa mu gutanga serivisi inoze (25%) | Amanota |
|---|---|---|---|---|
| BAHO POLYCLINIC | 64.17 | 62.50 | 82.50 | **67.92** |
| HOPITAL LA CROIX DU SUD | 54.60 | 67.50 | 69.38 | **64.74** |
| POLYCLINIQUE DU PLATEAU | 56.67 | 65.00 | 68.50 | **63.79** |
| POLYCLINIQUE DU CARREFOUR | 39.17 | 70.00 | 61.25 | **60.10** |
| POLYCLINIQUE LA MEDICALE | 46.91 | 51.25 | 58.13 | **51.88** |
| **Impuzandengo** | **52.30** | **63.25** | **67.95** | **61.69** |

***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Nk'uko bigaragazwa n'iyi mbonerahamwe, impuzandengo y'imitangire ya serivisi mu mavuriro yigenga yagenzuwe iri ku gipimo cya 61,69%. Byagaragaye ko hari amavuriro agifite ikibazo gikomeye ku bijyanye n'uburyo abayagana bakirwa. Igipimo cyo kubahiriza ibipimo fatizo (standards) ku mitangire ya serivisi nicyo cyagize amanota ari hejuru ugereranyije n'ibindi (67,95%) naho igipimo kiri hasi ni uburyo abagana amavuriro bakirwa gifite amanota 52,30%

**Ishusho 15: uko amavuriro yigenga ahagaze mu mitangire ya serivisi**




***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Igenzura ryakozwe riragaragaza ko hakenewe kongerwa imbaraga mu kunoza imitangire ya serivisi kuko mu mavuriro 5 yagenzuwe, 4 muri yo yagize amanota ari hagati ya 60-69% naho 1 risigaye ryagize amanota ari munsi ya 60%.


**Imbonerahamwe 11: imitangire ya serivisi mu bigo bitwara abagenzi mu buryo bwa rusange**

| Ibigo | Uko abasaba serivsi bakirwa (50%) | Kubahiriza amabwiriza agenga gutwara abagenzi (30%) | Guhanga udushya (20%) | amanota |
|---|---|---|---|---|
| RFTC | 43.00 | 95.45 | 41.67 | 58.47 |
| ROYAL EXPRESS | 28.20 | 90.91 | 58.33 | 53.04 |
| HORIZON EXPRESS | 93.53 | 90.00 | 50.00 | 83.76 |
| RITCO | 52.23 | 90.00 | 50.00 | 63.11 |
| VIRUNGA EXPRESS | 90.80 | 90.00 | 50.00 | 82.40 |
| Impuzandengo | 61.55 | 91.27 | 50.00 | 68.16 |

***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko impuzandengo ku mitangire ya serivisi mu rwego rwo gutwara abantu mu buryo rusange iri ku gipimo cya 68,16%. Igipimo cyo kubahiriza amabwiriza agenga gutwara abagenzi nicyo gifite amanota ari hejuru ugereranyije n'ibindi kuko gifite amanota ari hejuru ya 90%. Bimwe mu bigo byagaragaweho kutakira neza ababigana, byongeye kandi impuzandengo y'ibigo byose byagenzuwe ingana na 50% ku birebana no guhanga udushya tw' ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi. Ishusho ikurikira ishyira ibigo byagenzuwe mu byiciro hagendewe ku manota.

**Ishusho 16: Ibyiciro by'ibigo byagenzuwe hagendewe ku manota**




***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Iyi shusho igaragaza ko 40% y'ibigo byagenzuwe byagize amanota ari hejuru ya 80%, mu gihe 20% byagize amanota ari hagati ya 60 na 69.9%, naho 40% bisigaye byagize amanota ari munsi ya 60% bikaba bigikeneye kunoza serivisi baha ababagana.

**Imbonerahamwe 12: uko abagenzi babona serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange**

| Ibyiciro by'amanota | Umubare w'ibigo | % | Amazina y'ibigo |
|---|---|---|---|
| Hejuru ya 50% (Abashima) | 2 | 40% | Horizon Express na Virunga Express. |
| Munsi ya 50% (Abanenga) | 3 | 60% | RFTC, RITCO na Royal Express |
| **Igiteranyo** | **5** | **100** | |

**Imbonerahamwe 13: Uko abasabye serivisi mu mavuriro yagenzuwe babibona**

| Ibyiciro by'amanota | Umubare w'ibigo | % | Amazina y'ibigo |
|---|---|---|---|
| Munsi ya 50% (Abanenga) | 5 | 100% | Baho Polyclinic, Hopital La Croix Du Sud, Polyclinique du Plateau, Polyclinique du Carrefour na Polyclinique La Medicale. |
| **Igiteranyo** | **5** | **100** | |

**Imbonerahamwe 14: Igihe bisaba kugira ngo usaba serivisi mu ivuriro ayibone**

| Icyiciro cy'amanota | Umubare w'ibigo | % | Amazina y'ibigo |
|---|---|---|---|
| Hejuru 50% (serivisi itangwa mu gihe gikwiye) | 3 | 60 | Hopital La Croix Du Sud, Polyclinique du Plateau na Polyclinique du Carrefour |
| Hasi ya 50% (serivisi ziratinda) | 2 | 40 | Baho Polyclinic na Polyclinique La Medicale. |
| **Igiteranyo** | **5** | **100** | |

**Imbonerahamwe 15: ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta (CSOs)**


| Umuryango | Uko abasaba serivisi bakirwa (20%) | Imikorere ya CSOs mu nshingano nyamukuru (40%) | Ubufatanye n'inzego z'ibanze (40%) | Amanota |
|---|---|---|---|---|
| RUM | 94.44% | 71.43% | 100.00% | 87.46% |
| WORLD VISION | 94.44% | 71.43% | 90.00% | 83.46% |
| CVT | 94.44% | 71.43% | 86.67% | 82.13% |
| PRO-FEMMES | 84.72% | 72.26% | 80.00% | 77.85% |
| CPR | 78.06% | 71.43% | 75.00% | 74.18% |
| RMC | 69.72% | 67.86% | 81.67% | 73.75% |
| RCSP | 83.33% | 82.14% | 0.00% | 49.52% |
| RYOF | 23.33% | 0.00% | 0.00% | 4.67% |
| FOBACOR | 48.89% | 39.29% | 20.00% | 33.49% |
| Impuzandeng o | 74.60% | 60.81% | 59.26% | 62.95% |

***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Igipimo cy'imitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta kiri ku mpuzandengo ya 62.95%. Iki gipimo kiri hasi bitewe ahanini n'uko imwe mu miryango yagize amanota make mu birebana no gukorana n'inzego z'ibanze. Igipimo cy'uburyo abasaba serivisi bakirwa cyaje ku isonga n'amanota 74.6% naho icyerekeye imikoranire n'inzego z'ibanze cyaherutse ibindi n'amanota 59.26%.

Ishusho ikurikira iragaragaza imiryango yagenzuwe mu byiciro hagendewe ku manota yagize.

**Ishusho 17: Uko imiryango yagenzuwe ihagaze hakurikijwe ibyiciro by'amanota**




***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza 34% by'imiryango yagenzuwe yagize amanota ari hejuru ya 80% mu gihe 33% yagize amanota ari hagati ya 70-79,9% naho 33% isigaye yagize amanota ari munsi ya 60%.

**Imbonerahamwe 16: Uko abasaba serivisi muri CSOs bakirwa**

| Icyiciro cy'amanota | Umubare w'ibigo | % | Amazina y'ibigo |
|---|---|---|---|
| Munsi ya 10% (nabi bikabije) | 2 | 22.22% | RCSP na RYOF |
| Hagati ya 10% na 50% (nabi) | 1 | 11.11% | PRO-FEMMES, |
| Hagati ya 50% na 70% (neza) | 6 | 66.67% | RUM, WORLD VISION RWANDA, CVT, CPR, RMC na FOBACOR. |
| **Igiteranyo** | **9** | **100** | |

**Imbonerahamwe 17: Uko CSOs zitabira gutanga raporo nkuko zibisabwa**

| Icyiciro cy'amanota | Umubare w'ibigo | % | Amazina y'ibigo |
|---|---|---|---|
| Munsi ya 10% (ntibyubahirizwa) | 8 | 88.89% | RUM, WORLD VISION RWANDA, CVT, PRO-FEMMES, CPR, RMC, RYOF na FOBACOR. |
| Hejuru ya 70% (birubahirizwa) | 1 | 11.11% | RCSP |
| **Igiteranyo** | **9** | **100** | |

**Imbonerahamwe 18: Uruhare rwa CSOs mu iterambere ry'uturere**

| Icyiciro cy'amanota | Umubare w'ibigo | % | Amazina y'ibigo |
|---|---|---|---|
| Munsi ya 10% (ruto) | 3 | 33.33% | RCSP, RYOF na FOBACOR. |
| Hejuru ya 70% ( runini) | 6 | 66.67% | RUM, WORLD VISION RWANDA, CVT, PRO-FEMMES, CPR, RMC. |
| **Igiteranyo** | **9** | **100** | |

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko imiryango 6 (66,67%) mu yagenzuwe igira uruhare runini mu bikorwa by'iterambere ry'akarere naho 3 isigaye ingana na 33.33% uruhare rwayo ruracyari ruto. Bityo iyo miryango yashishikarijwe kuzamura uruhare rwayo mu iterambere ry'akarere binyuze muri JADF.

RGB kandi yakurikiranye uko ibigo icumi[6] byashyize mu bikorwa imyanzuro y'igenzura ryakozwe ku mitangire ya serivisi mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017. Byagaragaye ko muri ibyo bigo hari ibigikeneye gukorwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imyanzuro byashyikirijwe cyane cyane mu gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga serivisi.

**c. Imikoranire n'abafatanyabikorwa batandukanye mu bukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera"**

Ku bufatanye n'izindi nzego, RGB yakomeje ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi no kumenyekanisha gahunda ya *"Nk'uwikorera"*.Ubu bukangurambaga bwibanze ku kuzamura ubumenyi bw'abatanga serivisi n'abayihabwa basobanurirwa uruhare n'akamaro imitangire ya serivisi inoze ifite mu iterambere ry'igihugu.

[6] MINAGRI, MoH, MINEDUC, MINALOC, MINIJUST, OFFICE Of the Ombudsman, NHRC, REB, RBC and WDA

Ubukangurambaga bwakozwe binyuze mu bitangazamakuru no mu biganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye barimo Imiryango itari iya Leta, abikorera, Imiryango ishingiye ku myemerere, abagize Njyanama z'Uturere, abahagarariye abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga.

**d. Igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubwisungane mu kwivuza (CBHI)**

RGB yagenzuye serivisi zitangwa muri gahunda y'ubwisungane mu kwivuza mu turere 11[7]. Igenzura ryakozwe mu bihe bibiri bitandukanye (Nzeli 2017 na Mutarama 2018). Iryo genzura ryakozwe nyuma y'aho abaturage bagaragaje ibibazo bitandukanye bijyanye n'imitangire ya serivisi itanoze muri iyi gahunda.

Ubugenzuzi bwakorewe mu bigonderabuzima 17 byakira abaturage 427.534 bakoresha ubwisungane mu kwivuza. Mu gihe cy'igenzura 79,98% by'abaturage bari baramaze gutanga umusanzu wabo, naho 20,02% bari batarawutanga. Mu bari baramaze kwishyura umusanzu 9,77% ntibashoboraga guhabwa serivisi z'ubuvuzi kuko amakarita yabo yari atarongererwa agaciro. Ibibazo byagaragaye n'imyanzuro byafatiwe biri mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 19: ibibazo biri muri serivisi za Ubwisungane mu kwivuza**

| Ikibazo | Uko giteye |
|---|---|
| **Ibireba RSSB** | |
| Abakozi badahagije | Ahatangirwa serivisi za Ubwisungane mu kwivuza ku bigo nderabuzima no ku bitaro RSSB yahashyize abakozi babiri hatitawe ku mubare w'abahabwa serivisi. Byagaragaye ko nk'ahakirirwa abantu barenga 20.000, kongera agaciro amakarita bitinda bitewe n'umubare w'abakozi udahagije.<br><br>Hamwe mu hagaragaye iki kibazo ni mu kigo Nderabuzima cya Kabgayi kigenewe guha serivisi abarenga 41.058. |
| Gushingira ku makuru atajyanye n'igihe bitewe no kutagira uburenganzira bwo gukoresha sisiteme y'ibyiciro by'ubudehe ya LODA | Abakozi ba RSSB batanga serivisi za Ubwisungane mu kwivuza ku mavuriro ntibahawe uburenganzira bwo gukoresha sisiteme y'ibyiciro by'ubudehe ya LODA. Bakoresha urutonde LODA ibaha mu gihe runaka ariko iyo habayeho impinduka ntibahite bazibona.<br><br>Urugero: mu gihe cy'igenzura (Kanama na Nzeli) ku Kigo nderabuzima cya Manyagiro hasanzwe urutonde bahawe na LODA muri Werurwe 2017, bivuze ko impinduka zabaye ku makuru ari kuri urwo rutonde batari bazifite. Ibyo byatumaga abaturage bagera kuri iki kigo bagasubizwa mu nzego z'ibanze kuzana imigereka |

[7]Nyagatare, Rubavu, Gicumbi, Muhanga, Gasabo, Ruhango, Rutsiro, Rusizi, Ngoma, Musanze and Nyarugenge

| | |
|---|---|
| | igaragaza impinduka zabaye mu miryango yabo. |
| Ibibazo mu mikoranire y'abakozi ba RSSB n'inzego z'ibanze | Abakozi ba RSSB bibwiraga ko nta nshingano bafite zo gutanga raporo ku nzego z'ibanze bityo hakabaho kudahuza amakuru kandi bose bakorera abaturage. Byongeye kandi ubuyobozi bw'amavuriro n'inzego z'ibanze nta bubasha bafite kuri abo bakozi bigatuma birara kuko izo nzego zitababaza amakosa ayo ariyo yose arebana n'akazi.<br><br>Urugero: Ku kigo nderabuzima cya Rutare mu karere ka Gicumbi, umukozi wa RSSB yafashe icyemezo cyo guhagarika kwakira abaturage basaba ko amakarita yabo yongererwa agaciro atagishije inama abayobozi b'Akarere. Urundi rugero ni aho abayobozi bo mu karere ka Muhanga bavuze ko umukozi uhagarariye RSSB nta makuru abaha. |
| Kudakora kinyamwuga no kutagira imikorere imwe | Byagaragaye ko abakozi ba RSSB bakemura ibibazo by'ababagana uko babyumva, ugasanga ibibazo bisa bidakemurwa mu buryo bumwe.<br><br>Urugero: Mu Karere ka Rubavu, umukozi wa RSSB ushinzwe Ubwisungane mu kwivuza yavuze ko kwemerera umuryango kwishyura Ubwisungane mu kwivuza hatabariwemo umwe mu bagize uwo umuryango ufite ubundi bwishingizi bikorerwa ku cyicaro gikuru cya RSSB mu gihe mu tundi turere nka Gicumbi na Gasabo, umukozi wa Ubwisungane mu kwivuza yemeje ko iyo yerekanye ikarita y'ubundi bwishingizi abasigaye bemererwa kwishyura Ubwisungane mu kwivuza. |
| Imikorere idahwitse y'abakozi bamwe na bamwe ba RSSB | Mu gihe cy'igenzura, hari abakozi bagaragaweho imikorere idahwitse igira ingaruka ku mitangire ya serivisi.<br><br>Urugero: Ku kigo nderabuzima cya Jabana mu karere ka Gasabo, umukozi wa RSSB abaturage n'abayobozi bamureze imikorere mibi irimo kutakira neza abantu no kudakorana neza n'abandi |
| **Ibirebana n'inzego z'ibanze** | |
| Ikurikiranabikorwa ritanoze | Byagaragaye ko abayobozi b'inzego z'ibanze bashyira imbaraga nyinshi mu gukangurira abaturage gutanga umusanzu ariko ntibakurikirane uko abatanze umusanzu bahabwa serivisi |
| Ibibazo | Imwe mu mirenge yagenzuwe ntiragezwaho ikoranabuhanga rya interineti. Ibyo bigatuma umukozi ushinzwe Ubwisungane mu kwivuza |

| | |
|---|---|
| by'ikoranabuhanga | ahora mu ngendo ajya gushaka aho akura interineti ngo abashe kwinjiza amakuru muri sisiteme. Iki kibazo kirushaho gukomera ku rwego rw'Akagari kuko hari n'abakozi badafite ibikoresho by'umwihariko mudasobwa. |
| **Ibireba LODA** | |
| Kudahana amakuru hagati y'inzego | Urubuga rwa LODA rubitseho amakuru y'ibyiciro by'ubudehe inzego z'ibanze zibasha kurwinjiramo ariko abakozi ba RSSB ntibafite ubwo burenganzira bigatuma abaturage basiragira mu nzego z'ibanze bajya kuzana imigereka yemeza impinduka ku makuru yerekeye imiryango yabo |
| Kutumva kimwe igikwiye gufatwa nk' urugo mu byerekeye ubudehe | Uretse mu murenge wa Kimironko, ahandi hose hakozwe igenzura byagaragaye ko ababana batarasezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko ntibafatwa nk'urugo. Muri serivisi za Ubwisungane mu kwivuza buri wese akomeza kubarurwa ku muryango akomokamo abana babo bakabarwa ku muryango wa nyina |
| Abaturage batagira icyiciro cy'ubudehe babarizwamo | Abaturage bamwe baracikanwe mu gihe cyo gushyirwa mu byiciro by'ubudehe kuko byakozwe batari aho babarurirwa. Hari abandi, cyane cyane imfubyi babuze imiryango ibibaruzaho bituma batabasha kubona serivisi za Ubwisungane mu kwivuza kuko nta byiciro by'ubudehe bagira. |
| **Ibireba abaturage** | |
| Abantu bafite imyaka y'ubukure | Hari imiryango itemererwa gutanga umusanzu wa Ubwisungane mu kwivuza kuko bamwe mu bayigize kandi bafite imyaka y'ubukure banze kwishyura imisanzu yabo cyangwa barimukiye ahandi. |

***Aho byavuye:*** *RGB-Service Delivery Assessment, 2018*

**Ibiganiro ku mitangire ya serivisi za Ubwisungane mu kwivuza**

Nyuma y'iri genzura kuri serivisi z'ubwisungane mu kwivuza, RGB yateguye inama ebyiri (Tariki 18/10/2017 na 06/02/2018) zahuje inzego zifite aho zihuriye na serivisi z'ubwisungane mu kwivuza ziganira ku bibazo byagaragajwe n'igenzura. Izo nzego ni RSSB, MINALOC, MINICAF, MoH, MINICOFIN, LODA, NIDA, MITEC, MIFOTRA, MINPRESREP, RGB, Urwego rw'Umuvunyi na REAF.

**Imbonerahamwe 20: Imyanzuro yavuye mu biganiro kuri serivisi za Ubwisungane mu kwivuza**

| **Nº** | **Umwanzuro** | **Urwego bireba** |
|---|---|---|
| **1** | **Ibirebana n'ibirarane bya mbere ya 2015** | MINECOFIN |
| 1A | Kwishyura ibirarane bifitiwe ibitaro n'ibigo nderabuzima | MoH |
| 1B | Kugaruza amafaranga y'ibirarane yishyuwe abo atagombaga kwishyurwa | MoH<br>MINECOFIN |
| 1C | Kwihutishya kwihyura amafaranga y'ibirarane yabonetse ariko akaba akiryamye kuri konti ya Minisiteri. | MoH |
| 1D | Guhwitura uturere kugira ngo amafaranga twahawe na Minecofin agezwe ku bitaro n'ibigonderabuzima agenewe. | MINECOFIN, MINALOC & LGs |
| 1E | Kwihutira gukosora amakosa yagaragaye mu nyemezabwishyu kugira ngo zishyurwe no gukangurira abishyuza gutegura neza inyemezabwishyu. | MINECOFIN & MoH |
| 2 | **Ibirarane RSSB yari ibereyemo ibitaro n'ibigonderabuzima** | MINICAAF |
| 2A | Kwishyura imyenda RSSB ifitiye ibitaro n'ibigonderabuzima kuva muri Nyakanga kugeza mu Ukuboza 2017 | MINECOFIN & RSSB |
| 2B | Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kubona umutungo ugenewe Ubwisungane mu kwivuza. | MoH, RSSB & MINECOFIN |
| 2C | Kongera umubare w'abakozi hagamijwe kunoza imikorerre n'imitangire ya serivisi (Kugenzura inyemezabwishyu no kwishyuza ku gihe) | RSSB |
| 2D | Guhuza ibiciro bya serivisi z'ubuvuzi | MoH |
| 3 | **Itegeko rigenga Ubwisungane mu kwivuza** | |
| 3A | Kwihutisha ivugururwa ry'Itegeko rigenga imitunganyirize y'Ubwisungane mu kwivuza | MINECOFIN MIGEPROF, MINIYOUTH, MINALOC, Urwego rw'Umuvunyi, MoH & RSSB |
| 3B | Korohereza abantu ku giti cyabo cyangwa ingo gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza mu gihe bagaragaje impamvu zumvikana. | MINALOC, RSSB & LGs |
| 4 | Kubika amakuru arebana n'abagenerwabikorwa | MiTECH, NIDA, LODA & RSSB, |

| Nº | Umwanzuro | Urwego bireba |
|---|---|---|
| | b'ubwisungane mu kwivuza no koroherereza inzego ziyakenera kuyabona. | MINALOC |
| 5 | Kongera imbaraga mu bukangurambaga kugira ngo italiki ya 1/7 ya buri mwaka umubare munini w'abakoresha ubwisungane mu kwivuza babe baramaze gutanga umusanzu wabo kandi abishyuye bahabwe serivisi bifuza. | MINALOC, RGB, MoH, LODA, & RSSB |
| 6 | Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'igenzura ryabanje. | MINICAAF n'izindi nzego bireba |
| 7 | Kunoza uburyo bwo guhana amakuru ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro. | Inzego zose bireba |

**Ingamba zo kunoza imitangire ya serivisi**

Igenzura ryakozwe ku mitangire ya serivisi, mu nzego za Leta, iz'abikorera na CSOs ryagaragaje ko hakiri ibibazo bikwiye kwitabwaho bityo hagaragazwa zakwifashishwa mu kubikemura. Imbonerahamwe ikurikira irabigaragaza.

**Imbonerahamwe 21: Ingamba zo kunoza imitangire ya serivisi**

| No | Ahakwiye kwitabwaho | Ingamba |
|---|---|---|
| 1 | Gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi mu nzego za Leta biracyari hasi ku gipimo cya 44% mu gihe Leta yihaye intego y'uko kizagera 100% mu mwaka wa 2024 nk'uko biri muri Gahunda y'imyaka 7 (NST 1). | Inzego zose zikwiye kongera umubare wa serivisi zitangwa zifashishije ikoranabuhanga. |
| 2 | Uko abaturage bashima serivisi bahabwa n'inzego za Leta, iz'abikorera, imiryango itari iya Leta biracyari hasi | Gukomeza ubukangurambaga bugamije kunoza imitangire ya serivisi by'umwihariko hanozwa kandi hubahirizwa ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi zitangwa n'inzego. |
| 3 | Inzego za Leta n'iz'Abikorera zitinda kwishyura ba rwiyemezamirimo bigaca integer ibigo by'ubucuruzi. | Gukangurira abahabwa serivisi cyane cyane inzego za Leta kwishyura ku gihe serivisi bahabwa. |
| 4 | Kuba inzego zitubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi zitanga (service charters) | Gukangurira inzego za Leta kubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi zitanga (service charters) hagamijwe |

| | | |
|---|---|---|
| | bigira ingaruka ku mitangire ya serivisi inoze. | kunoza imitangire ya serivisi. |
| 5 | Ibirarane by'ibitaro n'ibigo nderabuzima bikomoka ku bwisungane mu kwivuza bibangamiye imikorere y'urwego rw'ubuvuzi. | RSSB na MINECOFIN birasabwa kujya byihutisha kwishyura. |
| 6 | Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi z'ubwisungane mu kwivuza riracyari hasi kubera ahanini ikibazo cy'ibikorwaremezo. | Inzego zirimo RISA, MINISANTE, RSSB, MiTEC zikwiye gushyira imbaraga mu kongera ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga. |

### 1.3.2. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza

#### a. Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana

Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana ni uburyo Leta y'u Rwanda yashyizeho bugamije kunoza imitangire ya serivisi n'imicungire y'umutungo mu bigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies).

Leta yashyizeho amabwiriza agenga imikorere y'iyo gahunda, RGB ihabwa inshingano yo guhuza ibikorwa byayo ku rwego rw'igihugu. Iyi gahunda ishyirwa mu bikorwa binyuze mu kugenzurana hagati y'inzego (NBAs). Iyi gahunda yibanda ku nkingi 4 ari zo: (1) imiterere y'ahatangirwa serivisi, (2) gahunda zigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage, (3) imicungire y'umutungo (4) n' imitangire ya serivisi.

Intara zose n'Umujyi wa Kigali zisabwa gushyira mu bikorwa iyi gahunda nk'uko biteganywa n'amabwiriza ayigenga. Igenzura ryagaragaje ko Intara y'Amajyaruguru, iy'Iburengerazuba n'iy'Iburasirazuba zashyize mu bikorwa iyi gahunda nk'uko biteganywa. Intara y'Amajyepfo ntiyubahirije ibisabwa mu gihe Umujyi wa Kigali wo utigeze ushyira mu bikorwa iyi gahunda.

RGB yahuje raporo z'ibyakozwe muri gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana iyishyikiriza MINALOC, MINECOFIN n'Intara bireba. MINALOC yasabye Intara y'Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali gushyira mu bikorwa iyi gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana hakurikijwe amabwiriza ayigenga.

Iyi gahunda yafashije intara 3 zayishyize mu bikorwa uko bikwiye kugaragaza ibibazo bijyanye n'imitangire ya serivisi itanoze no kutagaragariza abaturage ibibakorerwa.

**Imbonerahamwe 22: Uko intara zubahirije gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana**

| Intara/Umujyi wa Kigali / Inkingi | Amajyaruguru | Iburengerazuba | Iburasirazuba | Amajyepfo | Umujyi wa Kigali |
|---|---|---|---|---|---|
| Gahunda zigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage | | | | | |
| Imicungire y'umutungo wa Leta | | | | | |
| Imitangire ya serivisi. | | | | | |
| imiterere y'ahatangirwa serivisi | | | | | |

| Ibisobanuro by'amabara | |
|---|---|
| **Ibara** | **Igisobanuro** |
| Icyatsi | Gahunda yashyizwe mu bikorwa uko bikwiye itanga n'amakuru y'ingirakamaro |
| Umuhondo | Gahunda yashyizwe mu bikorwa igice ariko ibyakozwe bitanga amakuru y'ingirakamaro. |
| Ikijuju | Gahunda yashyizwe mu bikorwa igice kandi itanga amakuru adakenewe. |
| Umutuku | Gahunda ntiyigeze ishyirwa mu bikorwa |

Intara y'Amajyarugu n'iy'Iburengerazuba zatanze raporo zirimo amakuru y'ingirakamaro ku nkingi enye iyi gahunda yubakiyeho nubwo hari amakuru make aburamo.


Intara y'Iburasirazuba yashyize mu bikorwa iyi gahunda ikoresheje abagenzuzi b'imari bo ku ntara no mu turere. Ibi binyuranyije n'ikigamijwe muri iyi gahunda aricyo gufasha abakozi bo mu nzego zirebwa n'iyi gahunda kubaka ubushobozi bwabo binyuze mu kwigiranaho no kugenzurana. Intara y'Iburasirazuba yatanze raporo iburamo amakuru y'ingenzi ku zindi nkingi uretse arebana n'imicungire y'umutungo wa Leta (PFM).

Intara y'Amajyepfo, yashyize mu bikorwa iyi gahunda ikoresheje abakozi b'intara n'abagenzuzi b'imari mu turere aho gukoresha abakozi b'inzego zirebwa n'iyi gahunda. Ibi binyuranyije n'amahame y'iyi gahunda. Raporo intara yatanze irimo amakuru adajyanye n'ibyari bigamijwe.

Intara y'Iburengerazuba, iy'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba zashyize mu bikorwa iyi gahunda uko bikwiye zirasabwa gukomeza muri uwo murongo kandi iz'itarabikoze neza zigomba kubafataho urugero kugira ngo iyi gahunda izagere ku ntego.

Ibyagaragajwe na gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana mu micungire ya gahunda ziteza imibereho myiza y'abaturage

**Ishusho 18: Gahunda ya GIRINKA**




***Aho byavuye:*** *RGB-PL-PR Report, 2018*

Nk'uko bigaragazwa n'iyi shusho kwitura mu bagenerwabikorwa ba Girinka biracyari hasi (45%) kandi ariryo shingiro ryo kugira ngo iyi gahunda itange umusaruro urambye. Ikindi giteye impungenge ni umubare w'inka zibwe abazihawe (5%).


**Imbonerahamwe 23: Gahunda ya VUP/Serivisi y'inguzanyo**

| Imicungire y'amafaranga ya VUP | Umubare w'amafaranga | % |
|---|---:|---:|
| **Ayatanzwe** | **7.773.695.211** | **100** |
| Ayishyuwe ku gihe | 5.111.199.006 | 65.7 |
| Ayishyuwe harimo ubukererwe | 1.606.721.932 | 20.7 |
| Akiryamye kuri konti za SACCO | 2.986.172.780 | 38.4 |

***Aho byavuye:*** *RGB-PL-PR Report, 2018*

Nk'uko bigaragazwa n'iyi mbonerahamwe amafaranga yishyuwe harimo ubukererwe n'akiryamye kuri konti za SACCO angana na 59% by'amafaranga yatanzwe muri gahunda ya VUP mu ntara y'Amajyaruguru n'Iy'Iburengerazuba. Kuba amafaranga atagera kubo agenewe n'igipimo cyo kwishyura kikaba kiri hasi ni bimwe mu bituma intego za VUP zo kurwanya ubukene zitagerwaho neza. Hakwiye kongerwa imbaraga mu kwishyuza amafaranga yatanzwe mu nguzanyo no kwihutisha uburyo bwo kwemeza imishinga ihabwa inguzanyo muri VUP.

**Ishusho 19: Ibyo igenzura ryagaragaje ku cyiciro cy'imirimo y'amaboko (VUP public works)**




***Aho byavuye:*** *RGB-PL-PR Report, 2018*

Iyi shusho irerekana ko imishinga ikorwa ikarangira iri ku gipimo cya 62,7%; ibi bivuze ko hakenewe ingufu kugira ngo imishinga ikorwe irangire nk'uko iba yarateganyijwe.

**Imicungire y'imari ya Leta**

**Imbonerahamwe 24: ibyavuye mu igenzura rya PL/PR ku micungire y'imari ya Leta muri NBAs mu ntara y'iburasirazuba**

| Ibibazo byagaragaye | Agaciro mu mafaranga |
|---|---:|
| Amafaranga yakoreshejwe adafitiwe ibisobanuro | 1,779,065,471 |
| Amafaranga yakoreshejwe afitiwe ibisobanuro bituzuye | 1,169,523,726 |
| Amafaranga yinjijwe ntashyirwe kuri konti | 76,321,891 |
| Amafaranga yanyerejwe | 25,555,049 |
| Amafaranga yasesaguwe | 68,781,702 |
| Amafaranga yishyuwe bidakwiye | 41,153,463 |
| Imisoro itarakaswe | 50,173,257 |
| Agaciro k'amasoko yatanzwe hatubahirijwe amategeko | 1,070,991,081 |
| Agaciro k'amavuta y'ibinyabiziga yacunzwe nabi | 62,050,289 |
| **Igiteranyo** | **4,343,615,929** |

***Aho byavuye:*** *PR-PL Intara y'Iburasirazuba, 2017-2018*

**Imbonerahamwe 25: Umutekano w'umutungo wa NBAs 1.794 zagenzuwe**

| Ibibazo byagaragaye | Umubare w'ibigo | % |
|---|---|---|
| Ibigo bidafite kizimyamwoto | 1.360 | 75,8 |
| Ibigo bidafite abarinzi | 943 | 52,6 |
| Ibigo bidafite ubwishingizi bw'ibikoresho | 1.668 | 93,0 |
| Ibigo bidafite imirindankuba | 1.439 | 80,2 |

***Aho byavuye:*** *Raporo ya PR – PL, Intara y'Amajyaruguru n'iy'Iburengerazuba, 2018*

**Imbonerahamwe 26: Ibikorwaremezo by'ibanze mu mashuri 1054 yagenzuwe**

| Ibibazo | Umubare w'amashuri | % |
|---|---|---|
| Amashuri adafite isomero | 587 | 55.7 |
| Amashuri adafite ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze | 657 | 62.3 |
| Amashuri adafite icyumba cy'umukobwa | 322 | 30.6 |
| Amashuri adafite ibibuga by'imikino n'imyidagaduro | 515 | 48.9 |

***Aho byavuye:*** *Raporo ya PR – PL, Intara y'Amajyaruguru n'iy'Iburengerazuba, 2018*

Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko amashuri menshi agifite ibibazo bijyanye n'amasomero, ubutabazi bw'ibanze n'ibibuga by'imikino n'imyidagaduro. Nubwo igipimo cy'amashuri afite icyumba cy'umukobwa gisa naho kiri hejuru ugereranyije n'ibindi ni ngombwa ko n'asigaye akigira kuko byagaragaye ko bifasha mu kugabanya guta ishuri mu bana b'abakobwa.

**Imbonerahamwe 27: imiterere y'ahatangirwa serivisi muri NBAs 1794 zagenzuwe**

| Ibibazo byagaragaye | Umubare w'ibigo | % |
|---|---|---|
| Ibigo bidafite uruzitiro | 1356 | 75,6 |
| Ibigo bidafite uburyo bwo kubungabunga ibidukikije | 778 | 43,4 |
| Ibigo bidafite inzira zikoreshwa n'abafite ubumuga | 1584 | 88,3 |
| Ibigo bidafite aho gukorera hahagije | 279 | 15,6 |
| Ibigo bikorera mu nyubako zishaje cyane | 267 | 14,9 |
| Ibigo bidafite ubwiherero bwihariye bw'abagore n'ubw'abagabo | 689 | 38,4 |
| Ibigo byagaragayemo isuku nke | 604 | 33,7 |

***Aho byavuye:*** *Raporo ya PR – PL, Intara y'Amajyaruguru n'iy'Iburengerazuba, 2018*

**Imbonerahamwe 28: inama zatanzwe nyuma y'isuzuma rya PL-PR**

| N° | Ibibazo byagaragaye | Ingamba |
|---|---|---|
| 1 | Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyepfo ntibubahirije amabwiriza ya MINALOC yerekeye gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana igomba gukorwa kabiri mu mwaka | MINALOC yategetse Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyepfo kubahiriza amabwiriza yatanzwe. |
| 2 | Kwitura mu bagenerwabikorwa ba Girinka biracyari hasi (45%) kandi ariryo shingiro ryo kugira ngo iyi gahunda itange umusaruro urambye. | Intara n'uturere zizakora isuzuma ryimbitse hagamijwe kureba imiterere y'iki kibazo n'ibigitera kugira ngo hafatwe ingamba zikwiye. |
| 3 | Hafi 5% by'inka zatanzwe muri gahunda ya Girinka (Mu ntara zagenzuwe) zaragurishijwe cyangwa zaribwe. | Intara n'uturere ku bufatanye n'imiryango itari iya Leta iri muri gahunda ya Girinka bazakurikirana birushijeho iki kibazo. |

| | | |
|---|---|---|
| 4 | Muri serivisi z'inguzanyo (VUP) mu ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburengerazuba honyine hagaragaye amafaranga na miliyari 3 aryanye kuri konti za SACCO adakoreshwa kandi igipimo cy'inguzanyo zitishyurwa kiri kuri 16 %. | LODA na MINALOC bazakora isuzuma ryimbitse kuri iki kibazo kugira ngo harebwe ibigitera nibiba ngombwa gahunda ya serivisi z'inguzanyo ya VUP ivugururwe. Hagendewe ku musaruro w'ubufatanye bwa Leta n'Imiryango itari iya Leta, birakwiye ku ubwo bufatanye burushaho gushyirwamo imbaraga kugira ngo bifashe mu micungire ya gahunda zigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage bityo byongere umubare w'abagenerwabikorwa bava mu bukene. |
| 5 | Mu ntara y'Iburasirazuba gusa, amafaranga yakoreshejwe adafitiwe ibisobanuro, ayanyerejwe n'ayo ibigo byahombye bitewe no gutanga amasoko hadakurikijwe amategeko asaga miliyari 4. Iki ni ikimeneyetso cy'uko hari imicungire mibi y'umutungo mu bigo bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (NBAs). | Hakenewe gushyirwa imbaraga ahagaragaye ko hari ubumenyi buke mu micungire y'umutungo. Naho abanyereje umutungo bagakurikirwa mu mategeko kandi bidatinze. |
| 6 | NBAs zirenga 75% ntizifite ibikorwa remezo by'ibanze byo gucunga umutekano nka kizimyamwoto, ubwishingizi bw'ibikoresho n'imirindankuba. | Uturere tugomba kugena ingengo y'imari igenewe ibikorwa remezo byo gucunga umutekano w'ibanze w'imitungo ya NBAs. |
| 7 | Ibigo by'amashuri bigera kuri 49% ntibifite ibibuga by'imikino n'imyidagaduro | Uturere tugomba gushyiraho ingengo y'imari igenewe ibikorwaremezo by'imikino n'imyidagaduro ku mashuri n'ibihari bikarushaho kwitabwaho. |

***Aho byavuye :** RGB, Raporo ya PL-PR, 2018.*

**b.Gahunda y'ukwezi kw'imiyoborere (Nzeli 2017 na Werurwe 2018)**

Ku bufatanye n'izindi nzego[8], RGB yateguye inashyira mu bikorwa gahunda y'Ukwezi kw'imiyoborere mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere ibereye umuturage no kunoza imitangire ya serivisi umuturage abigizemo uruhare.

[8] MINALOC,MIGEPROF, MINEDUC, REB, OMBUDSMAN

Ukwezi kw'Imiyoborere kwibanze kuri ibi bikorwa: Imikorere y'Inteko z'abaturage, gukemura ibibazo by'abaturage, irangizwa ry'imanza, ibibazo birebana n'ingurane itangwa ku bikorwa byakozwe mu nyungu rusange, imitangire ya serivisi muri gahunda ziteza imbere umuturage cyane cyane *VUP* n'imyenda inzego za Leta zifitiye abaturage.
Mu kwezi kw'imiyoborere, hakiriwe ibibazo 14.575, hakemurwamo 11.538 (79.2%) ibisigaye 3.037 (20.8%) byoherererejwe inzego bireba ngo zibikemure.

**Imbonerahamwe 29: Ibirarane bijyanye n'ingurane byari birengeje imyaka itanu bitarishyurwa**

| Urwego | Umubare w'amafaranga |
|---|---|
| MINIRENA | 750,822,280 |
| MINEDUC | 534,981,299 |
| REG & WASAC | 449, 087, 075 |
| DISTRICTS | 273, 525, 759 |
| RTDA | 250,062,575 |
| MINICOM | 197,006,547 |
| **Igiteranyo** | **2,455,485,535** |

***Aho byavuye:*** *RGB-Raporo y'Ibikorwa by'Ukwezi kwahariwe Imiyoborere 2017*

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, uburenganzira bw'abaturage bwo guhabwa ingurane ikwiye kandi ku gihe ntibwubahirizwa uko bikwiye. Biragaragara ko mu myaka itanu ishize, Leta yagiyemo abaturage ibirarane bishingiye ku ngurane bigera ku mafaranga y'u Rwanda 2.455.485.535.

**Imbonerahamwe 30: Ibirarane ibigo bya Leta n'ibyigenga bibereyemo abaturage**

| Urwego rw'umurimo/Ikigo | Amafaranga |
|---|---|
| Uturere | 1,044,348,587 |
| Ibigo byigenga | 503,753,180 |
| Ba Rwiyemezamirimo | 119,131,004 |
| Minisiteri y'Uburezi | 67,646,173 |
| Abandi | 615,510,784 |
| **Igiteranyo** | **2,350,385,828** |

***Aho byavuye:*** *RGB- Raporo y'Ibikorwa by'Ukwezi kwahariwe Imiyoborere 2017*

Iyi mbonerahamwe irerekana ko ibigo bya Leta n'ibyigenga bifitiye abaturage ibirarane bigera ku mafaranga y'u Rwanda 2.350.385.828 bikomoka ku mirimo bakoreye izo nzego ntibishyurwe. Iki ni ikibazo gikomeye kuko iyo abaturage bakoze imirimo ntibishyurwe bidindiza iterambere ryabo.

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura ryakozwe mu rwego rwa Gahunda y'Ukwezi kwahariwe Imiyoborere byashyikirijwe inzego bireba kugira ngo zibikurikirane kandi zigire icyo zibikoraho. RGB izakomeza kugenzura intambwe igenda iterwa mu rwego rwo gukemura ibibazo byagaragajwe.

### c. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa y'"Umurenge Kagame Cup 2018"

Mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere myiza, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri y'Umuco na Siporo n'Inzego z'ibanze buri mwaka rutegura amarushanwa y' *"Umurenge Kagame Cup"*. Amarushanwa yo mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, Sit-Ball no gusiganwa ku maguru. Abahize abandi bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari n'ibikombe.










***Abatsize amarushanwa bahawe ibihembo***

Muri aya marushanwa hatanzwe ubutumwa ku miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze. Abaturage bakanguriwe kugira uruhare mu bibakorerwa, gukurikirana uko abayobozi basohoza inshingano, ibyerekeye serivisi inoze, kurwanya gusambanya abana, gukumira no guhangana n'ikibazo cyo gutwita kw'abangavu no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

**d. Inama zigamije kwimakaza imiyoborere iha umuturage ijambo**

Mu rwego rwo kiwamakaza imiyoborere iha umuturage ijambo, RGB yateguye inama zinyuranye n'inzego zihagarariye abaturage zirimo: Inama y'igihugu y'abagore, Inama y'igihugu y'urubyiruko, Ihuririro ry'urubyiruko rwiga mu mashuri makuru na Kaminuza n' Inama y'igihugu y'abafite ubumuga. RGB yagiranye ibiganiro n'imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta. Icyari kigamijwe ni ugufatanya n'izi nzego gukangurira abaturage kugira uruhare rufatika muri gahunda z'iterambere.

**e. Kugenzura imiyoborere n'imicungire y'amakoperative**

Iri genzura ryakozwe mu turere 18. Hagenzuwe koperative 25 zicunga amakusanyirizo y'amata, 29 z'ubuhinzi (umuceri n'ibirayi), SACCO 29 na koperative 33 z'abatwara abantu ku mapikipiki.

Igenzura ryagaragaje ibibazo bikurikira:

- Kutubahiriza amabwiriza agenga amakoperative

- Abayobozi banga kurekura ubuyobozi bw'amakoperative igihe manda zabo zirangiye
- Abayobozi b'amakoperative badakorera mu mucyo harimo kudahamagaza inama ziteganywa n'amategeko
- Imicungire mibi y'umutungo wa koperative.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza incamake y'ibibazo igenzura ryagaragaje mu byiciro bitandukanye by'amakoperative.

**Imbonerahamwe 31: Ibibazo byagaragaye mu makoperative**

| Icyiciro cya koperative | Ibibazo | Ibyasabwe gukorwa |
|---|---|---|
| **Amakoperative y'abatwara amapikipiki** | • Ubumenyi budahagije n'uburyo butanoze bw'imicungire y'umutungo w' amakoperative. | • Amakoperative asabwa gushaka abayobozi bafite ubumenyi bukwiye mu micungire y'umutungo |
| | • Amakoperative ategekwa na RURA gukomeza kwishyura imisanzu y'abanyamuryango bose harimo n'abatakiyabarizwamo. Ibi bibangamira iterambere ry'aya makoperative | • RURA ikwiye gushyiraho uburyo buyifasha kubona amakuru ku bamotari bavuye mu makoperative yabo bityo ntibakomeze kuba umutwaro ku makoperative batakibarizwamo. |
| **Amakoperative y'abahinzi b'umuceri n'ab'ibirayi** | **Ubuhinzi bw'umuceri:**<br>• Impuzamakoperative y'abahinzi b'umuceri n'abafite inganda ziwutunganya bishyiriraho ibiciro nta ruhare abanyamuryango babigizemo bigatuma habaho kutizerana no gucika intege kw'abahinzi. Ibi bituma abahinzi bagurisha umusaruro wabo ku bamamyi aho kuwunyuza mu makoperative. | • Abanyamuryango b'amakoperative bagomba kugira uruhare mu gushyiraho ibiciro by'umusaruro wabo. |
| | **Ubuhinzi bw'Ibirayi:**<br>• Abahinzi b'ibirayi ntibagira uruhare mu gushyiraho | • Abanyamuryango b'amakoperative bagomba kugira |

| | | |
|---|---|---|
| | ibiciro by'umusaruro wabo. Ibi bituma habaho kutizerana hagati yabo n'ubuyobozi bw'amakoperative.<br>• Abahinzi agemura umusaruro ku makoperative ariko bagatinda kwishyurwa bigatuma bacika intege. | uruhare mu gushyiraho ibiciro by'umusaruro wabo.<br>• Amakoperative y'abahinzi agomba kwishyura abahinzi ku gihe |
| **Amakoperati ve acunga amakusanyiri zo y'amata** | • Isoko ry'amata ridahagije<br>• Aborozi bishyurwa amafaranga make ku mata ugereranyije n'ibyo bashora mu bworozi mu gihe abayagura bakayatunganya bayashyira ku isoko ahenze<br>• Ibikorwaremezo bidahagije (amashanyarazi, imihanda n'ibyuma bikonjesha amata) bibangamira imikorere y'amakusanyirizo y'amata<br>• Gutinda kwishyura abanyamuryango b' amakoperative | • Gushakisha uburyo bwo kwagura isoko ry'amata kugira ngo ubworozi burusheho gutanga umusaruro<br>• Minisiteri y'ubuhinzi ikwiye gushyiraho ibikorwaremezo bifasha Amakusanyirizo yo mu bice by'icyaro<br>• Amakusanyirizo y'amata agomba kunoza imikorere kugira ngo abanyamuryango bahabwe igiciro kijyanye n'isoko kandi bishyurwe ku gihe. |
| **SACCO** | • Ingorane mu gukurikirana abahawe inguzanyo batishyura. | • Hakwiye kurebwa uburyo ibibazo birebana n'inguzanyo ziciritse zatanzwe na SACCOs byajya bikemurwa na Komite z'Abunzi. |

| | | |
|---|---|---|
| | • Bamwe mu bayobozi n'abakozi b'uturere ntibishyura imyenda bafashe muri SACCO. Urugero: muri SACCO ya Katabagemu mu karere ka Nyagatare ibyo birarane bigera ku mafaranga y'u Rwanda 3.977.059. Ikibazo nk'icyo cyagaragaye kandi mu karere ka Rulindo aho abayobozi mu nzego z'ibanze babereyemo SACCO umwenda wa 4.517.912 z'amafaranga y'u Rwanda. | • Abayobozi b'inzego z'ibanze bakwiye guhwitura abayobozi batishyura inguzanyo bafashe muri SACCO. |
| | • SACCO ntizikorerwa ubugenzuzi buhagije bigatuma imicungire n'imikoreshereze mibi y'amafaranga igaragara bitinze. Ibyo byagaragaye muri SACCO ya Buhabwa mu murenge wa Murundi mu Karere ka Kayonza aho amafaranga y'u Rwanda miliyoni 80 yaburiwe irengero. Ahandi byagaragaye ni muri SACCO Imbarutso yo muri Giti, Akarere ka Gicumbi ahabuze miliyoni 87 z'amafaranga y'u Rwanda. | • Ikigo gishinzwe amakoperative (RCA) kigomba gukora igenzura rihoraho ku miyoborere n'imicungire y'umutungo bya SACCOs. |
| | • Kutagira uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire ya SACCO bidindiza imitangire ya serivisi bikaba n'imbogamizi ku micungire y'imari. | • BNR na RCA bakwiye gufasha SACCOs gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire n'imitangire ya serivisi. |

***Aho byavuye:*** *RGB-igenzura ku miyoborere n'imicungire y'amakoperative, 2018*

Ibyavuye mu isuzuma byashyikirijwe inzego n'ibigo bireba kugira ngo bikurikirane kandi bigire icyo bibikoraho

**f. Guhuza ibikorwa bya Gahunda y'Ubujyanama (coaching) bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze**

RGB n'abafatanyabikorwa batangije gahunda y'ubujyanama bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze. Binyuze muri iyo gahunda, RGB yageneye buri ntara n'Umujyi wa Kigali abakozi 2 bashinzwe gutanga inama n'ubufasha hagamijwe kunoza imikorere mu gutegura Imihigo, kuyishyira mu bikorwa, kuyikurikirana no kuyisuzuma, guhana ubumenyi, imicungire igamije umusaruro (RBM), amajyambere y'akarere, gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana, imicungire y'imari ya Leta n'ibindi.

Ibyo bikorwa byose byatumye uturere twongera ubushobozi mu byerekeye gutegura imihigo, iteganyabikorwa, ingamba z'iterambere ry'Akarere n'ibyifashishwa mu ikurikiranabikorwa n'isuzuma ryabyo.

### 1.3.3. Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere JADF

Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) ni urubuga abafatanyabikorwa mu rwego rw'iterambere ry'Akarere bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku mikorere n'imikoranire. Iryo huriro rituma habaho ubufatanye mu gutegurira hamwe ibikorwa, kubisuzuma, guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa, kunganira akarere mu birebana n'imari no kungurana ubumenyi.

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, RGB ifatanyije n'abagize JADF bateguye inama ziteganywa n'itegeko, ndetse igirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku nzego zitandukanye. Habaye inama 1 muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali, inama 4 z'ihuzabikorwa n'inama nyunguranabitekerezo ku rwego rw'Igihugu. Ibyo byose byari bigamije kongerera imbaraga ibikorwa by'abagize JADF hitabwa cyane cyane ku ihuzabikorwa, ikurikirana n'isuzuma ryabyo. Ikindi ni uko, ku bufatanye n'abagize JADF, RGB yafashije uturere twose gutegura imurikabikorwa.

Mu rwego rwo kubaka ubushobozi, abagize JADF bagera kuri 428 (14 muri buri karere) bahuguwe ku byerekeye uruhare rwabo mu kwimakaza imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi no gushimangira uruhare rwa JADF muri ibi bikurikira: kunoza imitegurire y'imihigo y'Akarere, kwigiranaho, kugenzurana no gusangira ubunararibonye.

Byagaragaye ko mu mikorere ya JADF hakiri intege nke mu gukurikirana ibikorwa, kubisuzuma no gutanga raporo. Mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, uturere 14 gusa nitwo twatanze raporo ku gihe, 6 tuyitanga dukererewe mu gihe 10 tutigeze tuyitanga. Ibi bivuze ko ibikorwa bya JADF bikeneye gukomeza gukurikiranwa kugira ngo bitange umusaruro byitezweho mu iterambere ry'igihugu. Niyo mpamvu yahaye buri karere ipikipiki imwe igenewe gufasha umukozi wa JADF kurushaho gusohoza neza inshingano.

**Imbonerahamwe 32: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa**

| Nº | Ibikwiye kwitabwaho | Ingamba |
|---|---|---|
| 1 | Uruhare rwa JADF rukiri ruto mu byerekeye kunoza imitangire ya serivisi n'iterambere ry'uturere. | RGB n'Intara bakwiye gushyiraho ingamba zigamije kongera imbaraga mu mikorere ya JADF |
| 2 | Ubuyobozi bw'uturere butita ku mikorere ya JADF | Intara n'uturere bakwiye kurushaho gusobanukirwa uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu no kwita kurushaho ku mikorere yayo |
| 3 | Ubushobozi budahagije bw' Abakozi bashinzwe JADF mu gukora igenamigambi na raporo z'ibikorwa. | Abakozi bashinzwe JADF mu turere bazahugurwa mu mwaka wa 2018/2019 binyuze muri gahunda y'Ubujyanama (coaching) bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze |
| 4 | Urwego rw'umurimo abakozi bashinzwe JADF ntirujyanye n'inshingano z'uwo mwanya | RGB na MINALOC bazakomeza gukora ubuvugizi kugira ngo mu mbonerahamwe y'inzego mu turere hashyirwemo ishami rishinzwe JADF |
| 5 | Komisiyo za JADF ku rwego rw'akarerre zidakora | Inshingano za Komisiyo za JADF zizavugururwa mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere ya JADF |
| 6 | Gushaka amafaranga azafasha mu mirimo rusange ya JADF n'iya Komisiyo zayo. | Abagize JADF barimo n'uturere bagomba gushaka amafaranga agenewe ibikorwa bya JADF |
| 7 | Nta buryo buhari bwo gukurikirana ibikorwa bya JADF | Ingamba zo kunoza JADF zizakemura iki kibazo. |

### 1.4. Imitwe ya Politike, Imiryango ishingiye ku myemerere n'itari iya Leta.

RGB ifite mu nshingano kwandika no gukurikirana imikorere y'imitwe ya Politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'itari iya Leta. Ku bijyanye n'iyi nshingano, RGB ifite ububasha bwo gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere. Ifite kandi ububasha bwo guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta no gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko.

RGB imaze kwandika Imiryango nyarwanda itari iya Leta 1,335, Imiryango ishingiye ku myemerere 740, Imiryango mvamahanga itari iya Leta 173 n'Imitwe ya politiki 11.

#### 1.4.1. Kwandika imiryango

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, RGB yashyizeho uburyo bwo kwandika Imiryango ishingiye ku myemerere n'itari iya Leta hifashishijwe ikoranabuhanga (Online Registration system). Ibi byatumye izi serivisi zirusaho kunoga.

RGB kandi itanga ibyangombwa by'agateganyo n'ibya burundu (ubuzima gatozi) ku miryango ishyira mu bikorwa neza ibyo yagaragaje ko izakora.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w'imiryango yanditswe, iyahawe ibyangombwa by'agateganyo ndetse n'iyahawe ubuzima gatozi.


**Imbonerahamwe 33: Imiryango yanditswe**

| Icyiciro cy'umuryango | Iyahawe ibyangombwa by'agateganyo | Iyahawe ubuzima gatozi | Igiteranyo |
|---|---|---|---|
| Imiryango nyarwanda itari iya Leta (LNGOs) | 126 | 172 | 298 |
| Imiryango Ishingiye ku myemere | 37 | 47 | 84 |

***Aho byakuwe: RGB, Raporo y'ibikorwa 2017-2018***

Imiryango mvamahanga itari iya Leta 173 yahawe ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda indi 4 yahagaritse ibikorwa byayo. Nta mutwe wa politike wanditswe mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018.

**Ishusho 20: Umubare w'imiryango yanditswe**





***Aho byakuwe:*** *RGB-raporo y'ibikorwa 2017-2018*

**1.4.2. Kugenzura imikorere y'Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere**

RGB yagenzuye imiryango itari iya Leta 235 n'ishingiye ku myemere 84 hagamijwe kureba uko yubahiriza amategeko n'amabwiriza ayigenga n'uko bashyira mu bikorwa gahunda z'ibikorwa. Nyuma y'igenzura, imiryango nyarwanda itari iya leta 172 n'ishingiye ku myemerere 47 yahawe ubuzima gatozi kuko yari yujuje ibisabwa naho imiryango itari iya Leta 53 n'ishingiye ku myemerere 37 yagiriwe inama ku byo ikwiriye kunoza.

**Ishusho 21: Umubare wa CSOs na FBOs zagenzuwe n'uko zihagaze mu kubahiriza ibisabwa**




***Aho byavuye:*** *RGB, Raporo y'igenzura 2018*

**Igenzura ry'imiryango mvamahanga itari iya Leta**

Mu mwaka w'ingengo y'imari 2017/2018 hagenzuwe Imiryango mvamahanga 7 ikorera mu mujyi wa Kigali.

**Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga itari iya Leta hakurikijwe ibyiciro ikoreramo**

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, Imiryango mvamahanga itari iya Leta 173 yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'abanyamerika 225.127.672 harimo 84.743.540 yanyujijwe mu ngengo y'imari ya Leta na 140.392.132 USD yashyizwe mu mishinga yo guteza imbere uturere.

**Imbonerahamwe 34: Ingengo y'imari yakoreshejwe na INGOs**

| No | Icyiciro | Umubare wa INGOs | Ingengo y'imari/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 44 | 34,804,743 |
| 2 | Ubuzima, isuku n'isukura | 26 | 45,381,988 |
| 3 | Ubuhinzi n'ubworozi | 32 | 28,411,186 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 4 | Imibereho myiza | 22 | 28,917,680 |
| 5 | Iterambere ry'umuryango n'uburenganzira bw'abana | 17 | 16,254,846 |
| 6 | Uburinganire n'iterambere ry'umugore | 24 | 3,454,148 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije na pariki | 11 | 5,665,854 |
| 8 | Imicungire y'ibiza n'impunzi | 10 | 8,150,038 |
| 9 | Iterambere ry'ubukungu n'ishoramari | 10 | 4,745,343 |
| 10 | Guteza imbere imiyoborere n'itangazamakuru | 5 | 4,389,365 |
| 11 | Amazi | 5 | 3,775,477 |
| 12 | Urubyiruko | 4 | 4,003,965 |
| 13 | Guteza ubucuruzi buciriritse n'ubwambukiranya imipaka | 3 | 897,500 |
| 14 | Ubutabera | 3 | 1,592,707 |
| 15 | Ingufu zisubira, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'umutungo kamere | 3 | 2,627,643 |
| 16 | Guteza imbere siporo n'umuco | 3 | 411,778 |
| 17 | Guteza imbere ibikorwaremezo | 4 | 16,712,785 |
| 18 | Umutekano n'amagereza | 1 | 176,093 |
| 19 | Ikoranabuhanga | 1 | 429,510 |

***Aho byavuye***: *RGB, Raporo y'igenzura 2018*

**Igenzura ry'insengero**

RGB ifatanyije n'izindi nzego bakoze igenzura ry'insengero harebwa ko zujuje ibisabwa birimo kubahiriza amategeko, kudahungabanya umudendezo rusange, imiterere y'inyubako, isuku, isukura no kudateza urusaku.

Iri genzura ryakozwe nyuma y'ibiganiro byahuje abayobozi b'amadini, inzego z'ibanze n'imiryango itari iya Leta bumvikana ku mabwiriza yagendeweho muri iri genzura. Abakoze iri genzura barimo abayobozi b'imiryango ishingiye ku myemerere, itari iya Leta n'abakozi b'inzego z'ibanze. Insengero zasanzwe zitujuje ibisabwa zarafunzwe zihabwa igihe cyo gukosora ibitameze neza.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibyavuye muri iri genzura.

**Imbonerahamwe 35: Imbonerahamwe igaragaza insengero zagenzuwe**

| No | Intara | Insengero zagenzuwe | Insengero zafunzwe | Insengero zemerewe gufungura nyuma yo gukosora ibitameze neza | Insengero zigifunze |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Umujyi wa Kigali | 1.495 | 1.069 | 129 | 940 |
| 2 | Iburasirazuba | 4.184 | 2.068 | 315 | 1.753 |
| 3 | Iburengerazuba | 4.487 | 2.942 | 525 | 2.417 |
| 4 | Amajyepfo | 3.022 | 1.568 | 95 | 1.473 |
| 5 | Amajyaruguru | 2.277 | 1.023 | 148 | 875 |
| **Igiteranyo** | | **15.465** | **8.670** | **1.212** | **7.458** |

***Aho byavuye:*** *Igenzura rya RGB ku mikorere y'amadini, 2018*

Mu nsengero 15.465 zagenzuwe hafunzwe 56.06% muri zo 14% zarafunguwe nyuma yo gukosora ibitagenda mu gihe 42.06% zari zigifunze kugeza taliki 30 Kamena 2018.

#### 1.4.3. Ibyemezo byafatiwe imiryango yagaragaweho imikorere inyuranyije n'amategeko

**Imbonerahamwe 36: Ibyemezo byafatiwe imwe mu miryango itari iya Leta**

| Nº | Umuryango (CSO) | Imiterere y'ikibazo | Icyemezo cyafashwe |
|---|---|---|---|
| 1 | SOS Children Villages | Harimo ibibazo by'imiyoborere bishingiye ku ifatwa ry'ibyemezo binyuranyije n'amategeko bikagira ingaruka ku mikorere y'ikigo n'imibereho y'imfubyi zikirererwamo. | RGB yahagaritse Komite nyobozi y'iki kigo ishyiraho ubuyobozi bw'agateganyo. Komite y'agateganyo yahawe inshingano yo gusesengura ibibazo bihari no kubikemura ndetse igategura n'amatora y'abayobozi bashya. |
| 2 | Evangelical Restoration Church | Iri torero ryagaragayemo inyigisho zihabanye n'Itegeko nshinga n'umuco nyarwanda. | RGB yatumije Komite Nyobozi y'iri torero iyigaragariza ibibazo imyigishirize yaryo ishobora guteza mu muryango nyarwanda. Ubuyobozi bw'iri torero bwasabwe guhindura inyigisho no gusaba imbabazi abayoboke baryo n'Abanyarwanda muri rusange. Babishyize mu bikorwa kandi bimenyeshwa RGB. |
| 3 | ITORERO INKURU NZIZA | Iri torero ryarimo ibibazo by'imiyoborere byabyaye amakimbirane n'imidugararo mu itorero | RGB yasabye abayoboke babifitiye ububasha gutumiza inama rusange kugirango hatorwe abayobozi bashya. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | Ibbyarakozwe Itorero ribona abayobozi bashya. Itorero rya Rusizi ryo ryarafunzwe bitewe n'ubushyamirane n'imirwano hagati y'abayoboke |
| 4 | Rwanda Organic Agriculture Movement (ROAM) | Uyu muryango wagaragaweho ubwumvikane buke hagati y'abayobozi n'abanyamuryango bawo. Bamwe mu bayoboke bashinjaga umuyobozi imikorere idahwitse, gucunga nabi umutungo w'umuryango no kwirukana abanyamuryango mu buryo budakurikije amategeko | RGB yasabye umuyobozi w'agateganyo gutumiza inteko rusange yo kwiga ku bibazo biri mu muryango. Muri iyi nama hatowe ubuyobozi bushya ndetse abanyamuryango bari barirukanwe bongera kwakirwa. |
| 5 | SNV | Uyu muryango mvamahanga wagiranye amasezerano y'imikoranire y'imyaka ibiri n'umuryango witwa Agriterra udafite ibyangombwa biwemerera gukorera mu Rwanda | SNV yarihanangirijwe maze ibisabira imbabazi |
| 6 | IMBARAGA | Komite nyobozi y'uyu muryango yaregwaga guhagarika abagize komite ngenzuzi mu buryo budakurikije amategeko. Iyi komite yaregwaga kandi imiyoborere idahwitse n' imicungire mibi y'umutungo | RGB yasabye iyi komite gutanga ibisobanuro kuri iki kibazo. Impande zari zifitanye ikibazo zemeranyijwe ko zigomba kuvugurura amategeko agenga umuryango, bikamenyeshwa RGB |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 7 | Christian Worship Ministries, | Ubwo hakorwaga igenzura ku mikorere y'amatorero, uyu muryango wari wariyometseho amadini adafite ibyangombwa ndetse ukajya uyasaba amafaranga | Nyuma yo kumenya iyi mikorere idahwitse, Ishami ryawo rya Rubirizi ryarafunzwe |
| 8 | Health Poverty Action | Uyu muryango wagiranye amasezerano y'imikoranire n'undi muryango witwa Link Community Development udafite uburenzira bwo gukorera mu Rwanda nk'umuryango mvamahanga | Uyu muryango wasabwe ibisobanuro nyuma usaba imbabazi RGB |
| 9 | Planta Panta Tree International. | Uyu muryango ntiwashyize mu bikorwa gahunda y'ibikorwa wari wateguye | Uyu muryango wandikiwe wihanangirizwa ngo unoze imikorere |
| 10 | Amizero y'Ubuzima Organization | Muri uyu muryango hagaragaye imicungire mibi y'umutungo amakimbirane y'urudaca n'abaterankunga babo | Bamwe mu banyamuryango bahagaritswe mu kazi kubw'inyungu z'umuryango |

**1.4.4. Kuzamura uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu**

Mu rwego rwo kongera ubushobozi imiryango itari iya Leta, kugira ngo igire uruhare mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, Guverinoma y' u Rwanda ifatanyije na One UN Rwanda yashyizeho umushinga witwa "*Strengthening Civil Society Organizations (CSOs) for Responsive and Accountable Governance in Rwanda program' (CSO Program)*" ushyirwa mu bikorwa na RGB ku nkunga y'Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku majyambere (UNDP).

Mu rwego rwo kwagura ibikorwa by'uyu mushinga no kuwongerera imbaraga, RGB yagiranye amasezerano y'ubufatanye na MINIJUST, MIGEPROF na REMA.

Uyu mushinga (CSO program) wagize uruhare muri gahunda y'imbaturabukungu (EDPRS 2). Umusaruro w'icyiciro cya mbere cy'uyu mushinga (2013-2018) uri mu byiciro 3 bikurikira:

i) Guha inkunga y'amafaranga imiryango itari iya Leta binyuze mu masezerano
ii) Kongera ubushobozi imiryango yatewe inkunga
iii) Inama nyunguranabitekerezo ku ruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu

**a. Guha inkunga y'amafaranga imiryango itari iya Leta binyuze mu masezerano**

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere n'abafatanyabikorwa bateye inkunga Imiryango itari iya Leta. Iyi nkunga ingana na Frw 1.061.921.458 yatanzwe ku mishinga 43 yatoranyijwe binyuze mu ipiganawa. Imishinga yatewe inkunga yibanda ku bikorwa biri mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 37: Ibyiciro imiryango yatewe inkunga ikoreramo**

| Nº | Icyiciro | Umubare w'imiryango yatewe inkunga | Amafaranga yahawe |
|---|---|---|---|
| 1 | Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta | 2 | 49,994,649 |
| 2 | Guteza imbere uburere mboneragihugu no kwigisha abaturage ibirebana n'amatora | 2 | 50,000,000 |
| 3 | Ubuzima rusange no kuzamura imibereho myiza y'abaturage | 8 | 194,364,903 |
| 4 | Guteza imbere amakoperative, urubyiruko, guhanga umurimo no gusigasira umuco nyarwanda. | 2 | 50,000,000 |
| 5 | Ubwunganizi mu mategeko | 2 | 50,000,000 |
| 6 | Kwegereza abaturage serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi | 4 | 98,683,865 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije | 5 | 123,496,203 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 8 | Imibanire myiza mu miryango, kurengera uburenganzira bw'umwana, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana. | 10 | 248,356,700 |
| 9 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kugaragariza abaturage ibibakorerwa n'imitangire ya serivisi | 5 | 123,679,600 |
| 10 | Uburenganzira bwa muntu | 3 | 73,345,538 |


**b. Umusaruro wavuye mu nkunga zatanzwe n'impinduka byazanye**

1. Ubushobozi bw'imiryango yatewe inkunga bwariyongereye mu byerekeye mu micungire y'imishinga n'umutungo. Ubugenzuzi bw'imari bwakozwe bwagaragaje ko iyi miryango ari ntamakemwa mu micungire y'umutungo byatumye Leta n'Abaterankunga barushaho kuyigirira icyizere.
2. Imiryango itari iya Leta yongereye ubuvugizi bituma serivis zirushaho gutangwa neza, abayobozi barushaho kugaragariza abaturage ibibakorerwa no kuzamura uruhare mu igenamigambi no mu itegurwa ry'ingengo y'imari.
3. Ibikorwa by'Imiryango itari iya Leta byazanye impinduka mu mibereho y'abaturage mu byiciro bitandukanye birimo abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga binyuze mu kubafasha guhanga imishinga ibyara inyungu, ibimina, ubumwe n'ubwiyunge n'ubufasha mu by'amategeko.
4. Inkunga zatanzwe mu gutegura inama n'imurikabikorwa bya JADF byatumye habaho guhuriza hamwe imbaraga z'abafatanyabikorwa muri gahunda zo kuzamura iterambere ry'uturere n'iry'igihugu muri rusange. Imiryango itari iya Leta yarushijeho kugira uruhare mu buyobozi bwa JADF ku rwego rw'akarere bituma bagira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo no gukora ubuvugizi buganisha ku mpinduka.
5. Nyuma y'isuzuma ryakozwe n'inzobere mpuzamahanga mu Ukuboza 2017, ku musaruro w'icyiciro cya mbere cy'uyu mushinga (2014-2018) hateguwe icyiciro cya kabiri cy'uyu mushinga (2018-2023) kizibanda kuri ibi bikurikira: 1) kongera ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta hibandwa kukuyongerera ubushobozi mu byiciro bitandukanye cyane cyane mu byerekeye gushaka umutungo no kubaka imikoranire ihamye 2) Gufasha imiryango itari iya Leta mu kuzamura uruhare rwabo

mu gufata ibyemezo no gukora ubuvugizi 3) Gushyiraho imikorere ituma imiryango itari iya Leta isohoza neza inshingano zayo.


6. Hakoreshejwe ingengo y'imari ya miliyoni 6 z'amadolari y'abanyamerika, icyiciro cya 2 cy'umushinga (2018-2023) kizatera inkunga imishinga 150 y'imiryango itari iya Leta ifite ibikorwa biri mu byiciro 10 byavuzwe haruguru

**Ishusho 22: Umusaruro w'inkunga yatanzwe mu mwaka wa 2017-2018**




***Aho byavuye:*** *RGB-Raporo y'ibikorwa 2017-2018*

**Ikarita 1: Uturere imiryango yatewe inkunga ibarizwamo**




Iyi karita igaragaza ko Imiryango yatewe inkunga mu mwaka wa 2017-2018. Ibi bigaragaza ko iyi mishinga igira uruhare rukomeye mu gukemura ibibazo by'abanyarwanda mu mujyi no mu cyaro.

**c. Kongera ubushobozi bw'imiryango yatewe inkunga mu micungire y'imari**

Mu rwego rw'uyu mushinga, hateguwe amahugurwa mu byiciro 2. Mu cyiciro cya mbere cyabaye mu Ukuboza 2017, hahuguwe abayobozi b'imishinga 86 n'abashinzwe imari mu miryango itari iya Leta 43. Bahuguwe ku icungamutungo, imicungire y'imishinga no gukora raporo z'ibikorwa, kumenyekanisha ibikorwa n'imitangire y'amasoko. Mu cyiciro cya kabiri cy'aya mahugurwa cyabaye muri Gicurasi 2018, hahuguwe abayobozi 43 b'imiryango itari iya Leta ku byerekeye kubaka ibikorwa birambye by'umuryango, gukora ubuvugizi no gushaka umutungo.

Nyuma y'aya amahugurwa, imiryango yatewe inkunga yashishakarijwe gukora igenamigambi rinoze ry'ibikorwa, gushyiraho imirongo ngenderwaho igena imikorere n'imicungire y'umutungo no gutegura izindi nyandiko zikenerwa mu kazi.

**1.4.5. Inama nyunguranabitekerezo ku ruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu**

Mu rwego rw'umushinga, mu Ukuboza 2017 hateguwe inama nyunguranabitekerezo n'ibiganiro ku mikorere y'imiryango itari iya Leta n'uko iyi miryango yarushaho gukora neza. By'umwihariko, inama yibanze ku gushishikariza iyi miryango gukorera mu mucyo, kugaragariza abaturage ibibakorerwa n'imikorere neza.

Abitabiriye iyi nama baturutse mu nzego zitandukanye harimo RGB, MINALOC, MINIJUST, MINECOFIN, MINISANTE na ONE UN RWANDA. Inama yitabiriwe n'imiryango itari iya Leta (CCOAIB, LIPRODHOR, CLADHO, RNGOF, PEACE PLAN, RWN, RRP+), abahagarariye imiryango y'Abaterankunga, amashuri makuru, ibigo by'ubushakashatsi (IPAR, IRDP, Never Again) n'Ihuriro ry'imiryango ya sosiyete sivili (RCSP). Basobanuriwe ibyerekeye ivugururwa ry'itegeko rigenga imiryango itari iya Leta bahabwa n'umwanya wo kuritangaho ibitekerezo.

Iyi ni imwe mu myanzuro yafatiwe muri iyo nama nyunguranabitekerezo:

1. Imiryango itari iya Leta yatewe inkunga igomba kubahiriza ibikubiye mu masezerano.
2. Hakwiye kubaho kwizerana byisumbuye hagati ya Leta n'Imiryango itari iya Leta.
3. Abitabiriye inama basabye ko kwakira ibitekerezo byakomeza ku nzego zose mbere y'uko itegeko rigenga imiryango itari iya Leta ryemezwa.
4. Abitabiriye inama basabye ko ibaruwa isabwa mu kwandikisha umuryango mushya utari uwa Leta yareka kwitwa iy'imikoranire n'Akarere (collaboration letter) ahubwo ikitwa ibaruwa igaragaza ko umuryango uzwi n'Akarere (recommendation letter)
5. Imiryango itari iya Leta igomba kugaragariza ibikorwa byayo abaterankunga n'abagenerwabikorwa hagamijwe kwimakaza gukorera mu mucyo, ubunyangamugayo, demokarasi no kurwanya icyenewabo.
6. Itegeko rigomba kuvugururwa ku buryo rifasha kubaza abantu ibyo bakora kandi rigatuma imiryango itajegajega.
7. Imiryango itari iya Leta yasabwe gukoresha amahirwe ihabwa na Leta y' u Rwanda kuko yagaragaje ko yiteguye kuyifasha.
8. Itegeko rigenga imiryango itari iya Leta rigomba kugira ingingo zerekeye inshingangano za buri rwego rw'ubuyobozi muri iyi miryango kugira ngo hirindwe amakimbirane adindiza imikorere.
9. Imiryango itari iya Leta igomba kunoza imikorere n'igenamigambi ry'ibikorwa byayo.

Igenzura RGB yakoze ryagaragaje ko imiryango 43 yahawe inkunga yashyize mu bikorwa imishinga yari yateguwe nk'uko bikwiye, ibikesha igenzura n'ubujyanama bihoraho bya RGB. Byongeye kandi igenzura ryakozwe ku icungamutungo mu miryango 15 muri 43 yahawe inkunga ryagaragaje ko inkunga yatanzwe yakoreshejwe neza.

**Ibibazo byagaragaye**

- Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu gukora ubuvugizi ruracyari hasi
- Imyinshi mu miryango itari iya Leta ifite ibibazo by'amikoro, ubushobozi buke bw'abakozi n'ibikorwa bitaramba bituma itagira ijambo rigaragara mu ifatwa ry'ibyemezo.
- Abafite ubumuga n'abandi bari mu byiciro by'abatishoboye harimo abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abagore n'urubyiriko badafite akazi ntibahabwa umwanya uhagije mu ifatwa ry'ibyemezo no mu iterambere rirambye.
- Imiryango itari iya Leta ifite ubushobozi buke ugereranyije n'ibibazo abagenerwabikorwa n'inzego z'ibanze bafite.

**Amasomo**

- Kwita ku burenganzira bwa muntu n'ibirebana no guteza imbere uburinganire byatumye mu ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga hitabwa ku ihame ryo kudaheza.
- Imikoranire myiza hagati y'inzego z'ibanze n'imiryango itari iya Leta yatumye ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga yatewe inkunga rigenda neza.
- Kuba komite ihitamo imishinga iterwa inkunga (Grant Selection Committee) irimo abantu b'ingeri zose bituma iyo mishinga itoranywa mu mucyo kandi ntawe urenganyijwe.
- Imiryango itari Iya Leta ifite imishinga yatewe inkunga inshuro irenze imwe yagaragaje ibikorwa birambye byazanye impinduka mu mibereho y'abagenerwabikorwa.

**1.4.6. Ubufatanye hagati ya Guverinoma n'Imiryango itari iya Leta mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage**

Umwiherero w'abayobozi bakuru b'Igihugu wabaye muri 2016 wanzuye ko Leta igomba gufatanya n'Imiryango itari iya Leta mu kunoza gahunda zigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage. Inzego bireba zahawe inshingano zo gushyiraho umurongo ngenderwaho w'ubwo bufatanye. RGB yahawe inshingano zo kuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'iyo gahunda ifatanyije na minisiteri zikurikira: MINICAAF, MINALOC, MINECOFIN na MIGEPROF. Ubu bufatanye hagati ya Leta n'Imiryango itari iya Leta bwashimangiwe n'inama y'abaminisitiri yo ku wa 13 Nzeli 2016.

Igeragezwa ry'ubu bufatanye ryatangiriye kuri gahunda ya VUP na Girinka mu turere 8 aritwo: Nyamasheke, Nyamagabe, Nyaruguru, Muhanga, Gakenke, Rutsiro, Ngororero na Ngoma. Binyuze muri ubu bufatanye, imiryango itari iya Leta 26 yashyize mu bikorwa imishinga 49 (irimo 24 ya VUP na 25 ya Girinka) mu turere twakoreweho igerageza.

RGB nk'urwego rufite mu nshingano imiryango itari iya Leta rwahawe inshingano zo guhuza ibikorwa by'ubwo bufatanye. RGB yateguye inama ebyiri zahuje ibigo bya Leta ndetse n'imiryango itari iya Leta iri muri iyi gahunda. Hanakozwe isuzuma ku musaruro w'ubu bufatanye rigaragaza ibikurikira:

- Ubufatanye hagati y'imiryango itari iya Leta na Guverinoma bwazamuye umusaruro wa VUP. Ibyo bigaragazwa n'uko abaturage barushijeho kwegerezwa serivisi z'imari, ndetse n'umubare w'abishyura neza inguzanyo wariyongereye bitewe n'uko ku rwego rw'umudugudu hashyizweho komite zishinzwe gukangurira abaturage kwishyura inguzanyo bafashe.
- Ubu bufatanye bwateje imbere umuco wo kuzigama mu bagenerwabikorwa b'imirimo rusange muri VUP. Abo bagenerwabikorwa bashyizeho amatsinda yo kubitsa no kugurizanya; banahabwa amahugurwa ajyanye no gukora igenamigambi ribafasha kuzamura imibereho myiza yabo.
- Imiryango itari iya Leta yarushijeho kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta;
- MINAGRI yahaye Imiryango itari iya Leta 6 miliyari imwe (1.000.000.000) y'amafaranga y' u Rwanda agenewe kugura inka no kuziha abaturage mu turere 8. Imwe mu ntego z'ubu bufatanye yari ugutanga inka 1.534 muri gahunda ya Girinka mu gihe cy'amezi atandatu. Inka 1.423 nizo zatanzwe n'iyo miryango muri icyo gihe. Inka 111 zagombaga gutangwa mu karere ka Ruhango n'aka Nyamasheke zaraguzwe ariko mu gihe hakorwaga igenzura zari zitarahabwa abo zigenewe.
- Abagabiwe inka bahawe amahugurwa yo kubafasha kuzorora neza, imiti yo kuzivura mu gihe cy'amezi atandatu, ubwishingizi bw'umwaka bakafashwa kubaka ibiraro.
- Ubu bufatanye bwatumye icyizere ku bijyanye no gutoranya abagenerwabikorwa ba Girinka kizamuka. Kubera ko basobanuriwe ibigenderwaho bakabigiramo uruhare.

**Ibibazo byagaragaye**

- Uturere dutinda gushyikiriza imiryango amafaranga yagenewe bigatuma ibikorwa byayo bidindira.
- Zimwe mu nzego ntizibona iyi miryango nk'abafatanyabikorwa ahubwo ziyibona nk'abarwiyemezamirimo. Ibi bituma iyi miryango ishyirwaho amananiza igahabwa igihe gito cyane ngo ibe yatanze izo nka nyamara igomba kubanza gutegura abazazihabwa.
- Amafaranga ya serivisi SACCO zaka abanyamuryango (ay'umutekano, isuku, inyubako, umugabane shingiro) arenze ubushobozi bw'abagenerwabikorwa ba VUP.

Byongeye abatse inguzanyo basabwa gutanga inyungu iri hejuru bigatuma abaturage batitabira gufata izo nguzanyo ngo zibafashe kwiteza imbere.

- Hari ibirarane byinshi by'imishinga y'abantu basaba inguzanyo muri VUP itarasuzumwa bitewe n'uko ababishinwwe ku rwego rw'umurenge n'akarere badafite ubumenyi buhagije bwo kubikora.

**Ingamba**

- Iyi gahunda y'ubufatanye bwa Leta n'Imiryango itari iya Leta mu gushyira mu bikorwa gahunda zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage igomba kugezwa mu tundi turere n'imirenge. Inzego zifite uruhare muri iyi gahunda zikwiye gukemura ibibazo byagaragaye.
- Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda, hakwiye gushyirwaho uburyo bw'imikoranire bunoze hagati y'imiryango itari iya Leta n'uturere aho gukorera ku masezerano asa n'ay'ubucuruzi.
- Ibihabwa abagenerwabikorwa bikwiye kuba bimwe kandi bikanakorwa kimwe mu turere twose no muri buri gahunda.
- Imiryango ishyira mu bikorwa iyi gahunda igomba guhabwa amafaranga yagenewe ku gihe kugira ngo nabo babashe gutanga serivisi inoze.
- Inyungu yakwa na SACCO ku nguzanyo ikwiye kugabanywa ikava kuri 11% ikagera kuri 5% kugira ngo abaturage bitabire gusaba inguzanyo zibafasha guhindura ubuzima bwabo.

### 1.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufite inshingano yo guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo. Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano RGB yakoze ibi bikurikira: guhuza ibikorwa by'inzego zifite aho zihuriye n'iterambere ry'itangazamakuru, gukurikirana uko amavugurura y'itangazamakuru yashyizwe mu bikorwa no kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru.


#### 1.5. 1. Uko urwego rw'itangazamakuru ruhagaze

Urwego rw'itangazamakuru rwateye imbere ku buryo bugaragara kuva hatangijwe amavugururwa yarwo mu mwaka wa 2013. Umubare w'ibitangazamakuru birimo radiyo, televiziyo, ibikorera kuri interineti n'ibisohoka ku mpapuro wariyongereye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 38: Uko umubare w'ibitangazamakuru wagiye wiyongera**

| Ubwoko bw'igitangazamakuru | 1994 - 2002 | 2003 - 2012 | 2013 - 2018 |
|---|---|---|---|
| Radiyo | 1 | 25 | 34 |
| Televiziyo | 1 | 0 | 13 |
| Ibinyamakuru bisohoka ku mpapuro | 17 | 32 | 40 |
| Ibikorera kuri interineti | 00 | 22 | 80 |

**Ishusho 23: Imibare ya radiyo hakurikijwe ba nyirazo**



Iyi shusho igaragaza ko muri radiyo 34 zikorera mu Rwanda harimo 12 (35%) z'abikorera, 8 (23.5%) za Leta, 8 23.5% z'amadini, 4 (12%) z'abaturage na 2 (6%) za kaminuza zizifashisha mu kumenyereza abanyeshuri biga umwuga w'itangazamakuru.

Mu Rwanda hari ibigo 4 bicuruza ifatabuguzi rya televiziyo: **Star Africa Media Ltd**, **Tele 10 Group**, **Azam Media Ltd** na **Kwese TV Support Services**. Ikoranabuhanga mu buryo bw'isakazamashusho n'amajwi ryatumye radiyo na televiziyo bibasha kurebwa no kumvikana mu bice hafi ya byose by'igihugu. Nk'uko bigaragara muri EICV4, 60% by'ingo zitunze radiyo naho 10% zitunze televiziyo.

Ku birebana no kongera ubumenyi bw'abakora umwuga w'itangazamakuru, mu Rwanda hari amashuri ane yigisha itumanaho n'itangazamakuru: ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru rya Kaminuza y'u Rwanda, ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru rya Kaminuza Gatorika ya Kabgayi, ishami ry'itumanaho n'itangazamakuru muri Kigali Christian University n'ishami ry'itumanaho muri Mount Kenya University, Rwanda.

Mu Rwanda hari abanyamakuru 858 bafite ibyangombwa byo gukora uwo mwuga, 25% muri bo ni abagore, 75% ni abagabo. Ubushakashatsi bwakozwe n'Inama nkuru y'Itangazamakuru[9] ku banyamakuru 341, bwagaragaje ko 242 (70%) bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya 2 cya Kaminuza (152 bize itumanaho n'itangazamakuru), 71 (20%) bafite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye, 15 (4%) bafite impamyabumenyi z'icyiciro cya mbere cya kaminuza, 11(3.22%) bafite impamyabumenyi z'icyiciro cya gatatu cya kaminuza, 1 (0.29%) impamyabumenyi y'ikirenga naho undi 1 (0.29%) yarangije amashuri abanza gusa.

Imibare yatanzwe n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura[10], yagaragaje ko 687 (80.1%) bafite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza, 170 bangana na 19.8% barangije amashuri yisumbuye naho 1 yarangije amashuri abanza gusa.

#### 1.5.2. Ibyakozwe mu guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

**a. Guhuza ibikorwa by'inzego zifite aho zihuriye n'iterambere ry'itangazamakuru**

Muri iki cyiciro, RGB yakoze ibikorwa bikurikira.

**Ubushakashatsi bugaragaza ibipimo bya 2018 by'uko itangazamamakuru rihagaze (Rwanda Media Barometer 2018)**

Buri myaka ibiri RGB ikora ubushakashatsi bugaragaza ibimo by'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda. Mu mwaka wa 2017-2018, RGB yakoze icyiciro cya 3 cy'ubu bushakashatsi.

[9]Media High Council Assessment Survey 2017

[10] Information gathered by the Media Self-Regulatory Body during Journalists Accreditation

Iyi mbonerahamwe igaragaza ibipimo by'itangazamakuru bya 2018 n'intambwe imaze guterwa mu mu myaka ibiri ishize.

**Imbonerahamwe 39: ibipimo by'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda**

| **Ibipimo** | **2016** | **2018** | **Impinduka yabaye mu myaka 5 ishize** |
|---|---|---|---|
| | | % | % |
| 1. Ubwisanzure bw'itangazamakuru | 82.1% | 81.3 | -0.8 |
| 2. Ubwiyongere bw'ibitangazamakuru bifite imirongo ngenderwaho itandukanye( plurality and diversity of media) | 62.2 | 66.2 | 4.1 |
| 3. Uruhare rw'Itangazamakuru mu guteza imbere Demokarasi | 75.7 | 74.9 | -0.8 |
| 4. Kubaka ubushobozi bw'Itangazamakuru | 54.9 | 68.4 | 9 |
| 5. Ubukungu n'ubwigenge bw'itangazamakuru | 71.4 | 72.4 | 1.4 |
| 6. Kubahiriza amategeko n'amahame ngengamyitwarire agenga umwuga w'itangazamakuru | 71.4 | 64.2 | -7.2 |
| 7. Uburyo bwo kubona amakuru | 65.8 | 76.4 | 10.6 |
| 8. Icyizere abaturage bafitiye itangazamakuru | | 75.3 | |
| **Impuzandengo rusange** | **69.6** | **72.4** | **2.8** |

***Aho byavuye:*** *RMB 2018*

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko igipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda cyazamutse kiva kuri 69.6% muri 2016 kigera kuri 72.4% muri 2018 byerekana impinduka ya 2.8%.

**Gukurikirana uburyo amavugurura yakozwe mu itangazamakuru agenda ashyirwa mu bikorwa**


Amavugurura yakozwe mu rwego rw'itangazamakuru mu mwaka wa 2013 ashyirwa mu bikorwa n'inzego zitandukanye. RGB yateye inkunga Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura hagamijwe kubaka umuco wo kwigenzura mu itangazamakuru. Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, rwakemuye ibibazo (22), muri byo 21 ni iby'abaturage bareze

abanyamakuru. Ibibazo uru rwego rwakiriye byagabanutseho 68.5% ugereranyije n'ibibazo 70 rwari rwakiriye mu mwaka wabanje. Uru rwego kandi, rwanditse abanyamakuru 214 bituma umubare w'abanyamakuru bamaze kwandika ugera kuri 847. Nubwo ibibazo uru rwego rwakiriye byaganutse, haracyagaragara imikorere ihabanye n'amahame agenga umwuga ishobora no kuyobya abaturage.

Urugero: Radiyo Ubuntu butangaje yarahagaritswe kubera gutambutsa inyigisho zitesha agaciro. Izo nyigisho zaje ziyongerra ku zindi yakunze gutambutsa zibasira abadahuje imyemerere na banyirayo.

Ishusho ikurikira irerekana ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura hagati ya 2013 na 2017.

**Ishusho 24: ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura mu myaka itandukanye**




***Aho byavuye:*** *RMB, 2018*

Byinshi mu bibazo byakemuwe n'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura ni iby'abaturage baregaga ibitangazamakuru nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 40: Ibibazo byakiriwe n'urwego rw'abanyamakuru bigenzura**

| Umwaka | Ibibazo byakiriwe ku mwaka | Abaturage barega abanyamakuru | Abanyamakuru cyangwa Ibitangazamakuru hagati yabyo | Abayobozi mu nzego za Leta bareze abanyamakuru | Abanyamakuru bareze Abayobozi mu nzego za Leta | Abanyamakuru bareze abaturage |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **2013** | 16 | 9 | 0 | 2 | 5 | 0 |
| **2014** | 37 | 21 | 5 | 5 | 5 | 1 |
| **2015** | 69 | 40 | 16 | 5 | 3 | 5 |
| **2016** | 83 | 47 | 25 | 4 | 3 | 4 |
| **2017** | 70 | 46 | 15 | 4 | 4 | 1 |
| **TOTAL** | 275 | 163 | 61 | 20 | 20 | 11 |

***Aho byavuye:*** *Raporo y'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura, 2017*

**Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' Imihigo y'IMPAMYABIGWI**

Itorero ni gahunda y'uburere mboneragihugu igamije kwigisha abaturage indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Abanyamakuru bitabiriye Itorero bahawe izina ry'Impamyabigwi. RGB yateye inkunga ibikorwa byo gutegura icyiciro cya 3 cy'Itorero ry'Abanyamakuru kitabiriwe n'abagera kuri 84. Mu banyamakuru 858 bakorera mu Rwanda muri bo 354 bamaze gutozwa.

**Imbonerahamwe 41: Uko Imihigo y'Impamyabigwi yashyizwe mu bikorwa**

| No | Umuhigo | Icyakozwe |
|---|---|---|
| 01. | Kwizihiza Umunsi Nyafurika w'itangazamakuru | Kuva 2016, uyu munsi wizihizwa buri mwaka ku itariki ya 7 Ugushyingo,. |
| 02. | Gushyiraho ikigega cyo guteza imbere itangazamakuru | Babifashijwemo na RGB na MHC, Impamyabigwi zatangiye gukora inyigo ku ishyirwaho ry'iki kigega |
| 03. | Hatangijwe icyumweru cyahariwe Itangazamakuru "Media Week" hagamijwe gukangurira abanyamakuru kurushaho kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu | Kuva 2016, icyumweru cyahariwe itangazamakuru gitegurwa mbere yo kwizihiza umunsi nyafurika w'itangazamakuru. Muri icyo cyumweru cyahariwe itangazamakuru, abanyamakuru bafasha abantu batishoboye, bategura ibiganiro ku bibazo bibangamiye iterambere ry'abaturage. Iki cyumweru gisozwa n'umukino wa gicuti w'umupira w'amaguru uhuza ikipe y'abanyamakuru n'iy'abayobozi bakuru |
| 04. | Guteza imbere umuco n'imikoreshereze inoze y'ururimi rw' Ikinyarwanda | Kuva 2016, hatangijwe ibiganiro 5 bya radiyo na televiziyo bigamije guteza imbere imikoreshereze inoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda |
| 05. | Gufatanya na Pan African Movement mu guteza imbere indangagaciro nyafurika no kwizihiza Umunsi wo kwibohora kw'Afurika | Kuva umwaka ushize, Impamyabigwi zatangiye kwizihiza Umunsi wo kwibohora kw'Afurika no kumenyekanisha ibikorwa bya Pan African Movement. |

**Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru**

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, hakozwe ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru mu turere icumi[11], mu bigo bya Leta n'iby'Abikorera no mu mashuri makuru na kaminuza (Mount Kenya University na University of Rwanda).

[11]Rusizi, Kicukiro, Rulindo, Gicumbi, Gasabo, Nyagatare, Ngororero, Karongi, Kamonyi, and Nyanza

Ubu bukangurambaga bwari bugamije gushishikariza inzego kurushaho gutanga amakuru mu rwego rwo kwimakaza gukorera mu mucyo no kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Muri rusange, ubu bukangurambaga bwitabiriwe n'abantu basaga 500 barimo: abayobozi mu nzego z'ibanze, inzego z'umutekano, abakozi bashinzwe itangazamakuru muri Ministeri, ibigo bya Leta, Intara n'abanyeshuri ba Kaminuza.

Uretse ibi biganiro byahuje abantu mu nzego zitandukanye, hatanzwe n'ibiganiro kuri Radio 4 harimo iz'abaturage ebyiri (Radiyo Isangano na radiyo Ishingiro) na radiyo zishamikiye kuri RBA (RC Rusizi na RC Nyagatare).

Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru bwazanye impinduka zifatika ku buryo abaturage babona amakuru. Ibi bigaragazwa n'uko igipimo cyerekeranye no kubona amakuru cyazamutseho 11.6% kiva kuri 65.8% muri 2016 kigera kuri 76.4% muri 2018 nk'uko byagaragajwe muri *"Rwanda Media Barometer 2018"*.

**Gushishikariza ibitangazamakuru kugira uruhare rufatika muri gahunda y'iterambere ry'igihugu**

Muri uyu mwaka, RGB yagiranye ibiganiro n'abanyamakuru 134 mu byiciro bibiri: abanyamakuru 50 bahawe ubwo butumwa binyuze mu bukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru, 84 babuherewe mu cyiciro cya 3 cy'Itorero ry'abanyamakuru. Ubwo bukangurambaga bwibanze ku gushishikariza abanyamakuru gutara no gutangaza inkuru zerekeye gahunda z'iterambere ry'igihugu.

**b. Kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru**

RGB yakoze ibikorwa bitandukanye bigamihe kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru hagamijwe guteza imbere imikorere ya kinyamwuga no kuzamura uruhare rwabyo mu iterambere ry'Igihugu.

**Inkunga y'amafaranga yahawe ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru.**

Mu rwego rwo guteza imbere urwego rw'Itangazamakuru, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, RGB yatanze inkunga ya Frw 115.628.220 yahawe amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru. Ayo mafaranga yafashije cyane mu gushyigikira gahunda yo kwigenzura kw'itangazamakuru no gushyira mu bikorwa imishinga y'amwe mu mashyirahamwe y'abanyamakuru no gufasha ibitangazamakuru kubaka ubushobozi bwabyo bigura ibikoresho bikenewe mu kazi ka buri munsi ko gutara amakuru, kuyatunganya, no kuyatangaza.

Amafaranga yahawe Ishyirahamwe nyarwanda ry'abanyamakuru n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura yabafashije kwishyura ubukode bw'inyubako bakoreramo n'imishahara y'abakozi. Iyi nkunga yafashije ARJ kugura ibikoresho byo mu nyubako abanyamakuru bakoreramo.

**c. Umunsi Nyafurika w'itangazamakuru**

Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru washyizweho hagamijwe gukangurira itangazamakuru nyafurika gufata iya mbere mu gutangaza amakuru nyakuri y'umugabane wa Afurika. Tariki ya 7 Ugushyingo 2017, RGB n'abafatanyabikorwa bizihije uwo munsi wari ufite insanganyamatsiko igira iti "Itangazamakuru muri Afurika muri iki gihe cy'ikoranabuhanga"

Ibirori byo kwizihiza uyu munsi byitabiriwe n'abantu basaga 300 baturutse mu Rwanda no mu mahanga barimo abakora umwuga w'itangazamakuru, impuguke muri politiki, abashakashatsi, abahagarariye imiryango itari iya Leta n'abikorera.




***Abayobozi bari bitabiriye ibirori byo kwizihiza uyu munsi byabereye, Kigali, Tariki ya 7 Ugushyingo 2017.***

Umwe mu myanzuro yafatiwe mu biganiro byakozwe kuri uwo munsi ni uko itangazamakuru ry'Afurika rigomba gufata iya mbere mu kumenyekanisha icyerekezo cy'Afurika 2063 (Agenda 2063), gushyiraho uburyo ibitangazamakuru by'Afurika bikorana mu gusangira amakuru avuga ku mugabane no gutangaza amakuru afatika avuguruza ibitangazwa mu bitangazamakuru byo hanze bivuga mu buryo bubogamye umugabane w'Afurika.

**d. Gutanga ibihembo ku banyamakuru babaye ndashyikirwa (development journalism awards)**






Mu rwego rwo guteza imbere ubunyamwuga n'umuco w'ubudashyikirwa mu itangazamakuru, RGB yafatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP), Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru (ARJ) Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura, Inama nkuru y'Itangazamakuru n'abandi bafatanyabikorwa mu guhemba abanyamakuru babaye indashyikirwa mu mwaka wa 2017. Muri rusange hatanzwe ibihembo 50 byahawe abanyamakuru n'ibitangazamakuru. Ibihembo byari bigizwe n'amafaranga, ibikombe n'icyemezo cy'ishimwe bifite agaciro ka miliyoni 30 z'amafaranga y'u Rwanda.

Kimwe mu byaranze ibi bihembo ni uko hajemo n'ibindi bigo bya Leta nabyo byahembye abanyamakuru bakoze inkuru nziza zijyanye n'inshingano z'ibyo bigo. Imbonerahamwe igaragaza urutonde rw'abafatanyabikorwa ba DJA 2017.

**Imbonerahamwe 42: Inzego zifatanyije na RGB mu gutanga ibihembo**

| Abafatanyabikorwa | Igihembo batanze |
|---|---|
| 1. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Umunyamakuru wakoze inkuru yahize izindi mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge |
| 2. Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango | Umunyamakuru wakoze inkuru yahize izindi mu gutanga ubutumwa bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 3. Ikigo gishinzwe amakoperative | Umunyamakuru wakoze inkuru yahize izindi mu guteza imbere amakoperative |
| 4. Urwego ngenzuramikorere | Umunyamakuru wakoze inkuru yahize izindi mu guteza imbere ikoranabuhanga |
| 5. Urwego rw'Umuvunyi | Umunyamakuru wakoze inkuru yahize izindi mu kurwanya ruswa |
| 6. Minisiteri y'ubuzima | Umunyamakuru wakoze inkuru yahize izindi mu bijyanye n'ubuzima |
| 7. AZAM TV | Yatangaje umuhango wo gutanga ibihembo urimo uba |
| 8. Africa 24 TV | Bakoze inkuru kuri uyu muhango zicishwa kuri Televiziyo |

**e. Ubufatanye bugamije guteza imbere itangazamakuru**

RGB yasinye amasezerno y'imikoranire na Mount Kenya University ishami ry'u Rwanda n'Ishami ry'Umuryango w'abibumbye ryita ku burezi, ubumenyi n'umuco (UNESCO) hagamijwe guteza imbere urwego rw'itangazamakuru. RGB kandi ikorana na UNDP mu bikorwa byo guteza imbere itangazamakuru.

**Imbonerahamwe 43: ibibazo biri mu itangazamakuru mu Rwanda n'ingamba zo kubikemura**

| Nº | Ikibazo | Ingamba |
|---|---|---|
| 01. | Ubushobozi buke mu micungire n'imiyoborere y'ibitangazamakuru n'amikoro adahagije | Kuvugurura amabwiriza agenga imikorerre y'ibitangazamakuru no kongera ubushobozi bw'abayobozi b'ibitangazamakuru<br><br>Gushyigikira ibitangazamakuru bifite gahunda yo kwishyira hamwe kugira ngo bizamure amikoro yabyo<br><br>Ibitangazamakuru bikwiye gushyiraho uburyo bw'imikorere butuma bibona amafaranga mu buryo burambye |
| 02. | Amakuru n'ibiganiro byibanda ku bibera imbere mu gihugu (local content) biracyari bike | Gushishikariza ba nyir'ibitangazamakuru n'abayobozi babyo kwibanda ku makuru n'ibiganiro ku bibera imbere mu gihugu |
| 03. | Imikorere ihabanye n'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru | Kuvugurura integanyinyisho y'amashuri yigisha ibyerekeye itangazamakuru kugira ngo ubumenyi butangwa bujyane n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.<br><br>Kubyutsa Great Lakes Media Centre (GLMC) ikaba ikigo cy'ikitegererezo gitanga amahugurwa ahoraho ku banyamakuru kugira ngo bakomeze gutyaza ubumenyi<br><br>Gushyiraho urugaga rw'abanyamakuru hagamijwe kongerera ingufu kwigenzura kw'abanyamakuru, gushyiraho amabwiriza ngengamikorere no guteza imbere imikorere n'imibereho myiza y'abanyamakuru.<br><br>Gufasha urwego rw'abanyamakuru bigenzura kubona ibikoresho bibafasha kugenzura uburyo ibitangazamakuru byubahiriza amabwiriza ngengamikorere |
| 04. | Imikoreshereze idahwitse y'ikoranabuhanga igaragarira cyane cyane mu gukwirakwiza amakuru y'ibinyoma hifashishijwe imbuga nkoranyambaga | Gutegura ingamba zo kwigisha abanyarwanda gusesengura no gusobanukirwa amakuru abageraho<br><br>Gushyiraho amategeko imikoreshereze y'imbuga nkoranyambaga |

### 1.6. Ibiganiro bigamije ubuvugizi, ubujyanama no guhanahana ubumenyi


RGB ifite inshingano zo kugira Leta inama ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze no kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza, imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu.

RGB ifite kandi inshingano yo gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere.

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano RGB ikorana n'izindi nzego n'ibigo mpuzamahanga n'iby'imbere mu gihugu bifite inshingano zifite aho zihuriye hagamijwe gusangira ubumenyi n'ubunararibonye mu birebana no guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza. Ibyo bikorwa binyuze mu biganiro n'inama bihuza RGB n'abafatanyabikorwa barimo ibigo bya Leta, iby'abikorera, imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere, kaminuza n'ibigo by'ubushakashatsi n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga.

Izo nama n'ibiganiro bifasha mu guhuza ibikorwa ndetse bikabyara ibitekezo bifasha ishyirwaho rya politiki, ingamba n'amategeko bigamije guteza imbere imiyoborere ishingiye ku muturage no kwihutisha impinduka mu iterambere. Ishusho ikurikira igaragaza umubare w'inama n'ibiganiro byabaye mu byiciro binyuranye.

**Ishusho 25: umubare w'inama n'ibiganiro byabaye**




### 1.6.1. Ibiganiro by'ubuvugizi n'ubujyanama kuri politiki



Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, RGB yateguye ibiganiro n'inama hagamijwe gukora ubuvugizi no gutanga inama ku bibazo bitandukanye. Hateguwe inama n'ibiganiro 4 bikurikira:

**a. Ibiganiro ku byavuye mu igenzura ry'imitangire ya CBHI**

Ibi biganiro byateguwe hagamijwe gushakira umuti w'ikibazo cya serivisi z'ubwisungane mu kwivuza zitanoze. Ni muri urwo rwego hateguwe inama ebyiri (06/02/2018 na 18/10/ 2017) nyuma y'igenzura ryakozwe mu ntara zose ku mitangire ya serivisi mu bwisungane mu kwivuza mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali. Iyi nama yitabiriwe n'inzego zifite aho zihuriye n'ubwisungane mu kwivuza arizo: RSSB, MINALOC, MINICAF, MoH, MINICOFIN, LODA, NIDA, MITEC, MIFOTRA, MINPRESREP, RGB, Urwego rw'Umuvunyi na REAF.

Imyanzuro n'ibitekerezo byavuye muri izi nama byatanze umusaruro ukurikira:

- ✓ **Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi z'ubwisungane mu kwivuza:** Abaturage bahuraga n'ingorane igihe bagiye kwishyura imisanzu yabo ku Murenge SACCO no mu gihe cyo kongera agaciro k'amakarita yabo ku bigo nderabuzima. Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga byakemuye ibi bibazo. Kuva muri Kamena 2018, kwishyura imisanzu y'ubwisungane mu kwivuza bikorwa hifashishijwe serivisi z'Irembo, MOBICASH na Mobile Money. Kubera ikoranabuhanga, gukoresha amakarita ntibikiri ngonbwa kuko yasimbujwe indangamuntu. Ubu buryo bw'ikoranabuhanga bwitezweho kuzamura umubare w'abitabira gukoresha ubwisungane mu kwivuza.
- ✓ **Kuvugurura itegeko rigenga ubwisungane mu kwivuza:** Itegeko rigenga ubwisungane mu kwivuza ryaravuguruwe kandi riremezwa
- ✓ **Kongera umubare w'abakozi ba RSSB ku bigo nderabuzima n'ibitaro**: RSSB yasabwe kongera umubare w'abakozi bashinzwe ubwisungane mu kwivuza kugira ngo akazi karusheho kugenda neza. Bamwe mu bakozi ba RSSB bagaragaje imikorere mibi bafatiwe ibihano byo mu rwego rw'akazi.
- ✓ Bitarenze 2018, RSSB yasabwe kwishyura imyenda ibereyemo ibitaro n'ibigo nderabuzima hagati ya Nyakanga-Ukuboza 2017.

**b. Inama n'ibiganiro RGB yagiranye n'imiryango ishingiye ku myemerere**

Nyuma y'uko hagaragaye imikorere idahwitse muri imwe mu miryango ishingiye ku myemerere, RGB yateguwe inama n'ibiganiro bitandukanye hagamijwe gukemura icyo kibazo. Hateguwe inama 4 zitabiriwe n'abafatanyabikorwa barimo abahagarariye imiryango ishingiye ku myemerere, MINALOC, Uturere n'Umujyi wa Kigali. Inama yabaye ku wa 13/2/2018 yanzuye ko hagomba kugira igikorwa mu maguru mashya mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'insengero zitujuje ibisabwa zishobora gushyira ubuzima bw'abazisengeramo mu kaga.

Ibi byatumye hafungwa insengero 8.670 ba nyirazo basabwa gukosora ibitameze neza. Hashyizweho kandi itegeko rishya rigenga imiryango ishingiye ku myemerere kugira ngo

ubangamiwe. Imiryango ishingiye ku myemerere yagaragaje ubufatanye mu gukemura ibibazo bihari.

### c. Inama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'itangazamakuru





Ku wa 14 Kamena 2018, RGB yitabiriye inama nyunguranabitekerezo yateguwe na Sena y' U Rwanda hagamijwe kuganira ku ruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'igihugu. Haganiriwe ibyerekeye inkunga Leta ikwiye gutera itangazamakuru, uko urwego rw'itangazamakuru ruhagaze mu Rwanda, ibibazo byugarije itangazamakuru n'ingamba zo kubikemura.

Iyi nama yayobowe na Perezida wa Sena, Nyakubahwa MAKUZA Bernard yitabirwa n'Abasenateri bose, perezida w'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura, abahagarariye ibigo bya Leta bifite aho bihuriye n'itangazamakuru nka MHC, RURA na RBA. Iyi nama kandi yitabiriwe n'abarimu bigisha mu mashuri y'itangazamakuru muri Kaminuza zirimo Kaminuza y'u Rwanda, ICK na Mount Kenya University. Yitabiriwe kandi na ba nyir'ibitangazamakuru n'abanyamakuru.

**Ibyavuye muri ibi biganiro**:

- ✓ Kwihutisha ivugururwa rya politiki y'itangazamakuru kugira ngo itange umurongo wo gukemura ibibazo byugarije itangazamakuru
- ✓ Gushishikariza ibitangazamakuru kwihuza kugira ngo bifatanye mu guhanga n'ikibazo cy'amikoro make n'icy'ubushobozi budahagije bw'abanyamakuru.

### d. Inama nyunguranabitekerezo ku mahame remezo



Iyi nama yabereye muri Sena ku wa 30 Ugushyingo 2017. RGB yatanze ikiganiro ku iyubahirizwa ry'Amahame Remezo ishingiye ku bushakashatsi bwa RGS na CRC. Iyi nama yaje ikurikira iyo RGB yagiranye na Komisiyo y'ububanyi n'amahanga ya Sena ku wa 5 Ukwakira 2017 ahaganiwe ku buryo RGB ikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Amahame Remezo yerekeye gukumira jenoside no kurwanya ingengabitekerezo yayo. RGB yasabwe ko mu bushakashatsi ikora (RGS na CRC) yajya isuzuma uburyo Amahame Shingiro yubahirizwa.

### 1.6.2. Politiki n'amategeko RGB yateguye

Ishingiye ku biganiro n'inama yagiranye n'abafatanyabikorwa n'ibyavuye mu bushakashatsi butandukanye, RGB yateguye politiki n'imishinga y'amategeko bikurikira:

**Politiki n'amategeko RGB yateguye**

- Politiki igenga imitangire ya serivisi yarateguwe, yemezwa mu nama n'bafatanyabikorwa inashyikirizwa inzego bireba ngo ziyemeze.
- Politiki y'itangazamakuru yarateguwe, yemezwa mu nama n'bafatanyabikorwa inashyikirizwa inzego bireba ngo ziyemeze

- Politiki igenga uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo yarateguwe ishyikirizwa inzego bireba ngo zizayemeze.
- Hatowe itegeko rishya rigenga imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere
- Itegeko rigenga imiryango nyarwanda itari iya Leta n'irigenga imiryango mvamahanga itari iya Leta yaravuguruwe

**Politike n'amategeko RGB yagizemo uruhare**

Hashingiwe ku byavuye mu igenzura ry RGB n'ibiganiro yagiranye na minisiteri n'ibigo bitandukanye hashyizweho politiki n'amategeko bikurikira:

- Politiki y'amakoperative yaravuguruwe hagamijwe kurushaho kunoza imikorere n'imicungire kugira ngo arusheho kugira uruhare mu bukungu.
- Itegeko ry'ubwisungane mu kwivuza ryaravuguruwe hagamijwe gukosora ibitagenda no kunoza imikorere.

### 1.6.3. Inama mpuzamahanga

RGB yitabiriye inama 11 zirimo izabereye mu Rwanda no mu mahanga. Insanganyamatsiko nyamukuru zaganiriweho muri izo nama zikubiye mu ngeri zitandukanye arizo: Imiyoborere myiza n'ubutabera, amavugurura mu nzego za Leta n'uruhare rwazo mu iterambere ry'ubukungu, Imiyoborere myiza, Demokarasi n'imiyoborere, uruhare rw'itangazamakuru mu miyoborere, uburyo bw'umwimerere mu kwishakamo ibisubizo n'uruhare rw'urubyiruko muri politiki.




***Perezida wa Repubulika, Nyakubahwa Kagame Paul ari kumwe n'abanyacyubahiro bitabiriye inama ya Mo Ibrahim yabereye I Kigali***

**Imbonerahamwe 44: Inama zitandukanye RGB yateguye n'izo yibabiriye**

| | Inama | Insanganyamatsiko | Itariki |
|---|---|---|---|
| 1 | Inama Ngarukamwaka ya Kabiri n'Isabakuru ya 15 ya APRM ( African Peer Review Mechanism) | Kuvugurura no kunoza uburyo bw'imikorere ya APRM<br>**-RGS yagaragajwe nk'urugero rwakwifashishwa** | Kigali, 13-14, Werurwe 2018 |
| 2 | Inama ngarukamwaka ya 7 ya EACA (East African Communication Association)yateguwe ku bufatanye bwa RGB na PAM-Rwanda | Ubukungu bw'Itangazamakuru mu Kinyejana cya 21; ibyugarije umwuga w'itangazamakuru n'icyerekezocy'ejo hazaza haryo.<br>**-RGB yatanze ikiganiro nyamukuru** | KIGALI<br>25 Kanama 2017 |
| 3 | Inama yahariwe Imiyobore yateguwe na Mo. Ibrahim ku bufatanye na RGB.<br>*(Mo. Ibrahim Governance Weekend)* | Imikorere y'inzego za Leta muri Afurika | 27-29 Mata 2018 |
| 4 | Inama mpuzamahanga ngarukamwaka ya ALDEPAC (Ihuriro | Imiyoborere myiza; Urugero | Kigali 20 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | ry'abadepite baharanira ukwishyira ukizana na Demokarasi baturuka mu Burayi, pasifika, Afurika na Karayibe)<br><br>(International Annual Conference of Alliance of Liberals & Democrats for Europe, Pacific, Africa & Caribbean (ALDEPAC) | rw'u Rwanda<br><br>-**RGB yatanze ikiganiro ku miyoborere mu Rwanda** | Gicurasi 2018 |
| 5 | Inama kukubaka ubushobozi bw'inzego za Leta n'uruhare rw'inzego za Leta mu iterambere yateguwe na GCPSE ***(Global Center for Public Sector Excellence)***<br><br>Conference on '***Increasing Intrinsic Motivation in Public Officials'***, organized by Global Centre for Public Service Excellence (GCPSE) in Singapore | Inzego za Leta zitajegajega nk'umusingi wo kubaka igihugu;<br><br>- **RGB yatanze ikiganiro ku miyoborere y' U Rwanda nyuma ya Jenosides yakorewe Abatutsi** | Singapore, 12 Ukwakira 2017 |
| 6 | Inama y'Akarere ka Afurika y'Uburengerazuba yateguwe n'Ikigo giharanira Demokarasi no gutanga ubufasha mu byerekeye amatora ku bufatanye n'urugaga rw'abavoka bo muri Benin<br><br>***(High level Regional Policy Dialogueorganized by the International Institute for Democracy and Electoral Assistance (International IDEA) with AU and Beninese Bar Association*** | Inyungu abaturage bakuye mu myaka 30 ya Demokarasi muri Afurika<br><br>**-RGB yatanze ikiganiro nyamukuru** | Benin 10-12 Ugushyingo 2017 |
| 8 | Inama ku hazaza ha Demokarasi muri Afurika yateguwe n'umuryango "***Never Again Rwanda"*** | Demokarasi ishingiye ku mwimerere nyafurika | Kigali Gicurasi 24, 2018 |
| 9 | Inama ku ruhare rw'urubyiruko mu miyoborere | Urubyiruko na politiki<br><br>**-RGB yatanze ikiganiro** | Kigali 21 Nyakanga |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | Africa Youth Connekt Summit on Youth and Governance, | **nyamukuru** | 2017 |
| 10 | Inama ku mikorere y'inzego za Leta yateguwe na ASPA<br>*( The American Society for Public Administration (ASPA)* | "Guhanga udushya mu mu mitangire ya serivisi.<br>- **RGB yatanze ikiganiro ku mitangire ya serivisi mu Rwanda** | USA 8– 12 Werurwe 2018 |
| 11 | Inama y'impuguke ku bijyanye n'umutekano yateguwe n'Ishuri Rikuru ry'Ingabo z'u Rwanda<br>National Security Symposium organized by the Ministry of Defense, held at the RDF Command College, | Ibibazo by'umutekano muri iki gihe ku mugabane wa Afurika<br>- **RGB yatanze ikiganiro ku ruhare rw'uburyo bw'umwimerere mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage** | Nyakinama-Musanze 14 – 16 Gicurasi 2018 |

### 1.6.4. Ibiganiro n'abaturage



*Mutarama 2018: Prof Shyaka Anastase, Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere aganira n'abaturage bo mu Murenge wa Mudende, Akarere ka Rubavu muri gahunda y'icyumweru cyahariwe ubwunganizi mu mategeko yateguwe na MINIJUST n'abafatanyabikorwa bayo.*

Inama zihuza abayobozi n'abaturage ni urubuga rwo kuganira ku bibazo byugarije abaturage n'ingamba zo kubikemura. Muri iki kiciro hakozwe inama 89 aho RGB yagiye ihura n'abaturage ndetse n'ibyiciro byihariye bibahagarariye nk'abagore, urubyiruko, abafite ubumunga n'abandi, haganirwa ku ngingo zitandukanye zigamije kwimakaza imiyoborere myiza n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

### 1.6.5. Guhanahana ubumenyi n'ibihugu bitandukanye



*RGB yakiriye Intumwa z'Afurika y'Epfo*





RGB yakiriye intuma za Mo Ibrahim Foundation

Mu rwego rwo gusangiza ubumenyi inzego, ibigo n'abantu batandukanye ku miyoborere y'u Rwanda, RGB yakiriye amatsinda 18 y'abanyamahanga baturutse mu bihugu bikurikira: **Afurika y'Epfo, Burkina Faso, Senegali, Zimbabwe, Kenya, Ivory Coast, Gambiya, Haiti, Namibia, Lesotho,Tanzania, Sri Lanka, Singapore, Leta zunze Ubumwe za Amerika**. Andi matsinda RGB yakiriye ni ay'abaturutse mu miryango mpuzamahanga, kaminuza n'ibigo by'ubushakashatsi.

Ibiganiro RGB yagiranye n'aya matsinda byibanze kuri ibi bikurikira: Imiyoborere y'u Rwanda n'uburyo rwiyubatse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubozo, amavugurura mu nzego za Leta n'iterambere ry'Itangazamakuru.

**Ishusho 26: Ibyibanzweho mu guhana ubumenyi**





***Ibyagezweho: RGB, Raporo y'ibikorwa 2017-2018***

Nk'uko bigaraga mu ishusho iri hejuru, mu biganiro bigamije guhana ubumenyi, byaba ibyo RGB yagiranye n'amatsinda ahagarariye ibihugu yasuye u Rwanda ndetse n'abandi bantu bahagarariye imiryango yigenga, byibanze cyane ku miyoborere y'u Rwanda n'uburyo rwiyubatse nyuma ya Jenoside, aho iyi ngingo yagarutsweho ku kigero cya 60% ndetse n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo byagarutsweho ku kigero cya 28%.


### 1.6.6. Ibiganiro n'ubuvugizi binyuze mu itangazamakuru

RGB yatanze ibiganiro binyuze mu bitangazamakuru bitandukanye (Radiyo, Televiziyo n'ibitangazamakuru bikorera kuri Interineti) hagamijwe kwigisha abaturage ku mahame y'imiyoborere myiza, guteza imbere imitangire ya serivisi, kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa ndetse no kumenyekanisha inshingano za RGB. Umubare w'ibiganiro byatanzwe mu bitangazamakuru bitandukanye ugaragazwa n'ishusho ikurikira:


**Ishusho 27: Ibiganiro byatanzwe binyuze mu itangazamakuru**





**Ishusho 28: Ibiganiro byatanzwe hashingiwe ku nsanganyamatsiko zibanzweho**




**Ishusho 29: Ibiganiro RGB yatanze kuri radiyo na televiziyo hakurikijwe insanganyamatsiko**




**Ishusho 30: Ubutumwa buhoraho (Spots) RGB yatanze kuri radiyo na televiziyo**




**Ishusho 31: Igihe ubutumwa bwa Nk'uwikorera bwamaze kuri interineti**




**Ubundi buryo bwo kumenyekanisha ibikorwa by'urwego**

Mu rwego rwo kumenyekanisha gahunda ya Nk'uwikorera, RGB yakoresheje uburyo butandukanye bwo gukangurira abaturage ibyerekeye serivisi inoze. Bumwe mu buryo bwakoreshejwe ni ubu bukurikira.

**Imbonerahamwe 45: Uburyo bwo kumenyekanisha ibikorwa RGB yakoresheje**

| Uburyo | Imibare |
|---|---|
| 1. T-shirts | 100 |
| 2. stickers | 5000 |
| 3. Branded gifts | 100 |
| 4. Branded folders | 200 |
| 5. Branded notebooks | 200 |
| 6. Banners | 6 |

**Ishusho 32: RGB ku mbuga nkoranyambaga**

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Twitter**: Abakurikira urubuga rwa Twitter rwa RGB biyongereyeho 7414 bava ku 18,900 muri Nyakanga 2017 bagera ku 26,314 mu mpera za Kamena 2018.<br>**RGB yashyize ubutumwa 1000 ku rubuga rwayo rwa Twit**ter bugera ku bantu 1,300,000 | Urubuga rwa facebook rwa RGB rwahuje n'urwa twitter. Ubutumwa bwose bushyizwe ku rubuga rwayo rwa twitter buhita bugaragara ku rubuga rwa facebook | Amafoto 99 yashyizwe ku rubuga rwa flickr rwa RGB | Videwo 12 bwashyizwe ku rubuga rwa RGB rwa youtube |

**Uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda**

RGB yasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyange inaremera imiryango umunani y'abarokotse Jenoside ibagabira inka zo kubafasha kuzamura bereho yabo.





## 1.7. Ubuyobozi n'imirimo rusange (administrative and support services)

### 1.7.1. Kubaka ubushobozi bw'urwego

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwateguye igenamigambi ry'imyaka 7 (2018-2024) rihuzwa n'inshingano zarwo ndetse ryubakirwa ku cyerekezo cy'igihugu. RGB yateguye gahunda yo kwinjiza ihame ry'uburinganire mu bikorwa byarwo n'iby'abafatanyabikorwa barwo. RGB yateguye gahunda y'imyaka 7 yo kubaka ubushobozi bw'abakozi bayo ibafasha gusohoza neza inshingano z'urwego.

**Amahugurwa y'abakozi**

- Abakozi 35 bahuguwe mu gutegura inyandiko, raporo bya kinyamwuga (Administrative drafting skill);
- Abakozi 60 bahuguwe mu gusesengura inyandiko za Politike (Policy Analysis);
- Abakozi 70 bahawe Induction training banibuswa amahame n'Inshingano za RGB;
- Abakozi 8 bagize akanama kamasoko (Intenal Tender Committee) bahuguwe mubijyanye n'Imicungire y'Amasoko ya Leta;
- Abakozi 5 bahuguwe mubijyanye n'Imicungire y'Umutungo wa Leta (Public Finance Management);
- Abakozi 2 babonye icyiciro cya 2 cya kaminuza (Masters Degree)

### 1.7.2. Gushyiraho Ihuriro ngishwanama ku miyoborere

Urwego rw'Igihgugu rw'Imiyoborere rwateguye imbanzirizamushinga y'Iteka rya Perezida rishyiraho Ihuriro Ngishwanama ku Miyoborere. Iyi mbanzirizamushinga yashyikirijwe inzego bireba kugira ngo ziyemeze.

### 1.7.3. Kuzuza inzego z'imirimo n'imikoreshereze y'ingengo y'imari

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018, RGB yasohotse mu nzibacyuho. Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'urwego yaremejwe n'abayobozi bakuru bashyirwa mu myanya. Mu rwego rwo kuzuza inzego z'imirimo za RGB, abakozi 77 bamaze gushyirwa mu myanya. Ibyo bikaba bingana na 89% y'abakozi 86 uru rwego ruteganyirizwa, gahunda yo kuzuza imyanya 9 isigaye yaratangiye. Isuzuma ryakorewe abakozi ryagaragaje ko umukozi wesheje imihigo kurusha abandi yagize amanota 92.8% uwagize make yagize 75.6%.

RGB yari yateganyije ibikorwa 54 mu mihigo y'umwaka wa 2017-2018. Ibikorwa 51 bihwanye na 94.4% byarakozwe birarangira. Naho ibikorwa 3 bihwanye na 5.6% ntibyakozwe ngo birangire.

Ingengo y'imari RGB yakoresheje ingana na 4.533.626.540Frw (Ingengo y'imari isanzwe Frw 2.167.758.600 inkunga y'imishinga Frw 2.365.867.940). Iyi ngengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 93% (91% bw'ingengo y'imari isanzwe na 94% by'ingengo y'imishinga).

**Ishusho 33: ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa RGB yari yateganyije mu mwaka wa 2017-2018**




***Aho byavuye**: RGB, Raporo y'ibikorwa, 2017-2018*

### 1.7.4. Gukora raporo y'ibikorwa ya 2017-2018

Raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2017-2018 yarateguwe ishyikirizwa inzego bireba.

### 1.7.5. Gukoresha neza umutungo

RGB yashyizeho ingamba zigamije kunoza imicungire y'umutungo n'abakozi nkuko biteganywa n'itegeko. RGB yagenzuwe n'Ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta. Ubwo bugenzuzi bwibanze ku ikoreshwa ry'imari mu mishinga ibiri ya RGB ndetse n'uko uru rwego rwakoresheje ingengo y'imari rugenerwa na Leta. Igenzura ryakozwe ryagaragaje ko RGB yakoresheje neza ingengo y'imari yahawe.


# IGICE CYA II. IBIKENEYE KWITABWAHO

## 2. IBIKENEYE KWITABWAHO

Hagendewe ku byavuye mu bushakashatsi, isesengura ndetse n'igenzura byakozwe na RGB, hagaragajwe ibibazo bikwiye kwitabwaho no gukurikiranwa by'umwihariko mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'Igihugu. Bimwe muri ibyo bibazo birerekanwa hakurikijwe ibyiciro ndetse n'inzego zigomba kubikurikirana

### 2.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi

**Ikarita 3 : Uko abaturage babona isoko ry'umusaruro**





***Aho byavuye:*** *RGB-CRC 2018*

Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi ni kimwe mu byiciro by'ingenzi byitaweho mu buryo bwihariye muri gahunda za guverinoma zirimo Gahunda y'imbaturabukungu (EDPRSII) ndetse na gahunda ya guverinoma y'imyaka 7 (NST1) hagamijwe kwihaza mu biribwa no kubona isoko ry'umusaruro. Nubwo byateguwe gutyo, umusaruro uracyari muke, ndetse n'uhari isoko ryawo ntirihagije nk'uko bigaragazwa n'ikarita iri hejuru.

CRC 2018 yagaragaje ko abaturage batishimiye isoko ry'umusaruro waba uturuka ku bihingwa ndetse n'uturuka ku bworozi. Ibi bigaragazwa n'uko ¾ by'Uturere, abaturage batwo batishimira izi serivisi ku gipimo kiri hasi ya 50%. Ibi biragaragaza ko hakwiye gushyirwaho ingamba zifatika kugira ngo iterambere rigerweho.

**Ishusho 34: Uko abaturage babona ibirebana na serivisi zo kuhira imyaka, guhingisha imashini ndetse no guhunika umusaruro**




***Aho byavuye:*** *RGB-CRC 2018*


Izindi serivisi z'ubuhinzi zagaragaye ko zirimo ibibazo bikeneye kwitabwaho ni serivisi zo kuhira imyaka, gukoresha imashini zihinga no guhunika umusaruro. Serivisi zo kuhira imyaka no gukoresha imashini zishimwa n'abaturage ku gipimo cya 11.74% naho abazinenga ni 82.82%. Ku birebana no guhunika umusaruro abanenga nibo benshi ku gipimo cya 70.63%.

**2.2. Icyiciro cy'uburezi**

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi cyane cyane mu mashuri abanza n'ayisumbuye, ni ngombwa cyane kunoza zimwe muri serivisi zo muri icyi cyiciro. Byagaragaye ko gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri ifite uruhare runini mu kugabanya umubare w'abana bata ishuri ndetse bigakemura ikibazo cy'igwingira n'imirire mibi mu bana. Nyamara, abaturage bashima ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda baracyari bake.

CRC 2018 igaragaza ko mu turere 2 gusa (Rwamagana na Kamonyi) ariho abaturage bashima ku gipimo kiri hejuru ya 80% mu gihe uturere 13 twiganje mu ntara y'Amajyepfo n'Iburengerazuba bayishima ku gipimo kiri munsi ya 50%.

**Ikarita 4: Uko abaturage babona gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri**





**Aho byavuye:** *RGB-CRC 2018*

Kutagira amazi meza ku mashuri ni ikindi kibazo cyagaragajwe n'abaturage muri serivisi z'uburezi. Ibi byagaragaye cyane mu bice by'icyaro aho ibikorwaremezo by'ibanze birimo amazi n'amashanyarazi ari ikibazo kibangamiye ibi bice

**2.3. Icyiciro cy'ubuzima**

Muri icyi cyiciro, serivisi zo kwakira abagana ibitaro n'ibigonderabuzima, serivisi za farumasi ndetse n'abakozi badahagije ku mavuriro nibyo abaturage bagaragaje ko batishimiye kandi bigaragara ko zigira ingaruka nyinshi mu mitangire ya serivisi z'ubuzima.

**Ishusho 35: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuzima**




***Aho byavuye:*** *CRC-RGB 2018*

CRC2018 yagaragaje ko hamwe na hamwe mu bitaro no mu bigonderabuzima, hakiri ikibazo cy'abakozi badahagije bitewe nuko hari imyanya y'abakozi iri ku mbonerahamwe y'imirimo yabo itarashyirwamo abakozi. Bagiriwe inama yo gushyira abakozi muri iyi myanya kuko bigaragara ko ari kimwe mu bidindiza imitangire ya serivisi muri aya mavuriro.


Nk'uko CRC 2018 ibigaragaza, kwakira abagana amavuriro bikomeje kuba imbogamizi mu mitangire ya serivisi z'ubuzima. Abaturage babajijwe bagera kuri 62.8% nibo bashima uburyo bakirwa ku mavuriro naho 36.9% baranenga. Harasabwa ubukangurambaga buhoraho bwo guhindura imyumvire no kunoza uburyo bwo kwakira abagana amavuriro cyane ko bidasaba kongera ingengo y'imari.

Serivisi za farumasi nazo ni zimwe mu zo abaturage bagaragaje ko zikirimo ibibazo cyane cyane abakoresha ubwisungane mu kwivuza. Bamwe mu baturage kandi bagaragaje ko hari ikibazo cy'ibura ry'imiti cyane cyane mu bice by'icyaro.

### 2.4. Isuku n'isukura

Icyiciro cy'isuku n'isukura kiri mu byagize impinduka ugereranyije na CRC2017, ariko kandi ni icyiciro gikeneye gukomeza kwitabwaho cyane cyane isuku yo mu maresitora n'utubari kuko muri CRC2018, mu turere 22 kuri 30, abaturage bashima isuku n'isukura ku gipimo kiri munsi ya 50% naho mu turere 8 dusigaye bayishima ku gipimo kiri hagati ya 50 na 60%.


**Ikarita 5: Uko abaturage babona isuku yo mu tubari n'amaresitora**




***Aho byavuye:*** *RGB-CRC2018*

Isuku yo mu masoko, mu ngo z'abaturage no ku mubiri nayo iri mu bihangayikishije nk'uko bigaragazwa n'abaturage. Isuku yo mu masoko bayishima ku gipimo cya 48.2% naho isuku yo mu ngo z'abaturage no ku mubiri bayishima ku gipimo cya 58.3%.

**Ishusho 36: Uko abaturage babona serivisi yo mu masoko, mu ngo z'abaturage no ku mubiri**





***Aho bavukiye:*** *RGB-CRC 2018*

CRC2018 yagaragaje ko zimwe mu mpamvu zitera isuku nke mu ngo harimo: Ubujiji, imyumvire iri hasi, kutagira amazi meza ndetse no kutagira ubwiherero mu ngo nyinshi zo mu bice by'icyaro. Ni ngombwa ko ubukangurambaga mu kwirinda indwara ziterwa n'umwanda bukomeza gushyirwamo ingufu.

**2.5. Ikibazo cya ruswa mu byiciro bitandukanye**

Abaturage bagaragaje ko ikibazo cya ruswa ari kimwe mu bibangamira imibereho myiza yabo. Bagaragaje ko ruswa yiganje ahakurikira: Mu itangwa ry'akazi, mu mashuri, muri polisi no mu nzego z'ibanze. Mu mashuri, ruswa ivugwa mu itangwa ry'akazi ku barimu, mu kubashyira mu myanya ndetse no kubazamura mu ntera. Mu nzego z'ibanze, bavuga ko ruswa iba mu itangwa ry'akazi ku bakozi b'Akarere.

**Ishusho 37: Uko abaturage babona ruswa mu nzego zitandukanye**





**Aho byavuye: RGB-CRC 2018**

Nubwo Polisi y'Igihugu iri ku isonga mu kurwanya ruswa, iri muri zimwe mu nzego abaturage bagaragaje ko ziganjemo ruswa. Bagaragaje ko iyi ruswa iri mu mikorere ya polisi yo mu muhanda (Traffic police). Mu nzego z'ibanze, ruswa ivugwa muri gahunda zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage zirimo Girinka, Ubudehe, VUP ndetse no kubakira abatishoboye.

### 2.6. Amakimbirane yo mu miryango

Muri gahunda y'Igihugu y'imyaka 7 (NST1), umuryango ufatwa nk'ishingiro ry'iterambere. Nk'uko bigaragazwa n'abaturage, muri iki gihe umudendezo w'umuryango ubangamiwe n'ibibazo birimo cyane cyane amakimbirane yo mu miryango, gutandukana kw'abashakanye, inda ziterwa abangavu, gukubita no gukomeretsa ndetse n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu ngo.


**Ikarita 6: Uko abaturage babona amakimbirane yo mu miryango**




***Aho byavuye: RGB-CRC2018***

CRC ya 2018 yagaragaje ko uretse Akarere ka Nyamasheke kari kuri 49.20%, amakimbirane yo mu miryango ari mu turere dusigaye ku gipimo kiri hejuru ya 50%. Ibi biragaragaza ko iki kibazo gikwiye kwitabwaho by'umwihariko n'inzego zibishinzwe.

**Ishusho 38: Uko abaturage babona amakimbirane yo mu miryango**




***Aho byavuye:*** *RGB-CRC 2018*

Inda ziterwa abangavu ni cyo kibazo kiza ku isonga mu bibazo byibasiye umuryango. Abaturage 85% bagaragaje ko icyo kibazo gihari. Ikindi kibazo gihari ni ugutandukana kw'abashakanye kiri ku gipimo cya 54.8%. Ikibazo cy'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu ngo kiri ku gipimo cya 31.6% mu gihe ikibazo cy'inzererezi ari 39.1%.

**2.7. Ibibazo bikwiye kwitabwaho mu miyoborere**

Igipimo cy'imiyoborere (RGS) cyagaragaje ibibazo byihariye biri mu miyoborere igamije impinduka ndetse kigaragaza imyanzuro y'ibyakorwa ngo iterambere ryifuzwa rigerweho. Mu myanzuro ikurikira harimo iyatanzwe na RGS ya 4 ariko igikomeza gukurikiranwa ndetse n'myanzuro mishya ya RGS 5

**Imyanzuro ya RGS ya 5**

| IMYANZURO IKOMEZA | IBIGO BIREBA |
|---|---|
| Gushyiraho ingamba zirambye zo guhangana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ikirere. | MoE, MININFRA, MINALOC, MINILAF, REMA |
| Gutegura no gushyira mu bikorwa ingamba z’iterambere rirambye ry’imijyi n’imiturire y’icyaro nk'imwe mu nzira yo kuzamura ubukungu. | MININFRA, MINALOC, RHA, CoK, UTURERE |
| Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y’imyaka itanu igamije kugabanya 80% ku mubare w’abakoresha ibicanwa bikomoka ku mashyamba, hatezwa imbere ikoreshwa rya gazi n’amashanyarazi nk’uburyo bwo kubungabunga ibidukikije. | MoE, MINILAF, MININFRA, REG, REMA, MINALOC, UTURERE |
| Gutegura no gushyira mu bikorwa ingamba zirambye zigamije kuzamura ingano y’ibyo u Rwanda rwohereza hanze kugira ngo bigabanye ikinyuranyo kiri mu byo igihugu cyohereza n’ibyo gutumiza hanze. | MINICOM, MINECOFIN, RDB, NEAB |
| **IMYANZURO MISHYA** | |
| Kongera imbaraga mu ngamba z’igihe kirekire zo gukura abaturage mu bukene hagamijwe gukumira ibibazo bihungabanya umudendezo rusange. | MINALOC, MIGEPROF, LODA, DISTRICTS |
| Gushyiraho ingamba zifasha kuzamura amafaranga yinjizwa n’uturere ndetse n’ayinjizwa n’imijyi yunganira Umujyi wa Kigali kugira ngo intego za gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi, ubushobozi n’iterambere ry’ubukungu zigerweho. | MINECOFIN, MININFRA, MINALOC, RRA, LODA, UTURERE |
| Kongera imbaraga mu ngamba zigamije guteza imbere umuco wo kuzigama hagamijwe kuzamura igipimo cy’ubwizigame nk’uko biteganywa na Gahunda y’Igihugu yo Kwihutisha Iterambere. | MINECOFIN, MINALOC, BNR, UTURERE |
| Guteza imbere ibikorwaremezo by’umwihariko imihanda n’ubwikorezi mu turere tw’icyaro hagamijwe kongera umusaruro no gufasha abahinzi kuwugeza ku masoko. | MININFRA, UTURERE, RTDA, MINAGRI, LODA |
| Kuzamura uruhare rw’umuturage mu iterambere, kuzamura imibereho y’abaturage ndetse n’umuco wo gukurikirana isohozwa ry’inshingano. | MINALOC, UTURERE |

**IBIKENEYE KWITABWAHO BYAGARAGAJWE NA CRC2018**

| # | Icyicaro | Ingamba | Aho kwibanda | Inzego zisabwa kubishyira mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|
| 1 | UBUHINZI N'UBWOROZI | Gukomeza gushyira imbaraga mu kugeza ku baturage ku gihe ibyo bakenera mu buhinzi n'ubworozi hagamijwe kongera umusaruro uzanira inyungu ibyaro | - Inyongeramusaruro;<br>- Imbuto z'indobanure<br>- Kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi<br>- Ubuhunikiro<br>- Kuhira imyaka no guhingisha imashini<br>- Isoko ry'umusaruro | MINAGRI, MINICOM, RAB, NAEB, ABIKORERA |
| 2 | IBIKORWAREMEZO | Kongera ibikorwaremezo bizamura ubuhahirane n'itumanaho, hibandwa mu bice by'icyaro | - Imihanda<br>- Amasoko<br>- Ikoranabuhanga | MININFRA, MINECOFIN, MiTEC, MINALOC, ABIKORERA |
| 3 | UMUDENDEZO W'ABATURAGE | ➢ Kongera ubufatanye mu gukemura ibibazo bibangamiye umuryango utekanye<br>➢ Kuvugurura no kongerera imbaraga 'Community Policing'<br>➢ Komera gushyira imbaraga mu guhangana n'ikibazo cy'abangavu baterwa inda | - Amakimbirane mu ngo;<br>- Ihohoterwa<br>- Inda ziterwa abangavu<br>- Ubujura<br>- Ibiyobyabwenge<br>- Kuboneza urubyaro<br>- Ubunyangamugayo bw'inzego<br>- Ubujyanama ku nzego z'ibanze | MINIJUST, MIGEPROF, MINISPOC, MINALOC, MINIYOUTH, NIC, POLISI Y'IGIHUGU, IMIRYANGO ITARI IYA LETA, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | - Gukemura ibibazo by'abaturage | |
| 4 | GAHUNDA ZITSURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (VUP, GIRINKA, UBUDEHE) | Kurushaho kunoza uburyo gahunda zitsura imibereho myiza y'Abaturage zishyirwa mu bikorwa no gukaza umurego mu guhana no gufatira ibyemezo abagira uruhare n'abagaragaraho imikorere mibi mu ishyirwamubikorwa ryazo | - VUP<br>- Girinka<br>- Ubudehe | MINALOC, MINAGRI, LODA,RAB, UTURERE |
| 5 | ISUKU N'ISUKURA | Kongera ubukangurambaga bugamije kubungabunga isuku n'isukura mu rwego rwo kwirinda indwara zituruka ku isuku nke no kugira ubuzima buzira umuze | -Mu ngo no ku mubiri<br>- Amaresitora<br>- Utubari<br>- Amashuri | MoH, MINALOC, UTURERE<br>MINEDUC, MIGEPROF |
| 6 | URUHARE RW'ABATURAGE | ➢ Kurushaho gushishikariza inzego z'ibanze kuzamura uruhare rw'abaturage mu iterambere ryabo<br>➢ Gukangurira abajyanama n'abandi bayobozi kurushaho kwegera abaturage babagaragariza ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo bifatwa | - Imihigo y'Uturere ;<br>- Igenamigambi ry'Uturere;<br>- Uruhare rw'abaturage;<br>- Uruhare rwa Njyanama;<br>- Gahunda za Leta | MINALOC,<br>MINECOFIN, UTURERE |
| 7 | SERIVISI ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE | Kongerera ubushibozi inzego z'ibanze no kuzuza imyanya y'abakozi b'Akarere n'amavuriro hagendewe ku mbonerahamwe y'imirimo yemejwe na MIFOTRA | - Gushyira abakozi mu myanya hagendewe ku mbonerahamwe y'imirimo | MINALOC, MINECOFIN,<br>MIFOTRA, UTURERE |
| 8 | UBUREZI | Kunoza gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri (school feeding program) mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi | - School feeding<br>- Isuku ku mashuri | - MINEDUC,<br>MINALOC,<br>- UTURERE |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | - Amazi ku mashuri | |
| 9 | UBUZIMA | ➢ Gushyira Poste de Sante aho zitari no kunoza imikorere yazo<br>➢ Kunoza uburyo bwo kwakira abagana amavuriro<br>➢ Kwihutisha kwishyura ibirarane RSSB ibereyemo ibitaro, amavuriro na Farumasi | -Kongerera ubushobozi amavuriro (inyubako, abakozi n'ibikoresho)<br>- Kwishyura imyenda n'ibirarane<br>- Abakozi b'amavuriro kukoza imikorere<br>- Kunoza imikorere ya Mituweli | MINISANTE, MINECOFIN, RSSB, UTURERE |

### 2.8. Ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi

Ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi riracyari hasi ku gipimo cya 44.11%. Muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi izageza muri 2024 iki gipimo kigomba kuba 100%, niyo mpamvu hakenewe imbaraga nyinshi kugira ngo bigerweho. Hakenewe ingamba zo kuzamura igipimo cy'uko abaturage bishimira serivisi bahabwa kikagera kuri 90% nkuko biteganyijwe muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka 2024. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza uko ikibazo giteye mu bigo bitandukanye.

**Imbonerahamwe 46: Ibigo bikiri inyuma mu gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga**

| No | 0.0% | Ntazihari (N/A) | < 25% |
|---|---|---|---|
| 1 | NCC | Intara y'Amajyaruguru | NWC |
| 2 | FARG | Intara y'Amajyepfo | NCPD |
| 3 | NYC | Intara y'Iburengerazuba | RAB |
| 4 | REMA | Intara y'Iburasirazuba | GMO |

***Aho byavuye**: RGB-SD assessment 2018*

Mu bigo bya Leta byagenzuwe, 12 byagize amanota ari hasi (munsi ya 25%) mu birebana no gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga. Intara zose zaragenzuwe zivuga ko nta serivisi zifite zatangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

### 2.9. Ibigo bitubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi bitanga

Inyandiko zigaragaza serivisi zitangwa n'inzego (service charter) zigaragaza serivisi n'uburyo zitangwa. Mu bigo bya Leta 41 byagenzuwe, 29% bifite amanota make mu birebana no kubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi bitanga (munsi ya 60%). Imbonerahamwe ikurikira igaragaza urutonde rw'ibyo bigo.

**Imbonerahamwe 47: Ibigo bitubahiriza ibikubiye mu nyandiko zigaragaza serivisi bitanga**

| No | Amazina | Amanota |
|---|---|---|
| 1 | NIDA | 59,78% |
| 2 | Intara y'Amajyepfo | 58,17% |
| 3 | Intara y'Iburengerazuba | 52,65% |
| 4 | REB | 50,85% |
| 5 | RCA | 50,80% |
| 6 | MINALOC | 50,65% |
| 7 | NCPD | 50,35% |

| | | |
|---|---|---|
| 8 | FARG | 50% |
| 9 | Intara y'Iburasirazuba | 48% |
| 10 | Intara y'amajyaruguru | 45% |
| 11 | Urwego rw'umuvunyi | 39,67% |
| 12 | NCC | 37,50% |

**2.10. Gutinda kwishyura ba rwiyemezamirimo**

Ibigo bya Leta bikenera serivisi zitandukanye zitangwa na ba rwiyemezamirimo. Ariko bimwe muri ibyo bigo bitinda kwishyura ababihaye serivisi. Igenzura ryagaragaje ko ibigo bikurikira bitinda cyane kwishyura ababihaye serivisi: WASAC (36.33%) na NWC (58.50%). Mu bindi 13 bitinda kwishyura, mu cyiciro cyo kuzamura imibereho y'abaturage harimo: FARG, NCPD, MoH, NYC; mu cyiciro cy'ubukungu harimo MINAGRI, WASAC, RURA na RAB.

**2.11. Ibibazo biri mu bwisungane mu kwivuza**

- Ibigo nderabuzima n'ibitaro biberewemo ibirarane n'inzego zifite mu nshingano ubwisungane mu kwivuza
- Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga riracyari hasi muri serivisi z'ubwisungane mu kwivuza

**2.12. Ibibazo byerekeye imiyoborere n'imibereho y'abaturage**

- Amashuri menshi ntafite ibibuga by'imikino n'imyidagaduro, amasomero n'icyumba cy'umukobwa. Mu Ntara y'Amajyaruguru, mu mashuri yagenzuwe 49% nta bibuga afite, 55% ntafite amasomero naho 30% ntafite icyumba cy'umukobwa. Ibi ni imbogamizi ku bana biga muri ibyo bigo. MINEDUC, MINISPOC, MINALOC, MINIYOUTH n'inzego z'ibanze bakwiye gushaka umuti w'ibi bibazo.

- Ibigo bya Leta n'iby'Abikorera bifitiye abaturage ibirarane bingana na miliyari 2,3 z'amafaranga y'u Rwanda. Iki kibazo kireba inzego zirimo Uturere, MINEDUC, Ibigo by'abikorera na ba rwiyemezamirimo ku giti cyabo.
- Hari abaturage bimuwe mu mitungo yabo ku mpamvu z'inyungu rusange bamaze imyaka isaga itanu batarishyurwa amafaranga y'ingurane angana na miliyari 2,4. Inzego zibarimo ibirarane zirimo MINIRENA, MINEDUC, REG, WASAC, DISTRICTS, RTDA na MINICOM.

- Ibibazo by'agatereranzamba mu micungire y'amakoperative bituma ingufu Leta ishyira mu makoperative zitagera ku musaruro wari witezwe mu gukura abaturage mu bukene. MINICOM na RCA zikwiye gushaka umuti urambye w'ibibazo biri mu makoperative.

- Guhuza ibikorwa bya JADF ku rwego rw'Akarere ntibishyirwamo imbaraga zihagije zatuma JADF igira uruhare rufatika mu iterambere ry'uturere. Muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 JADF yitezweho kuba ipfundo ry'iterambere ry'akarere binyuze mu guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa batandukanye. Ku bw'ibyo MIFOTRA, MINECOFIN na MINALOC zikwiye gufasha kugira ngo mu mbonerahamwe y'inzego z'imirimo mu turere hashyirwemo ishami rishinzwe JADF rifite ubushobozi bwo guhuza ibikorwa bya INGO, NGO, FBO, Abikorera n'inzego za Leta zikorera mu karere.

**2.13. Gukurikirana ko imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere yubahiriza amategeko mu mikorere yayo**

Inzego z'ibanze n'imiryango ishingiye ku myemerere zikwiye gukora ibishoboka kugira ngo itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere ryubahirizwe. Inzego bireba zigomba kugenzura ko insengero zujuje ibisabwa ndetse ko inyigisho zitanga zitabangamira uburenganzira bw amuntu n'amategeko y'igihugu.

**2.14. Ubufatanye bwa Leta n'Imiryango itari iya Leta**

Ubu bufatanye muri gahunda yo kuzamura imibereho y'abaturage bukwiye kugezwa mu gihugu hose. MINALOC, LODA n'Uturere bakwiye kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'icyo cyemezo.

**2.15. Ubushakashatsi mpuzamahanga buvuga ku Rwanda**

Bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda mu buryo butari bwo. RGB na MINAFFET (Ambasade z' u Rwanda) bakwiye gushyiraho uburyo bwo kugaragaza mu mahanga isura nyayo y'imiyoborere y'u Rwanda. Hakwiye kubakwa ubufatanye n'ibigo bikomeye by'ubushakashatsi bikorera hirya no hino ku isi (Amerika, Uburayi, Afurika na Aziya) bugamije gusangira amakuru ku bushakashatsi bukorera mu gihugu imbere n'ubukorerwa mu mahanga buvuga ku Rwanda.

**2.16. Ibibazo byugarije urwego rw'itangazamakuru**

Kimwe n'ahandi ku isi, itangazamakuru ryo mu Rwanda rifite ikibazo cy'amikoro gituruka ahanini kukugabanuka kw'amafaranga ryaguraga mu kwamamaza. Politiki ya Guverinoma yo gukoresha ikoranabuhanga mu bigo bya Leta yatumye amatangazo ibyo bigo byanyuzaga mu bitangazamakuru acishwa ku mbuga za interineti z'ibyo bigo; ibyo byagize ingaruka zikomeye ku mikomere y'ibitangazamakuru. Hakenewe kuvugurura amabwiriza agenga imikorerre y'ibitangazamakuru no kongera ubushobozi bw'abayobozi b'ibitangazamakuru, gushyigikira ibitangazamakuru bifite gahunda yo kwishyira hamwe

kugira ngo bizamure amikoro yabyo; ariko n'ibitangazamakuru bikwiye gushyiraho uburyo bw'imikorere butuma bibona amafaranga mu buryo burambye

Haracyagaragara imikorere ihabanye n'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru. Iki kibazo guterwa ahanini n'uko itegeko rigenga itangazamakuru ryemerera umuntu ubishaka wese gukora umwuga w'itangazamakuru hatitawe ku mashuri afite. Hakwiye gushyiraho urugaga rw'abanyamakuru hagamijwe kongerera ingufu kwigenzura kw'abanyamakuru, gushyiraho amabwiriza ngengamikorere no guteza imbere imikorere n'imibereho myiza y'abanyamakuru .

# IGICE CYA III: IMIHIGO YA 2018-2019

## IGICE CYA III. IMIHIGO YA 2018-2019

Imihigo RGB yiyemeje kwesa mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2018-2019 ikubiye mu byiciro bikurikira:

### 3.1. Ubushakashatsi ku miyoborere

Muri iki cyiciro, RGB izakora ibikurikira:

- Gukora RGS ya 6 no gutangaza ibyavuye muri ubwo bushakashatsi;
- Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'isesengura ryimbitse ku nzego zihariye;
- Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda
- Gukoresha Urubuga nkusanyamakuru ku miyoborere mu Rwanda (LGPC);
- Gukora isuzuma ry'umusaruro watanzwe na gahunda ebyiri z'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
- Gukora ubushakashatsi bugamije kwemeza gahunda nshya z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo.

### 3.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

Ibikorwa bikurikira nibyo biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019:

- Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gusangiza abandi amakuru avuga kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo;
- Gutegura amarushanwa agamije kumenyekanisha uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo n'ibyiza tubukesha;
- Kwemeza gahunda nshya z'umwimerere nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo;
- Kwandikisha mu Rwanda gahunda 2 z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, no gutangira gukora ibikenewe ngo zandikwe ku rwego mpuzamahanga;

### 3.3. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF)

Muri iki kiciro, RGB izakora ibikurikira:

- Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera";

- Kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego n'ibigo bya Leta 50, mu bigo by'abikorera 20 no mu miryango itari iya Leta 30;
- Kugenzura imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego ebyiri zizatoranywa;
- Gukora ubugenzuzi ku miyoborere binyuze muri gahunda y'ukwezi kw'imiyoborere;
- Gukorana n'abaturage inama 30 ku rwego rw'umurenge binyuze muri gahunda y'ishuri nozamiyoborere;
- Guhuza ibikorwa by'amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup no gutanga ibihembo;
- Gukurikirana ibikorwa by'amatora y'Abadepite;
- Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana;
- Kongerera ubushobozi Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) hagamijwe guteza imbere imiyoborere myiza n'iterambere ry'Akarere.

**3.4. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta**

RGB izibanda ku bikurikira:

- Kongera imbaraga mu buryo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, Imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere no guha ibyangombwa iyujuje ibisabwa.
- Guhuza ibikorwa no kongera imbaraga mu bufatanye bwa Leta n'Imiryango itari iya Leta kugira ngo gahunda zo kuzamura imibereho y'abaturage zirusheho kubagirira akamaro
- Gutera inkunga imiryango itari iya Leta 35 hagamijwe kuyongerera ubushobozi kugira ngo irusheho kugira uruhare mu kuzamura ubukungu n'imibereho y'abaturage.
- Kugenzura ko imikorere y'imiryango mvamahanga itari iya Leta, Imiryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imitwe ya politiki yubahiriza ibyo amategeko ateganya.
- Gufatanya n'abayobozi b'imiryango ishingiye ku myemerere guteza imbere inyigisho zubahiriza amahame mbonezabupfura.

**3.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru**

Muri iki kiciro, RGB izibanda ku bikorwa bikurikira:

- Gutera inkunga imishinga y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru;
- Kwimakaza imikorere ya kinyamwuga mu itangazamakuru hahembwa abanyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa;
- Kumenyekanisha icyegeranyo cya 2018 cy'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda;
- Gukora isesengura hagamijwe kureba uko itegeko rijyanye no kubona amakuru ryubahirizwa;
- Gukora ubushakashatsi bugamije kugaragaza umusaruro wavuye mu mavugurura yakozwe mu itangazamukuru amaze imyaka itanu ashyirwa mu bikorwa;
- Gukangurira ibitangazamakuru kurushaho gukoresha neza no guteza imbere ururimi rw' Ikinyarwanda;

**3.6. Ibiganiro n'ubuvugizi ku mpinduka zikenewe muri politiki ziriho mu gihugu**

Muri iki kiciro, RGB izibanda ku bikorwa bikurikira:

- Kugirana inama nibura 5 n'Imiryango itari iya Leta, Abikorera, Abaturage, n'Inzego zegerejwe Abaturage mu ntara 4 n'Umugi wa Kigali hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi no guteza imbere imiyoborere myiza;
- Gutegura no kwakira inama mpuzamahanga ku guhanga udushya n'imiyoborere itsura iterambere muri Afurika.
- Gutegura no kwakira inama nyunguranabitekerezo 2 zihuza impuguke mu by'imiyoborere.
- Inama nyunguranabitekerezo igamije kuzamura uruhare rw'abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga mu ifatwa ry'ibyemezo;
- Gusohora inyandiko igaragaza intambwe u Rwanda rumaze gutera mu myaka 25 ishize mu birebana n'imiyoborere ishingiye kuri demokarasi.

**3.7. Ubuyobozi n'imirimo rusange**

- Gushyira mu bikorwa iteganyamigambi rya RGB
- Gushyira mu bikorwa ingamba zo kwimakaza amahame y'uburinganire
- Gutegura gahunda yo kubaka ubushobozi bw'abakozi.

| **Ingengo y'imari ya RGB 2018/2019** | | |
|---|---|---|
| | **Ingengo y'imari itangwa na Leta** | **1,982,390,022** |
| 1 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | 1,338,418,771 |
| 2 | Ibiganiro bigamije ubuvugizi, ubujyanama no guhana ubumenyi | 66,396,604 |
| 3 | Gahunda z'umwimerere zo kwishakamo ibisubizo | 100,000,000 |
| 4 | Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza na JADF | 110,876,625 |
| 5 | Guteza imbere Imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | 187,089,022 |
| 6 | Guteza urwego rw'itangazamakuru | 135,769,000 |
| 7 | Ubushakashatsi ku miyoborere | 43,840,000 |
| | **Ingengo y'imari ituruka mu bafatanyabikorwa** | **2,652,293,926** |
| 1 | DDAG | 464,000,000 |
| 2 | CSOs Strengthening Joint Programme | 615,618,306 |
| 3 | RDSP Project (Funded by Enabel) | 1,000,000,000 |
| 4 | DFID JADF Project | 572,675,620 |
| | **Igiteranyo** | **4,634,683,948** |

**ABAFATANYA BIKORWA B' INGENZI BA RGB**

United Nations
RWANDA
Unity *in* Diversity

UNDP

Department
for International
Development

Enabel

Sida

KOICA
Korea International
Cooperation Agency

german
cooperation
DEUTSCHE ZUSAMMENARBEIT

giz
Deutsche Gesellschaft
für Internationale
Zusammenarbeit (GIZ) GmbH